

Ikinyarwanda – Amashuri abanza

Umwaka wa gatandatu

6

Igitabo cy'umunyeshuri

Uburenganzira bw'umuhanzi

© 2022 Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB)

Iki gitabo ni umutungo wa Leta y'u Rwanda.

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Urwego
rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB).

IJAMBO RY'IBANZE

Munyeshuri,

Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze runejewe no kubagezaho igitabo k'Ikinyarwanda umwaka wa gatandatu w'amashuri abanza. Iki gitabo kizabafasha mu myigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi mu kunoza imyigire y'ibiteganijwe. Intego u Rwanda rufite mu burezi ni ugukora ku buryo mugera ku rwego rushimishije rujyanye n'ikiciro murimo. Ibyo bigamije kubategurira gukomeza kwiga amashuri yanyu kugira ngo mwunguke ubumenyi, ubumenyigiro n'ubukesha bizabafasha kuvamo Abanyarwanda beza.

Mu rwego rwo kuzamura ireme ry'uburezi, Guverinoma y'u Rwanda ishyira imbaraga mu gutegura imfashanyigisho zijyanye n'integanyanyigisho kugira ngo bibafashe mu myigire yanyu. Hari impamvu nyinshi zituma mwiga, ibyo mwize bikabaha ubushobozi bwo gukora. Muri zo twavugaga ibyigwaga biteguye neza, abarimu beza, uburyo bw'imyigishirize, uburyo isuzuma rikorwa ndetse n'imfashanyigisho zateguwe.

Muri iki gitabo, twitaye cyane ku myitozo ibafasha mu myigire yanyu. Iyo myitozo muyubakiraho mutanga ibitekerezo ndetse munivumburira udushya, binyuze mu bikorwa bifatika bikorwa na buri wese ku giti ke cyangwa mu matsinda mato. Iyo myitozo ibafasha kandi kwimakaza indangagaciro zizatuma haboneka ubudasa kuri mwebwe ubwanyu ndetse no ku Gihugu muri rusange. Mufashijwe n'abarimu bafite inshingano zo kubayobora, turizera ko muzunguka ubushobozi bushya muzifashisha mu buzima bwanyu buri imbere.

Mu nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi, imyigire yubakiye ku munyeshuri, aho ategurirwa ibikorwa bimwinjiza mu isomo, bikamufasha kwiyungura ubumenyi, kongera ubushobozi ndetse no kwimakaza indangagaciro zikwiye. Ibi bitandukanye n'imyigire ya kera yari ishingiyeye ku bumwenyi gusa, aho umwarimu yafatwaga nk'uzi byose bityo agahabwa uruhare runini mu myigishirize. Ikindi kandi, ubu buryo buzabafasha mu gukora ibikorwa bitandukanye, mutekereza ku byo mukora kandi munakoresha ubumenyi musanganwe muri icyo myigire.

Ni muri urwo rwego, mu mikoreshereze y'iki gitabo, mukwiye kwita kuri ibi bikurikira:

- Kuzamura ubumenyi n'ubushobozi mukora imyitozo yateganyijwe kuri buri kigwa;
- Gukorana na bagenzi banyu mukorera mu matsinda, mujya impaka ku nsanganyamatsiko runaka, muganira hagati yanyu, mumurika ibyo mwakoze mu matsinda ndetse mukora ubushakashatsi mwifashishije amasomero, murandasi cyangwa ubundi buryo;
- Kugira uruhare mu myigire yanyu;
- Gukora ubushakashatsi mwifashishije inyangirakuri zicapye cyangwa iziri kuri murandasi, kubaza abantu bafite ubunararibonye ndetse no kumurika ibyagezweho;
- Gukora ku buryo muri buri tsinda, buri wese agira uruhare mu kazi yahawe atanga ibitekerezo, akora ubusesesenguzi, kandi akumva ko ari inshingano ze kumurikira abandi ibyakozwe;
- Gukora umwanzuro unozwe ujyanye n'ibyavuye mu bushakashatsi.

Ndashimira cyane abantu bose bagize uruhare mu myandikire y'iki gitabo, by'umwihariko abakozi b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) bagize uruhare muri iki gikorwa kuva gitangiye kugeza kirangiye. Ndashimira byimazeyo kandi abarimu bitabiriye iki gikorwa.


Dr. MBARUSHIMANA Nelson
Umuyobozi Mukuru wa REB



GUSHIMIRA


Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'igitabo k'Ikinyarwanda cy'umunyeshuri, umwaka wa kane w'amashuri abanza. Ntabwo iki gitabo cyashoboraga kwandikwa uko bikwiye, iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi.

Ndashimira abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye, kaminuza n'abandi bitanze batizigamye kugira ngo iki gitabo gishobore kwandikwa. Ndashimira kandi abashushanyije amashusho yakoreshejwe muri iki gitabo.

By'umwihariko, ndashimira Kaminuza y'u Rwanda, Ishami ry'Ubugeni no Gutunganya Amashusho yatanze abahanga bakoze umurimo ukomeye wo gutunganya iki gitabo.

Ndangije nshimira abakozi b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze, cyanecyane abo mu Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho bagize uruhare rukomeye muri uyu mushinga wo kwandika ibitabo.

Habaye hari ubundi bwunganizi ku byanzwa muri iki gitabo twabyakira kugira ngo bizifashishwe mu ivugurura ry'ubutaha.



MURUNGI Joan

Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho/REB

Ishakiro

Iriburiro	i
Ibisobanuro by'ibimenyetso bigaragara muri iki gitabo	ii
Umutwe wa 1: Umuco nyarwanda	1
1.1. Utaganiriye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze.....	1
1.2. Ikinyazina ngenera ngenga.....	4
1.3. Ubukwe bwa Kinyarwanda.....	8
1.4. Ikinyazina mpamagazi.....	12
1.5. Itorero ry'Igihugu n'amatorero ndangamuco	15
1.6. Ikeshamvugo ku isekuru, ku ngobyi no ku rusyo	18
1.7. Umurage n'izungura mu Rwanda.....	23
1.8. Tutitonze umuco wacu waducika.....	27
1.9. Inkuru yo mu kinyamakuru.....	30
1.10. Imikoreshereze y'inyuguti nkuru.....	32
1.11. Isuzuma risoza umutwe wa mbere	36
Umutwe wa 2: Ibidukikije.....	40
2.1. Twakoze urugendo shuri dusura imigezi, inzuzi n'ibiyaga by'u Rwanda	40
2.2. Ikinyazina nyamubaro	44
2.3. Inyamaswa zo muri pariki	47
2.4. Utabusya abwita ubumera	50
2.5. Inshoberamahanga.....	53
2.6. Twasuye Pariki y'Akagera	54
2.7. Itondaguranshinga: imbundo.....	58
2.8. Isuzuma risoza umutwe wa kabiri	61

Umutwe wa 3: Ubuzima bw'imyororokere	65
3.1. Ubuhamya bw'umuntu wanduye indwara yandurira mu mibonano mpuzabitsina.....	65
3.2. Itondaguranshinga: Ibihe bikuru by'inshinga	69
3.3. Twirinde indwara zandurira mu myanya ndangagitsina.....	74
3.4. Ikinyazina mbaza	77
3.5. Nzirinda ikintu cyose cyashora mu busambanyi.....	81
3.6. Ikinyazina mboneranteko	84
3.7. Gera umuzinga ku wa Bugegera	86
3.8. Insigamigani.....	90
3.9. Dore umunyana	91
3.10. Indirimbo.....	94
3.11. Isuzuma risoza umutwe wa gatatu	95
Umutwe wa 4: Uburinganire n'ubwuzuzanye	99
4.1. Uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo.....	99
4.2. Uburinganire n'ubwuzuzanye mu mashuri.....	103
4.3. Uko uburinganire n'ubwuzuzanye buteye mu ngo no mu mashuri.....	106
4.4. Ihangamwandiko	110
4.5. Impaka ku burunganire n'ubwuzuzanye.	115
4.6. Ikiganiro mpaka.....	119
4.7. Amagambo afatana n'atandukana (nuko, ni uko, n'uko, ni ko, ni ubwo, n'ubwo, nubwo, ni bwo).....	121
4.8. Isuzuma risoza umutwe wa kane.....	124
Umutwe wa 5: Gukorera mu mucyo	127
5.1. Kamuhanda na Katabirora	127
5.2. Tumenye ruswa tubone uko tuyihashya	132
5.3. Gukorera ku mihigo bituma wiha gahunda.....	136
5.4. Dutange amakuru ku byo dukora.....	140

5.5. Umwirondoro w’umuntu.....	144
5.6. Umwirondoro.....	146
5.7. Ibaruwa isaba akazi	149
5.8. Ibaruwa y’ubuyobozi.....	151
5.9. Amatangazo	156
5.10. Muyobozi ukeneye abandi.....	161
5.11. Umuvugo.....	165
5.12. Isuzuma risoza umutwe wa gatanu.....	167
Umutwe wa 6: Ubukerarugendo.....	171
6.1. Dusure Pariki y’Igihugu ya Nyungwe	171
6.2. Ikeshamvugo.....	174
6.3. Twigire muri Pariki y’Igihugu y’Akagera	180
6.4. Dusobanukirwe n’ingagi muri Pariki y’Ibirunga.....	184
6.5. Menya ubwiza bw’u Rwanda usura ahantu nyaburanga.....	188
6.6. Kwita ingagi izina bisiga akayabo k’amafaranga.....	194
6.7. Ubwoko bw’amagambo adahinduka: icyungo.....	199
6.8. Nagiye mu muhango wo kwita izina abana b’ingagi	203
6.9. Inkuru	208
6.10. Ubwoko amagambo adahinduka: imigereka/ ingera.....	210
6.11. Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu.....	212
Imyandiko y’inyongera	216
Twiyungure amagambo	222
Ibitabo byifashishijwe	232
Imbuga nkoranyambaga.....	232

Iriburiro

Iki gitabo kigenewe wowe munyeshuri wiga mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza. Cyateguwe hashingiwe ku nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi.

Kigabanyijemo imitwe itandatu kandi buri mutwe ukubiyemo imyandiko ishingiyeye ku nsanganyamatsiko zitandukanye, zijyanye na gahunda y'uburezi lgihugu gishyize imbere.

Insanganyamatsiko zashingiweho mu gutegura imyandiko muri uyu mwaka wa gatandatu ni izi zikurikira: umuco nyarwanda, ibidukikije, ubuzima bw'imyororokere, uburinganire n'ubwuzuzanye, gukorera mu mucyo n'ubukerarugendo.

Nyuma y'izo nsanganyamatsiko, hari ubushobozi rusange nk'umunyeshuri ugomba kugeraho, kugira ngo ushobore kuzuza inshingano zawe nk'umuntu ujijutse kandi ukorana n'abandi, ugamije kwiteza imbere no guteza imbere lgihugu cyawe.

Ubifashijwemo n'umwarimu ndetse n'abo mubana uzasobanukirwa ibitekerezo bigikubiyemo, ukore ibikorwa byateganijwe muri iki gitabo bizatuma uhindura imyitwarire bitewe n'ibyiza uzashima n'ibibi uzanenga.

Muri iki gitabo, imyandiko irimo ishingiyeye ku nsanganyamatsiko igenda yunganirwa n'imyandiko y'ubuvanganzo bizatuma ucengera neza ururimi rw'Ikinyarwanda n'umuco rubumbatiye. Uzasesengura kandi indirimbo imivugo n'inkuru. Uziga kuyobora ibiganiro mpaka, wige ikibonezamvugo n'ikeshamvugo ndetse ufate mu mutwe imyandiko imwe n'imwe.

Ibikubiye muri iki gitabo, bizatuma wowe munyeshuri, Ikinyarwanda ucyumva mu buryo bwimbitse, ukivuge mu buryo bunoze, ugisome udategwa, ucyandike mu buryo buboneye, ugihangemo ibihangano by'ubugeni, ariko ku buryo bw'umwihariko, ugikoreshe utanga ibitekerezo bifite ireme ku buryo byagirira akamaro Abanyarwanda n'abatuye isi muri rusange. Turagusaba gukorana umwete, kugira ngo ugere ku ntego.

Ibisobanuro by'ibimenyetso bigaragara muri iki gitabo

ikimenyetso	Ibisobanuro
	Umwitoto wo kwandika.
	Buri wese akora wenyine.
	Gukorera mu matsinda ya babiri.
	Gukorera mu matsinda y'abantu barenze babiri.
	Kungurana ibitekerezo cyangwa kujya impaka.
	Umwitoto wo gutekereza no gushakisha igisubizo.
	Gukina bigana.
	Gukora ubushakashatsi.
	Umwanya wo gusoma.
	Ishuri ryose.
	Itsinda rinini.

1

Umuco nyarwanda

1.1. Utaganiriye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze



Buri mugoroba umuryango wa Kamana uhurira ku meza, barangiza gufungura bagatarama. Kamana yifuza ko abana be bakurana imico myiza, bigatuma abatoza indangagaciro ndetse n’ubuvanganzo nyarwanda. Yiyumvisha ko igiti kigororwa kikiri gito kandi ko uburere buruta ubuvuke. Akunda kubwira abana be ati: “Ibi mbabwira muge mubyitaho kuko akabando k’iminsi gacibwa kare kakabikwa kure”. Abana be rero abatoza guca imigani, gusakuza, kwivuga ndetse no kuganira n’abandi batebya kugira ngo bazabe intyoza. Nta bwo agarukira ku muco n’ubuvanganzo gusa, ahubwo gutarama buri mugoroba

bituma abaha n’ubumenyi bunyuranye mu bintu bitandukanye. Abana barisanzura, bakamubaza ibyo babona badasobanukiwe, ndetse bikaba n’umwanya wo kuganira ku mibereho yabo mu gihe kizaza.

Umunsi umwe, bataramye nk’uko bari basanzwe babimenyereye maze Umutesi abaza se ati: “Ko kera hatabagaho isaha ndetse n’indangaminsi, abantu bamenyaga bate iminsi n’amasaha”? Nuko se amusobanurira ko kera bashingiraga ku zuba, ku kwezi ndetse no ku nyenyeri mu kuranga igihe.

Abakurambere bacu bo bifashishaga izuba, ukwezi, ingoma z’abami, inzara, igitero, icyorezo, ibihe by’imvura, ingano y’imyaka mu mirima, amatungo n’ibindi. Bayoborwaga kandi n’ibibera mu bintu bibakikije. Bagakurikirana inyoni uko ziririmba, isake igihe ibikira, bakamenya ko imvura igiye kugwa bahereye ku majwi y’inyoni zimwe na zimwe n’ibindi.

Ibyo byose rero ntibabyigiraga mu mashuri kuko atabagaho. Babyigiraga mu miryango bataramanye n’ababyeyi babo. Abana n’ababyeyi babo rero kenshi bataramiraga hanze, bitegereza ikirere n’inyenyeri, cyangwa bagataramira mu nzu, bota umuriro mu gihe k’imbeho.

Mu gitaramo ababyeyi babwiraga abana babo amasano bafitanye n’abandi bantu bo mu muryango wabo, bakabigisha imyitwarire myiza bagomba kugenderaho.

Abahungu babwirwaga iby’ubutwari bwa ba sekuruza, bagategurirwa kuba abagabo. Abakobwa na bo bigishwaga na ba nyina uko bagomba kwitwara, bakigishwa kwirinda gutwara inda zitateganyijwe. Aho ni ho bamenyeraga za kirazira, bakamenya amateka y’abakurambere. Bahamenyeraga ibisekuruza byabo, bakamenya imiryango bashobora gushakamo abageni, iyo bafitanye igihango n’iyo bahanye inka batagomba guhemukira. Aho rero ni ho havuye imvugo ngo “Utaganiriye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze.”

Kuri ubu rero, ibitaramo mu miryango bisa n’aho byacitse. Usanga ahenshi byarasimbuwe no kureba tereviziyo cyangwa kumva amaradiyo. Ababyeyi usanga batakigira umwanya wo gutaramana n’abana babo

kubera imirimo myinshi no gushakisha amafaranga. Hari kandi n’abava mu kazi bakajya kwiga nimugoroba.

Nyamara nta kintu gikwiye gusimbura uruhare rw’ababyeyi mu burere bw’abana, cyanecyane kubagera igihe cyo kuganira na bo nimugoroba. Ni yo mpamvu usanga umuco mwiza ugenda ucika vuba na vuba, ihererekanywa ry’ubuvanganzo rikajyamo icyuho, ku buryo usanga nta bana bakimenya gusakuza, guca imigani ndetse no kuganira batanga ibitekerezo bifite ireme mu mvugo yuje ikinyabupfura.

Bana rero, niba mubona mu muryango wanyu mutabona igihe cyo gutarama no kuganira n’ababyeyi banyu, mwumve ko hari ibintu byinshi muhomba. Nimubibasabe babagere uwo mwanya kandi namwe hagati yanyu muge mutarama, musakuze, muce imigani muganira ku bibera mu isi, maze murebe ko mutahungukira ubumenyi bubafasha kumva neza ibyo mwiga mu mashuri.

Gutarama kw’iki gihe kandi kwagombye kujyana n’igihe tugezemo maze mu bitaramo hakabamo umwanya wo gusoma ibitabo n’ibindi byungura ubwenge abana, abakuru na bo bagakomeza kwihugura kuko kwiga ari uguhozaho.

I. Inyunguramagambo



a) Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.

- | | |
|------------------|-------------|
| 1. Gufungura | 5. Intyoza |
| 2. Gutarama | 6. Igihango |
| 3. Indangagaciro | 7. Kirazira |
| 4. Ubuvanganzo | 8. Icyuho |



b) Umwitozo w’inyunguramagambo:

Koresha amagambo akurikira mu nteruro ebyiri zidahuje inyito:

- | | |
|--------------|-------------|
| 1. Gufungura | 3. Gusakuza |
| 2. Ikirere | 4. Inzara. |

II. Ibibazo byo kumva umwandiko:



Musubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite mutandukura interuro ziri mu mwandiko uko zakabaye.

1. Ni iki Kamana atoza abana be mu gitaramo ku bijyanye n'ubuvanganzo?
2. Ni ibihe bindi abantu bungukira mu gitaramo?
3. Nk'uko bivugwa mu mwandiko, abakurambere bacu barangaga igihe bate?
4. Ni izihe mpamvu zituma umuco wo gutarama mu Rwanda ugenda ucika?
5. Ni iki umwanditsi akangurira abana?
6. Iyo bavuze ngo: «Kwiga ni uguhozaho» wumva iki?

III. Gusesengura umwandiko



Subiza ibibazo bikurikira:

1. Ni izihe ngingo z'ingenzi ziri mu mwandiko?
2. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?
3. Tanga ingero z'indangamuco dusanga muri uyu mwandiko.

IV. Kungurana ibitekerezo



Mwungurane ibitekerezo ku kibazo gikurikira:

Muhereye ku kamaro ko gutaramana n'ababyeyi, musanga impamvu zitangwa zituma ababyeyi badataramana n'abana zumvikana?

1.2. Ikiyazina ngenera ngenga



Nimusome uyu mwandiko maze mutahure imiterere n'umumaro by'amagambo yanditse atsindagiye.

Kwita ku by'iwacu byaturinda gusesagura

Mbere y'umwaduko w'abazungu, Abanyarwanda bari bafite umuco **wabo** bihariye n'ibikoresho **byabo** bikoreraga. Bariraga ku mbehe

zikoze n'amaboko **yabo**, bagateka mu byungo **byabo** bibumbiye, bagahingisha amasuka **yabo** bacuriraga mu nganda **zabo** bakoresha imivuba.

Kurarikira iby'ahandi byatumye umuco **wacu** ucuyuka n'ubukorikori **bwacu** burahagarara. Mbere twari dufite amasuka **yacu**, dufite umuco **wacu**, imbyino **zacu**, n'indirimo **zacu** none byose usanga byaraganjwe n'iby'ahandi.

Inama rero ni uko dukwiye gukoresha iby'ahandi tudashobora kwikorera **iwacu**. Twagendera mu modoka **zabo** kuko tudashobora kuzikora, ariko tukarira ku mbehe **zacu**, tukanywa ibinyobwa **byacu**. Gutira tugatira n'ibyo dushobora kwikorera hano iwacu ni byo bituma duhora turi inyuma **yabo**. Nta shema bitera gukoresha iby'ahandi kandi ushobora kwikorera **ibyawe**.

Ibibazo byo gusubiza:

1. Amagambo yanditse atsindagiye murumva asobanura iki?
2. Ni ibihe binyazina mwumva byumvikana muri ayo magambo?
3. Ese iyo afashe indomo "i" cyangwa n'izindi ndomo "u" na "a" mwumva akomeza kuba ibinyazina?

Inshoza y'ikinyazina ngenera ngenga

Ikinyazina ngenera ngenga kerekana utunze n'icyo atunze. Kikaba ari inyunge ya ngenera na ngenga.

Imiterere y'ikinyazina ngenera ngenga

Mu nteruro, ikinyazina ngenera ngenga gikurikira izina ariko kandi gishobora no kurisimbura. Iyo cyasimbuye izina, gifata indomo.

Urugero:

Abana **bange** bakunda kwigira. **Abange** bakunda kwigira.

Igihugu **cyacu** ni intangarugero mu kubahiriza uburinganire. **Icyanyu** se cyo kimeze gite?

Umuhungu **wabo** yiga mu wa kane. **Uwabo** yiga mu wa kane.

1. Reba uko ibinyazina ngenera na ngenga byiyunga:

Urugero:

Bange = ba + nge

2. Iyo ikinyazina ngenera kiyunze na ngenga muri ngenga ya mbere n'iya kabiri mu bwinshi, indangasano (indangakinyazina) **tu-** na **mu-** zihinduka -cu na -nyu kandi n'igicumbi cya ngenga kikaburizwamo.

Urugero:

Twandika “Imbehe **zacu**” aho kuba “imbehe **zatu**.”

Twandika “Imbehe **zanyu**” aho kuba “imbehe **zamu**.”

3. Muri ngenga ya gatatu y'ubumwe ariko mu nteko zose, igicumbi cya ngenera n'indangasano ya ngenga biburizwamo.

Urugero:

Abana **be**

Inka **ze**

Dore imbonerahamwe y'ikinyanzina ngenera ngenga:

	ng1 bu	ng1 bw	ng2 bu	ng2 bw	ng3 bu	ng3 bw
Nt.1	wange	wacu	wawe	wanyu	we	wabo
Nt.2	bange	bacu	bawe	banyu	be	babo
Nt.3	wange	wacu	wawe	wanyu	we	wabo
Nt.4.	yange	yacu	yawe	yanyu	ye	yabo
Nt.5	ryange	ryacu	ryawe	ryanyu	rye	ryabo
Nt.6	yange	yacu	yawe	yanyu	ye	yabo
Nt.7	cyange	cyacu	cyawe	cyanyu	ke	cyabo
Nt.8	byange	byacu	byawe	byanyu	bye	byabo
Nt.9	yange	yacu	yawe	yanyu	ye	yabo
Nt.10	zange	zacu	zawe	zanyu	ze	zabo
Nt.11	rwange	rwacu	rwawe	rwanyu	rwe	rwabo
Nt.12	kange	kacu	kawe	kanyu	ke	kabo

Nt.13	twange	twacu	twawe	twanyu	twe	twabo
Nt.14	bwange	bwacu	bwawe	bwanyu	bwe	bwabo
Nt.15	kwange	kwacu	kwawe	kwanyu	kwe	kwabo
Nt.16	hange	hacu	hawe	hanyu	he	habo

Murabona ibinyazina biteye bite mu nteko zitandukanye?

Imyitozo



Musubize ibi bibazo

1. Tanga interuro enye ukoreshamo ikinyazina ngenera ngenga muri ngenga ya mbere n'iya kabiri mu bwinshi.
2. Tahura ibinyazina ngenera ngenga biri iyi baruwa uvuge n'inteko birimo.

Ku nshuti yange nkunda,

Nkwandikiye aka kabaruwa ngira ngo ngusuhuze, ariko nakumenyeshe ko nkizirikana ubucuti bwange nawe ntazigera nibagirwa.

Rwose mu nshuti zange, wambereye inkoramutima.

Ndibuka ya nseko yawe izira imbereka, ya ndoro yawe yampogozaga, na rya jwi ryawe riyunguruye ryumvikanaga mu turirimbo twacu.

Ndibuka ukuntu ababyeyi bawe banyakiranye ubwuzu umunsi nza kugusura iwanyu bwa mbere ndi kumwe na mukuru wange.

Uribuka twa dukino twacu tukiri abana, za nka zacu twabumbaga mu rwondo, na za ndabo zacu twateraga tukazuhira ubudatuza.


Urukumbuzi ngufitiye rumbuza gusinzira. Rwamarwa gusa n'uko natura hafi yawe, iruhande rwawe, sinongere kuba kure yawe ukundi.

Uwawe utazakwibagirwa,

Saba Edith.

3. Simbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro zikurikira ikinyazina ngenera ngenga gikwiye:
- a) Ubutumwa bwa Perezida wacu ni ubwo kutwifuriza umwaka mushya muhire.
 - b) Amasambu ya so n'aya nyokorome ahana imbibi n'isambu nsangiye n'umuvandimwe tuvukana.
 - c) Amakuba yakubayeho n'ayabaye kuri Karori nayabwiwe n'umuvandimwe musangiye ababyeyi.

1.3. Ubukwe bwa kinyarwanda



Sesonga Yohani mwene Sebazungu ni umusore w'ibigango umaze gusoreka. Yari yujuje inzu ya kiyambere isakaje amategura. Umunsi umwe, se wabo aramusura asanga avuye gutera agapira amaze kwiyuhagira, bicarana mu ruganiriro. Nuko uwo musaza yitegereza uburyo inzu ye iteye amarangi meza, intebe nziza, akabati, ameza yo kuriraho n'ibindi. Nuko bakomeza kuganira abyitegereza ariko ageze aho aramubaza ati: “Ese shahu, ko ndeba nta kibuze mu nzu yawe, kuki utarongora? Urashaka kuzaba Padiri”? Umuhungu araseka cyane, maze aramubwira ati: “Nabuze umuranga. Kandi sinarambagiza nta

muranga bimwe byateye ubu. Nge ndifuzza gushaka ahantu haba hari umukobwa w'imico myiza, warinze ubwari bwe maze nkamurambagiza tukabanza tukamenyana, nkamwereka imico yange na we akanyereka iye. Sinifuzza guhubuka ngo ejo uzasange dutandukana tutamaze kabiri dore ko ari byo byeze”.

Nuko umusaza aramubwira ati: “Nyamara kwa Ruringabo uwo mukobwa wifuzza arahari. Se ni inshuti yange dukunze gusurana. Nakomeje rero kwitegereza imico y'umukobwa we urangije kaminuza, nsanga nta we namunganya. Nubwo ari imfubayi, mukase yamureze neza; kandi yarize azashobora kurera n'ibibondo byanyu neza”. Nuko umusore aramusubiza ati: “Ubwo ntumbereye umuranga?” Reka ahubwo nzamugenderere tunganire.” Nuko se wabo ati: “Ubwo se ko se ari inshuti yange, wamuntumyeho nkamukubwirira?” Sesonga araseka cyane. “Mbe muzehe, ugira ngo ibya kera ni byo by'ubu? Kuri ubu nta musaza ugishimira umugeni umwana we. Kandi atari nange, n'uwo mukobwa abyumvise yabiseka cyane kuko se ntiyamuhatira gusanga uwo adashaka. Reka rero nzabanze nganire na we, niduhuza kandi tugakundana, nzababwira muge kumunsabira”.

Iryo joro aryama ataryamye, afata ikemezo cyo gushaka umufasha bazubakana. Akomeza kubaza mu nshuti n'abavandimwe iby'imyitwarire y'uwo mukobwa, bese bakagenda bamumushimira. Hashize iminsi yiyemeza kumusura iwabo nk'umusore ugiye kurambagiza. Nuko ahageze bamwakirana urugwiro, baramuzimanira, aseze Gasaro aramuherekeza. Ubwo ni bwo Sesonga yamubajije kuri gahunda afite z'ubuzima bwe buri imbere. Kuva ubwo bakomeza gusurana, barakundana, baramenyana, bemeranya kubibwira ababyeyi babo.

Ntibyatinze rero, ku muni yari yateguye, Sesonga atura ababyeyi be akayoga, bigeze hagati abasaba ijambo. Nuko araterura ati: “Babyeyi rero, nashimye umukobwa wa Ruringabo none ndashaka ngo muzage kumunsabira”. Iryo jambo ababyeyi bararishima. Hagiye iminsi baja kuvunyisha kwa Ruringabo ko bifuzza gufata irembo.

Nuko imiryango yombi itangira imyiteguro. Batora abaranga n'abahagarariye imiryango ku mpande zombi. Igihe cyo gusaba kigeze, barasaba, barakwa, baratebutsa, barangije barashyirirwa.

Uwo muni wo gusaba ni wo wanshimishije muri byose. Abari bahagarariye imiryango yombi baryoheje ubukwe kubera uburyo bavugaga Ikinyarwanda kinoze. Babanza guterana amagambo basa n'abacengana, ndetse bavuga ko n'umugeni basaba adahari. Uburyo usaba abyitwaramo burashimisha cyane, kuko imitego yose bamutega ayikuramo neza, bakamubeshyera akiregura, maze byageraho bakamwemerera umugeni ariko babanje kumurushya nyamara ntiyigere na rimwe arakara ngo yivumbure.

Mu kujya gukwa na bwo byari uko. Batoye abakwe barimo abikorezi, umushumba, abagabo b'ibikwerere, abagore b'amajigija, abasore n'inkumi nange ariko nari mbarimo. Nuko dusanga batwiteguye, imisango iratangira. Umukwe mukuru araterura ati: "Mu by'ukuri duheruka hano tuje gusaba umugeni, none twari tubazaniye inkwano. Inkwano tubaha si ikiguzi ahubwo ni ikimenyetso cy'uko mwareze neza. Ubwo nimuhuguka murambwira nsabe umushumba ahamagare inyana twazanye". Umushumba amaze kuvuga izina ry'inka umukwe mukuru abaha n'isuka rugori yo kuyihingira ubwatsi; abari aho batanga amashyi n'impundu.

Inkwano imaze kwakirwa umugeni asohoka yambaye ikanzu ndende, asa n'izuba rirashe, akimbagira ashagawe n'abasore n'inkumi yicara iruhande rw'umukwe. Nuko imihango y'ubukwe irakomeza. Nimugoroba baherekeza abakwe. Hacyeho igihe kigera ku kwezi, habaho gushyingira, byose bigenda neza. Ubu Sesonga ni umugabo uganje mu rugo hamwe n'umufasha we Gasaro.

I. Inyunguramagambo



a) **Mushake ibisobanuro by'amagambo akurikira muhereye ku buryo yakoreshejwe mu mwandiko**

1. Umuranga
2. Kurambagiza
3. Kuvunyisha
4. Imisango
5. Inkwano
6. Isuka rugori
7. Impundu



b) Umwitozo w'inyunguramagambo

Koresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:

- | | |
|----------------|-------------|
| 1. Kurambagiza | 4. Inkwano |
| 2. Kuvunyisha | 5. Ibigango |
| 3. Imisango | |

II. Ibibazo byo kumva umwandiko



Nimusubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite.

1. Umusore uvugwa muri uyu mwandiko amaze gushima umukobwa yakoze iki?
2. Ni uwuhe munsu washimishije umusore uvugwa mu mwandiko? Kuki?
3. Ni iki kerekana ko Sesonga ari umusore w'imico myiza?
4. Ni iki kerekana uburere bwiza bwa Gasaro?
5. Sesonga yari ayyanwe n' iki kwa Gasaro?
6. Ni iki kerekana ko abari mu misango bishimiye ibyakozwe?
7. Imihango y'ubukwe ivugwa muri uyu mwandiko ni iyihe?

III. Gusesengura umwandiko



Subiza ibibazo bikurikira:

1. Garagaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.
2. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?
3. Ni izihe ngero z'indangamuco nyarwanda zivugwa mu mwandiko?

IV. Gukina bigana

Muhereye ku mwandiko mumaze gusoma, nimuhimbe agakino mwigana imisango y'ubukwe bwa kinyarwanda, ku buryo hagaragamo umusangza w'amagambo, usaba n'usabwa umugeni, abasangwa n'abakwe. Mukoreshe imvugo iboneye y'lkinyarwanda muri iyo misango.

1.4. Ikinyazina mpamagazi



Nimusome uyu muvugo mwitonze maze mugerageze gutahura imiterere n’umumaro by’amagambo yanditse atsindagiye

Umuco wacu tuwusigasire

Wa mugabo we utuye i Rwanda

Wa mugore we mu rugori

Wa musore we uvuka i Rwanda

Wa mwari we nawe berwa

U Rwanda rwacu rurabakunda.

Mwa bana mwe nshuti zange

Mwa banyeshuri mwe mwigira

Nimuhaguruke duhagarare

Tubungabunge umuco wacu

Utaducika tukawuhomba.

Imico y’ahandi na yo igira ibyiza

Ariko n’ibibi byinshi biyibamo

Nabonye abashakanye bagatana

Mbona abakundana bagahemuka

Abari bambara ntibikwize.

Mwa bayobozi mwe mutuyobora

Mwa babyeyi mwe mwabyaye

Mwa barezi mwe muduha uburere

Mwa barerwa mwe mukibwiruka

Nimutabare mudata uwo muco.

Nimuhaguruke muhagarare

Isi iragenda iba umudugudu

Imico irinjiranamo ubutitsa

Nitutugarira turugarizwa

Umuco wacu ugende wose.

Umuco wacu tuwusigasire

Umubano wacu tuwukomereho

Twamagane ibibi biva iyo hose

Bitadutokoza tukaba umwanda
Umuco wacu uganze i Rwanda.

Ibibazo byo gusubiza:

1. Amagambo yanditse atsindagiye mwumva afite uwuhe mumaro muri izi nteruro?
2. Muhereye ku miterere yayo, mwayita iki?
3. Yakoreshejwe muri ngenga zihe?
4. Ushobora guhamagara ikindi kintu kitari umuntu? icyo gihe bigenda bite?

a) Inshoza y'ikinyazina mpamagazi

Ikiyazina mpamagazi gituma igihamagarwa cyumva ko bashaka ko kiza cyangwa gitega amatwi bakakibwira.

b) Imiterere y'ikinyazina mpamagazi

Ikiyazina mpamagazi ntikigira indomo, kibanziriza izina ry'igihamagawe kandi gituma indomo y'iryo zina itakara iyo riyifite. Iyo izina gisobanura riri mu bumwe kiba **wa**, ryaba riri mu bwinshi kikaba **mwa**. Ni ukuvuga ko gikoreshwa gusa muri ngenga ya kabiri y'ubumwe n'ubwinshi. Ijambo risobanura igihamagawe rikurikirwa iteka n'ikinyazina ngenga gifite igicumbi – e.

Iyo dukoresheje ikinyazina mpamagazi duhamagara ibindi bintu bitari abantu, ibyo bintu bifatwa nk'abantu mugiyeye kuvugana maze isanisha ryose rigakorwa mu nteko ya mbere cyangwa iya kabiri kuko ari zo ziranga abantu.

Urugero:

1. Yewe **wa** nyana we, nzakorora neza, nkugaburire ubwatsi butoshye, nkuhire amazi meza, maze uzambyarire izindi nka nyinshi!
2. **Mwa** biti mwe, nzabagurisha.

Dore imbonerahambwe y'ibinyazina mpamagazi:

Ngenga	Ikinyazina	Ingero
Ngenga ya 2 mu bumwe	wa we!	<p>Wa mugabo we, urashaka iki?</p> <p>Wa mugezi we, tuza nambuke!</p> <p>Wa gare we, ko untengushye!</p> <p>Wa gitabo we, nzagusoma nkurangize!</p> <p>Wa hene we, urarushya!</p> <p>Wa rukwavu we, uzi kwiruka!</p> <p>Wa kana we, urakubagana!</p> <p>Wa bwato we, bagupakiye byinshi!</p> <p>Wa kuguru we, ko udakira ngo nikinire agapira!</p> <p>Wa hantu we, urasa nabi!</p>
Ngenga ya 2 mu bwinshi	mwa ...mwe!	<p>Mwa bana mwe, murakubagana!</p> <p>Mwa migozi mwe, ntimucike ntagwa!</p> <p>Mwa mabuye mwe, ntimumpirimire!</p> <p>Mwa biti mwe, nzabacana!</p> <p>Mwa modoka mwe, mutuze nambuke!</p> <p>Mwa twana mwe, mwabaye mute?</p> <p>Mwa bwoya mwe, mwapfutse ku ruhe rukwavu?</p> <p>Mwa hantu mwe, nzajya he ndeke he?</p>

Umwitozo:



Mutange ingero z'interuro enye mukoreshamo ikinyazina mpamagazi.

1.5. Itorero ry'Igihugu n'amatorero ndangamuco



Itorero ry'Igihugu n'amatorero ndangamuco bifite uruhare runini mu kwimakaza umuco nyarwanda n'indangagaciro. Itorero ry'Igihugu ni urwego rugamije gukangurira Abanyarwanda uburere mboneragihugu. Rigamije kwimakaza uburenganzira bwa muntu, demokarasi, imiyoborere myiza, kwiteza imbere mu bukungu n'izindi ndangagaciro. Itorero ry'Igihugu ritanga umusanzu mu gufasha gukemura ikibazo k'imyumvire n'imyitwarire, no gufasha guhindura imikorere idashimishije hashingiwe ku muco nyarwanda. Itorero ry'Igihugu si gahunda y'amahugurwa gusa ahubwo rigamije no gutoza Umunyarwanda kuba umusemburo w'impinduka nziza.

Mu itorero, Abanyarwanda bigiramo imyitwarire iboneye no kutaba ibigwari. Bigyibutsa za kirazira, bagahugurwa ku bijyanye n'imiyoborere myiza, guharanira kuba intwari, kwanga ubuhemu, gufatanya n'abandi mu gukemura ibibazo no kwirinda ubugambanyi.

Intore rero ni zo musemburo w'impinduka nziza mu ngeri nyinshi z'ubuzima bw'Igihugu, imibereho myiza y'umuryango n'iterambere.

Ni byiza ko Abanyarwanda bagira ubumenyi n'ubumenyingingiro bituruka mu mashuri yaba ay'inshuke, abanza, ayisumbuye n'amakuru. Nyuma y'ibyo hagomba kwiyongeraho imyitwarire igendanye n'umuco n'indangagaciro zikwiye kuranga umuntu w'inyangamugayo. Ni ngombwa kwimakaza kirazira ziyana n'indangagaciro, abiga bakamenya ko kizira kwica, kwiba, gusebanya, gutukana, kugira umwanda, kwivangura, kutumvira, kugira ubusambo, kudakora imikoro wahawe, gutererana abari mu kaga, kugira ubusambo, kurenganya abo uyoboze n'ibindi.

Mu Rwanda kandi dufite n'amatorero ndangamuco. Aya matorero ndangamuco afasha kwimakaza umuco wo gutarama no guhiga nk'imwe mu nzira nziza zo kugaruka ku isoko y'umurage w'u Rwanda no kuwuhesha agaciro. Ni amatorero asusurutsa abitabira ibitaramo mu mbyino n'imihimirizo gakondo byo mu duce dutandukanye tw'Igihugu.

Usibye Itorero ndangamuco ry'Igihugu «Urukerereza» hari n'andi matorero anyuranye afasha mu kwimakaza umuco nyarwanda binyujijwe mu mbyino n'indirimo. Ubu amatorero amaze kumenyekanana cyane ni Inganzo ngari, Intayoberana n'andi menshi. Aya matorero rero agira uruhare runini mu kumenyekanisha u Rwanda mu maserukiramuco mpuzamahanga yitabira.

Usibye rero kuba amatorero nk'aya afasha mu kumenyekanisha umuco nyarwanda, anafasha abayagize kwiteza imbere bagashobora kwigirira akamaro no kukagirira imiryango yabo. Aya matorero ndangamuco yunganira Itorero ry'Igihugu mu kwimakaza umuco gakondo n'indangagaciro nyarwanda.

Byafatiwe ku nyandiko "Amateka y'itorero ry'Igihugu"

I. Inyunguramagambo



a) Mwongere musome uyu mwandiko maze mushakemo amagambo afite ibisobanuro bikurikira:

1. Abantu batoranyijwe mu bandi ngo bigishwe imyitwarire iboneye.
2. Umuntu utari inyangamugayo mu byo akora, utari intwari.

3. Ibintu bidakwiye gukorwa mu muryango.
4. Umuntu wagaragaweho ibikorwa byiza by’ indashyikirwa.
5. Ibintu bashyira mu mutobe ugahinduka inzoga, babishyira mu mitsima ukongera ubunini.
6. Ihuriro ry’ abantu bagamije ibiganiro byubaka, hakivangamo kubyina, kuririmba no gusangira amafunguro.



b) Umwitozo w’inyunguramagambo

Koresha mu nteruro zawe bwite amagambo akurikira:

- | | |
|---------------|------------------|
| 1. Umusemburo | 4. Indangagaciro |
| 2. Intore | 5. Amatorero |
| 3. Iterambere | |

II. Ibibazo byo kumva umwandiko



Nimusubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite.

1. Itorero ry’Igihugu rifite akahe kamaro?
2. Mu Itorero ry’Igihugu abantu bigiramo iki?
3. Muri uyu mwandiko haravugwamo ko ari ngombwa kwimakaza iki?
4. Amatorero yandi avugwa mu mwandiko afite akahe kamaro?
5. Itorero ndangamuco rigaragariza he ibihangano byaryo?
6. Kumenya imibereho y’ abakurambere byamarira iki urubyiruko?
7. Urabona byagenda bite Itorero ry’ Igihugu ridakoze inshingano zaryo uko bikwiye?

III. Gusesengura umwandiko



Subiza ibibazo bikurikira:

1. Ni izihe ngingo z’ingenzi ziri mu mwandiko?
2. Kora inshamake y’uyu mwandiko mu mirongo itarenze icumi.

IV. Kungurana ibitekerezo



Mutange ibitekerezo kuri iki kibazo:

Muhereye ku bivugwa mu mwandiko mumaze gusoma, mwungurane ibitekerezo mugaragaza uko byagenda Abanyarwanda baramutse batitabiriye Itorero ry'Igihugu ntihabeho n'amatorero ndangamuco. Ni izihe ngaruka byagira ku muco nyarwanda no ku Banyarwanda ubwabo?



Umukoro

Mu matsinda cyangwa se mwese hamwe mu ishuri nimushinge itorero ndangamuco muhange indirimbo n'imbyino, muge mwitoza mu mwanya ugenewe imikino n'imyidagaduro maze muzage museruka mu gihe k'ibirori ku ishuri ryanyu n'ahandi mwatumirwa.

1.6. Ikeshamvugo ku isekuru, ku ngobyi no ku rusyo



Nimusome aka gace k'umwandiko maze mutahure imvugo iboneye ikoresha ku isekuru, ingobyi n'urusyo.

Mu muco nyawanda, hari ibikoresho bubahaga cyane kubera akamaro byari bibafitiye maze babishakira imvugo yabugenewe. Icyamba bubahaga ni ingobyi umubyeyi yahekagamo umwana. Ingobyi zabaga zikannye mu mpu z'intama mu gihe iz'ubu ziba zikoze mu myenda cyangwa mu budodo. Nta washoboraga rero kuvuga ngo agiye kugura ingobyi. Bavugaga ko ari ukuyikosha. Ingobyi kandi ntimeswa ahubwo irahanagurwa kuko kumesa ingobyi ari igitutsi. Ingobyi kandi ntibayijugunya yashaje ahubwo barayishyiringura yakuze.

Ibindi bikoresho bubahaga ni urusyo n'isekuru. Kubigura ni ukubikosha. Urusyo ntibavuga ngo rwamenetse babyita gusandara. Isekuru na yo yarubahwaga kuko ari yo yifashishwaga cyane mu gutegura ibiribwa. Ntibazwa, iraramvurwa, ntimeneka iraribora, ntisaza irakura. Ayo

ni amwe mu magambo yabugenewe akoreshwa kuri ibyo bikoresho. Namwe mwihatire kumenya ayandi kugira ngo mutazatira umuco wacu.

Ibibazo byo gusubiza:

- a) Nimutahure imvugo isanzwe n'imvugo yabugenewe ikoreshwa ku ngobyi, isekuru n'urusyo maze mubyuzuze mu mbonerahamwe ikurikira:

Imvugo isanzwe	Imvugo ikoreshwa ku ngobyi, isekuru n'urusyo
1.	
2.	
3.	
4.	
5.	
6.	
7.	
8.	

- b) Musanga ari iyihe mpamvu biriya bikoresho bigenerwa imvugo yihariye?

1. Inshoza y'ikeshamvugo

Ikeshamvugo ni ikoreshwa ry'amagambo yabugenewe ku bantu no ku bintu Abanyarwanda bubahaga cyane mu muco wabo.

2. Amagambo yabugenewe ku isekuru



Ntibavuga	Bavuga
Kumanikwa	Kujishwa
Guturwa	Kururutswa
Gusaza	Gukura
Kwikorerwa	Kuremererwa
Kumeneka	Kuribora
Kubazwa	Kuramvurwa
Igiti basekurisha	Umuhini

3. Amagambo yabugenewe ku ngobyi



Ntibavuga	Bavuga
Kuyigura	Kuyikosha
Kuyimesa	Kuyihanagura
Gusaza	Gukura
Kuyibika ishaje	Kuyishyingura

4. Amagambo yabugenewe ku rusyo



Ntibavuga	Bavuga
Amasaka arunze ku rusyo	Itsinda
Gutangira gusya	Kwanzika
Kurangiza gusya	Kwanzura
Ibuye baseraho	Urusyo
Ibuye bashesha	Ingasire
Kudonda urusyo	Kurukoma
Ibuye bakomesha urusyo	Intosho
Gutega urusyo ngo rudatamba	Kurushyigikira
Umushishi cyangwa agashinge bahanaguza urusyo	Umwanzuzo
Kugura urusyo	Gukosha urusyo
Kumeneka k'urusyo	Gusandara
Gusaza	Gukura
Ifu inoze cyane	Inono
Kwigizayo ifu basya	Gukoma ifu

Imyitozo:



Muri aka kandiko, simbuza imvugo itanoze, imvugo yabugenewe ikoreshwa ku isekuru, ingobyi n'urusyo.

Kera Abanyawanda bari bafite ibikoresho bya Kinyarwanda byabafashaga mu mibereho yabo ya buri muni, birimo ingobyi, isekuru n'urusyo.

Duhereye ku ngobyi bahekagamo abana, yari igikoresho cyubashywe na buri wese. Nta wahekaga mu ruhu rw'ihene cyaraziraga. Bakoreshaga uruhu rw'intama. Uwabaga adatunze intama, iyo yabyaraga yajyaga kugura ingobyi mu batunzi. Yabaga ikomeye ku buryo yayihakagamo abana benshi mbere yo kuyijugunya. Ingobyi kandi yagirirwaga isuku, ikameswa, kandi igasigwa amavuta kugira ngo yorohe.

Iyo umubyeyi yabaga yabyaye, abandi babyeyi bazaga kumushyigikira bakamusera ifu yo gushigishamo igikoma. Ifu bayisyaga ku ibuye rinini, bakoresheje amabuye mato. Babanzaga guhonda urusyo, barangiza bakarutereka ku mabuye hanyuma bagashyiraho ibyo gusya, bagatangira bagasya.

Iyo babaga barangije gusya, bakuragaho ifu bakoresheje utwatsi.

Isekuru yo bayifashishaga mu gusekura amasaka n'uburo kugira ngo biveho umurama. Isekuru zabazwaga mu biti by'imivumu. Udashoboye kuyibaza yarayiguraga. Mu gusaza kw'isekuru yaratobokaga cyangwa igasaduka.

Ibi rero byari ibikoresho bya kinyarwanda Abanyarwanda bikoreraga. Kuri ubu byasimbuwe n'ibya kizungu, ariko isekuru yo na n'ubu iracyakoreshwa. Urusyo narwo n'ingobyi ihekwamo abarwayi nabyo biracyakoreshwa mu duce tumwe tw'igihugu.




Agakino ko kwimenyereza gukoresha imvugo iboneye:

Ndavuga mu mvugo isanzwe wowe uvuge mu mvugo iboneye:

1. Kugura ingobyi
2. Kumesa ingobyi
3. Isekuru yasadutse
4. Abasyi batangiyeye gusya
5. Ndi guhonda urusyo
6. Mpa ako kabuye bashesha
7. Iyi ngobyi irashaje
8. Uriya mugabo abaza amasekuru.
9. Tura iyo sekuru uyigurishe.
10. Mpereza icyo giti nisekurire ubunyobwa.

1.7. Umurage n'izungura mu Rwanda



Hari hashize igihe kinini mama yitabye Imana, data asigara ari umupfakazi. Kubera urukundo data yakundaga nyakwigendera, ntiyigeze ashaka undi mugore. Ahubwo yakomeje kuturera, atwitaho adutoza imico myiza.

Ntiyigeze aba nka ba babyeyi gito basigaye batandukana bakuze, ugasanga umugabo atandukanye n’umugore nta n’imperekeza amuhaye. Nuko hashize igihe, data amaze kugera mu za bukuru, afatwa n’indwara araremba.

Ubusanzwe ntiyigeraga aryama cyangwa ngo yicare ku manywa nta kintu ari gukora, maze haza guhita icyumweru cyose adashobora kuva mu buriri. Yari amaze iminsi arwaye iryinyo, bamujyana mu bitaro, ariko iryinyo ntiryakira, bamugarura mu rugo. Nuko ishinya irabyimba, itama rirabyimba, mu muhogo harabyimba, mu minsi mike aba atagishoboye kugira icyo arya ngo akimire no kuvuga bitangira kumunanira.

Hashize iminsi adutumaho twese abana be, abahungu n’abakobwa, abanza kuduha impanuro arangije araturaga. Ubwo ni bwo natangiye kumva ko umubyeyi wadukunze akaduha uburere bwiza, agiye gutabaruka.

Amaze kutugabanya imitungo yari afite yose, twese aturinganiza, aratwihanangiriza agira ati: “Bana bange, uyu murage w’ibintu mbasigiye nta gaciro gakomeye ufite. Ntuzabateranye kuko ari ubusabusa. Umurage ukomeye mbasigiye ni urukundo, ubumwe, ubufatanye no gukunda umurimo. Izo ndangagaciro nazigendeyeho muri ubu buzima maze ku isi. Ni zo zizabageza ku butunzi nyabwo, ubutunzi muzishakira mwebwe ubwanyu. Dore nakoze uko nshoboye nshaka ubutunzi, nyamara nta gaciro kanini bufite, kuko mu minsi mike hazaba hagezweho ibindi bitari amazu n’amasambu. Iby’isi bigenda bihinduka uko bwije n’uko bukeye”.

Nuko umubyeyi amaze kuvuga atyo ajya mu cyumba ke, akagenda ahamagara umwana umwumwe ahereye ku mukuru akamuha umugisha. Aho mu cyumba ke ni ho yambwiriye ijambo ryanyubatse ringirira akamaro kurusha ibindi byose yambwiye.

Yafashe ikiganza cyange akimarana umwanya, maze arambwira ati: “Mwana wange akira umugisha. Iyi mbuto nguhaye, nuyitera ku rutare izamere, nuyitera mu butayu izere, aho ikiganza cyawe kizakora hose,

hazasesekare uyu mugisha nguhaye, maze umusaruro w’ukuboko kwawe ugende ugwira ubutitsa.”

Iryo jambo data yambwiye ryangiriye akamaro gakomeye. Icyo nkoze cyose ngikorana ikizere, kandi koko kikampira. Ibyo byatumye nibuka ijambo rikomeye nasomye mu gitabo kimwe rigira riti: “Umurage uruta iyindi dushobora gusigira abana bacu n’abadukomokaho bose si amafaranga cyangwa ubundi butunzi twarundanyije mu buzima bwacu, ahubwo umurage mwiza ni imico n’ukwemera batwigiyeho.”

I. Inyunguramagambo



a) Huza amagambo n’ibisobanuro byayo ukoresheje akambi.

Kugera mu za bukuru	Ibintu nk’ imyenda, ibyo kurya cyangwa amafaranga uwirukanwe ahabwa kugira ngo bizamufashe gusubira mu buzima busanzwe kuko icyamutungaga kiba gikuweho.
Imperekeza	Uwapfuye.
Nyakwigendera	Gusaza.
Impanuro	Ibyo dusigirwa n’abakurambere bacu.
Umurage	Nuyitera ahantu hose izamere n’ubwo haba ari habi.
Nuyitera ku rutare izamere	Gukora ikintu kikaguha umusaruro wifuzaga ntigihombe.
Gukora ikintu kikaguhira	Amagambo umuntu mukuru abwira umuto amugira inama ahereye ku byo yabonye mu buzima



b) Umwitozo w'inyunguramagambo

Koresha mu nteruro yawe bwite amagambo akurikira:

- | | |
|------------|------------------------|
| 1. Umunani | 3. Impanuro |
| 2. Umurage | 4. Kugera mu za bukuru |

II. Ibibazo byo kumva umwandiko



Nimusubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite.

1. Kuki umurage w'imitungo, uyu musaza avuga ko nta gaciro ufite?
2. Ni uwuhe murage ukomeye uyu musaza yasigiye abana be?
3. Ni iki kindi uyu musaza yahaye abana be kuvugwa muri uyu mwandiko?
4. Kuri wowe usanga umurage umusaza yahaye abana be ufite akahe gaciro, uwugereranyije n'umutungo w'ibintu?
5. Umwana ubara iyi nkuru avuga ko uyu murage wamumariye iki?
6. Ni ayahe magambo y'umuntu w'umuhanga urimo kuvugwa muri uyu mwandiko?
7. Ni ibiki biranga umuco nyarwanda dusanga muri uyu mwandiko?

III. Gusesengura umwandiko



Subiza ibibazo bikurikira:

1. Ni izihe ngingo z'ingenzi ziri mu mwandiko?
2. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?
3. Ni izihe ngero z'umuco nyarwanda ziri kuvugwa mu mwandiko?

IV. Kungurana ibitekerezo



Mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko ikurikira:

Mu muco nyarwanda abakobwa ntibahabwaga umunani nka basaza babo bava inda imwe. Hari abantu bakiyumvisha ko abakobwa badakwiye

guhabwe umunani no kuzungura ababyeyi babo kimwe n’abahungu. Mwebwe mubitekerezaho iki?

1.8. Inkuru yo mu Kinyamakuru: Tutitonze umuco wacu waducika



Nyuma yo gukora umuganda usoza ukwezi, abaturage b’Umurenge wa Jabana mu Karere ka Gasabo, bagiranye ikiganiro n’umunyamakuru ku nsanganyamatsiko ivuga ku “Ihinduka ry’umuco nyarwanda”, maze umunyamakuru asohora inyandiko igaragaza ibitekerezo byabo.

Iterambere tugezemo ririmo kutuzanira ibintu byinshi bitandukanye. Muri byo harimo

ibyiza tugomba guharanira kandi tukabyakira ariko harimo n’ibibi dukwiye kurwanya tukabyamaganira kure.

Kera umwana yarererwaga mu muryango kandi akagira umwanya wo kuganira n’ababyeyi be. Kuri ubu, usanga abantu bamaze gutwarwa n’akazi. Kera umugoroba waharirwaga igitaramo, naho ubu uharirwa amasomo ya nimugoroba ku babyeyi maze ugasanga abana basa n’aho birera. Abana na bo ntibakibona akanya ko gukina.

Barereshwa tereviziyo cyangwa amafirimi. Ababyeyi benshi b'abagabo bataramira mu tubari bagacyurwa n'ijoro.

Nyamara mwibuke ko baca umugani ngo “uburere buruta ubuvuke.”

Uburere ni inyigisho zose umuntu ahabwa akiri muto, n'ingero abonana abantu bakuru abana na bo. Ubuvuke, bwo ni uburyo umwana avukamo n'aho avukira.

Mu guca umugani ko “uburere buruta ubuvuke”, Abanyarwanda bashakaga kuvuga ko uburere bw'umwana bufite akamaro gakomeye mu mibereho ye, kuruta uburyo yavutseho. Uburere bw'umwana rero butangira akivuka, bugakomereza mu muryango avukamo no mu bo umwana ahura na bo bose. Nyuma bukomereza mu mashuri aho ava yabaye umuntu mukuru wifatira ibyemezo mu byo akora.

Mu busanzwe rero, abana bose bavuka bameze kimwe, kandi bashobora kugira ubwenge. None se kuki habaho abahinduka inzererezi, abandi bakagira imyitwarire mibi? Si uko baba barabuze uburere bwiza? Buri mwana rero ahawe uburere bukwiye, yavamo umuntu ukomeye kandi w'ingirakamaro.

Uwaciye uyu mugani rero ntiyashatse kuvuga ko umurezi aruta umubyeyi, ahubwo yashatse kugaragaza ko abana bose bakwiye kubona uburere bumwe kugira ngo ubwenge bwabo bwuzuzanye n'ubumenyi, maze buri wese agire amahirwe angana n'aya mugenzi we. Kuvukira ahantu heza rero nta cyo byakumarira niba udaharaniye kuba intyozza, ukagira ibitekerezo bizima, ugahitamo ibyiza ukareka ibibi kandi ugaharanira gukorana umurava mu byo ukora byose.

Kera rero uburere bw'umwana bwabaga bwitaweho cyane akaba ari yo mpamvu Abanyarwanda babuciragaho imigani itandukanye bagira bati: “Umwana apfa mu iterura.” Cyangwa ngo “Igiti kigororwa kikiri gito.”

Muri iyi nyandiko rero ndagira ngo ngaye imico mibi igenda idusatira. Icyamba mbere ngayo ni ababyeyi batita ku burere bw'abana babo ugasanga baratwawe no gushaka imitungo itandukanye bakibagirwa ko bafite inshingano yo kurera abo babyaye.

Icyamba kabiri ni imyitwarire idahwitse y'urubwiruko usanga rwaratwawe n'imico y'ahandi nk'imyambarire iteye isoni. Ibyo

rwose ni ibyo kwamaganwa kuko bihabanye n’umuco ukwiye kuturanga.

Muri iki gihe mu Rwanda, abana bose bahawe amahirwe yo kwiga amashuri abanza n’ayisumbuye. Banyeshuri rero nimwumve ko mufite inshingano zo kwigana umwete, maze buri wese aharanire kubyaza ayo mahirwe umusaruro uko ashoboye.

Nimuharanire kumenya gusoma no kwandika, mwihatire kumenya

kubara, nimurangiza amashuri abanza mwarafashe neza ibyo mwize, muzakomeza ayisumbuye ndetse mugere no muri za kaminuza. Ibyo bizabafasha kujijuka, no kugera ku rwego rw’abakenewe mu mirimo, maze mubone uko mwibeshaho. Ntimuzacikwe n’iyo migisha kandi mwarahawe amahirwe yose yo kuyigeraho. *Umwanditsi: Mutoni Agnes*

Bifatiye ku byasohotse mu Kinyamakuru”Umuco” cyo ku wa 30 Ugushyingo, 2016, urupapuro rwa 22-26

I. Inyunguramagambo



a) Nimushake ibisobanuro by’amagambo akurikira muhereye ku buryo yakoreshejwe mu mwandiko:

1. Uburere
2. Ubuvuke
3. Idusatira



b) Imyitozo ku nyunguramagambo

Koresha aya magambo mu nteruro wihimbiye.

1. Uburere
2. Ubuvuke

Sobanura iyi migani yakoreshejwe mu mwandiko:

1. Umwana apfa mu iterura
2. Igiti kigororwa kikiri gito

II. Ibibazo byo kumva umwandiko



Musubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite.

1. Ni iki kivugwa muri iyi nkuru?

2. Umutwe w'inkuru ni uwuhe? Ubona hari aho uhuriye n'ibivugwamo? Gute?
3. Ni ayahe makuru ukuye muri iyi nyandiko? Wumva hari icyo akunguye?
4. Hari ikinyamakuru waba warigeze gusoma? Kivuge unatubwire muri make inkuru wasomyemo.
5. Ni ibihe binyamakuru bivuga ku bana cyangwa ku rubyiruko uzi?
6. Ni ibiki wakunze mu byo umaze gusoma muri iyi nkuru?

III. Gusesengura umwandiko



Musubize ibi bibazo:

1. Uyu mwandiko utandukaniye he n'iyindi myandiko uhereye ku buryo wanditse?
2. Haravugwamo iki?
3. Ugamije iki?
4. Muhereye ku bisubizo mumaze gutanga, uyu mwandiko mwawita iki?

1.9. Inkuru yo mu kinyamakuru

1. Inshoza y'inkuru yo mu kinyamakuru

Inkuru yo mu kinyamakuru ni inyandiko igamije kugeza ku bayisoma amakuru y'ibintu byabayeho cyangwa se igamije kunenga, gushima gusesengura no kugaragariza abayisoma ikintu iki n'iki umunyamakuru aba yabonye akifuzwa kukigeza ku basomyi.

2. Imiterere y'inkuru yo mu kinyamakuru

- Igomba kugira umutwe utuma abantu bitabira kuyisoma.
- Igika cyayo cya mbere kivuga muri make ibigiye kuvugwaho kihatira gusubiza ibibazo by'ingenzi bikurikira:
 - a) Ni nde uvugwa mu nkuru?

b) *Ni iki cyabaye?*

c) *Hari ryari?*

d) *Hehe?*

e) *Byatewe n'iki?*

f) *Byagenze bite?*

g) *Bikorwa na ba nde?*

h) *Bari bangahe?*

- Inkuru yo mu kinyamakuru iba yanditse mu mpushya zihagaze ziteganye.
- Amafoto agaragaza ibyabaye.
- Igaragaza kandi izina ry'ikinyamakuru yavuyemo, inomero y'ikinyamakuru, itariki gisohokeyeho, urupapuro rw'ikinyamakuru, urwego inkuru irimo n'izina ry'uwanditse inkuru.

3. Ibyo uwandika inkuru yo mu kinyamakuru agomba kubahiriza

- Gukoresha ukuri no kukugenderaho.
- Kubahiriza uburenganzira bwo kumenya amakuru, guhabwa umwanya wo kwisobanura cyangwa kugira icyo bayavugaho.
- Gutangaza amakuru ufitiye gihamya yonyine.
- Kutivanga mu buzima bwite bw'umuntu.
- Kugira ibanga ry'akazi no kudatangaza uwifuje gutanga amakuru, izina rye rikagirwa ibanga.
- Kudakoresha inzira zidaciye mu mucyo kugira ngo ugere cyangwa utangaze amakuru, amafoto cyangwa inyangandiko.
- Kuvuguruza inkuru yose yatangajwe nyuma bikaza kugaragara ko itari iy'ukuri.
- Kutiba iby'abandi, kubeshyera, kwandagaza, kurega umuntu, no kutagira igihembo cyangwa impano, usaba cyangwa uhabwa ngo utangaze inkuru cyangwa uysisibe.
- Kutitiranya umurimo w'ubunyamakuru n'uwo kwamamaza.
- Kwirinda kubogama cyangwa gushyirwaho igitutu icyo ari cyo cyose ukagoreka ukuri.

4. Ibyo umunyamakuru akwiye kumenya

- Kumenya ubwoko butandukanye bw'inkuru.
- Kumenya uko ubara inkuru yawe.
- Kumenya gutondeka inkuru uhereye ku by'ingenzi.
- Mu makuru babanza kuvuga iby'ingenzi.

Aho inkuru y'ikinyamakuru itandukaniye n'inkuru y'ubuvanganzo ni uko inkuru yo mu kinyamakuru yo ihera ku byabaye ikabirondora nta gushyiramo amakabyankuru yakonona ukuri kw'ibivugwa.

Umwitoto:



Subiza iki kibazo:

Andika inkuru yo mu kinyamakuru itarengeje impapuro ebyiri, ugendeye ku miterere yayo. Ubare inkuru y'ibintu wahagazeho wowe ubwawe cyangwa wabwiwe n'undi muntu, wumva wageza ku bandi.

1.10. Imikoreshereze y'inyuguti nkuru.



Musome iki gice maze musubize ibibazo bigukurikiye.

Iserukiramuco Nyafurika ry'Imbyino, ku nshuro yaryo ya munani ryabereye mu Rwanda mu mwaka wa 2013, aho ryaranzwe n'imbyino zo mu mico itandukanye yo mu bihugu birenga ikenda byo muri Afurika, n'u Rwanda rurimo. Iki gikorwa cyabereye i Remera. Mu mbyino zo mu mico gakondo yo hirya no hino muri Afurika, u Rwanda rwahagarariwe n'itorero Urukerereza. Ababyinnyi baryo baje bitwaje uduseke, havamo inuma ziraguruka ubwo badupfunduraga. Hari kandi itorero ry'abana bakiri bato bari mu kigero k'imyaka hagati ya cumi n'ibiri na cumi n'umunani ryitwa "Imena," na bo bagaragaje ubuhanga mu mbyino zo mu muco wa kinyarwanda.

Umurishyo w'ingoma zo mu gihugu cy'u Burundi na wo washimishije abatari bake, kimwe n'imbyino zo mu itorero ryo mu gihugu cya Misiri aho usanga abakobwa bazunguza amayunguyungu naho abahungu bakikaraga.

Iri Serukiramuco Nyafurika ry’Imbyino ryazengurutse no mu yindi migi itandukanye yo mu Gihugu nka Karongi, Rwamagana, Huye na Musanze.

Soma izi nteruro maze utahure aho inyuguti nkuru zagiye zikoreshwa:

1. Iserukiramuco Nyafurika ry’Imbyino.
2. U Rwanda rwahagarariwe n’itorero Urukerereza.
3. Imigi itandukanye yo mu Gihugu nka Karongi, Rwamagana, Huye na Musanze yakiriye iri serukiramuco.



Inshamake ku mikoreshereze y’inyuguti nkuru.

Inyuguti nkuru ikoresha aha hakurikira:

1. Ku ntangiriro y’interuro

Ingero:

Umuco ni uburyo bwo gutekereza no kubaho kwa buri muntu ku giti ke n’ukw’imbaga y’abatuye isi. Umuco ugizwe n’ibyiza byose bituma umuntu abaho kandi akamererwa neza.

2. Inyuma y’akabago, akabazo n’agatangaro.

Ingero:

Ni nde utazi ibyiza byo kubana mu mahoro? **Keretse** utarabona intambara.

Intambara ni mbi, irasenya, ikica, igatera inzara. **Nimuharanire** amahoro aho muri hose!

Mbega umwana mwiza! **Areba** neza.

3. Nyuma ya “ati, atya, atyo, ngo” bikurikiwe n’utubago tubiri.

Urugero:

Baratubwiye bati: “**Mwige** mushyizeho umwete mutazatsindwa.”

4. Ku mazina bwite aho yanditse hose.

Ingero: **Ndahayo, Murekatete, Nyabarongo, Sine, Kigali, Nyamasheke,**

5. **Ku nyuguti itangira:**
- Imibare iranga iminsi
Ku wa **Mbere**, ku wa **Kabiri**, ku **Cyumweru** ...
 - Amazina y’amezi
Ingero: **Nzeri**, **Ukwakira**, **Ugushyingo**, **Mutarama** ...
 - Ibihe by’umwaka mu Kinyarwanda
Ingero: **Umuhindo**, **Urugaryi**, **Itumba**, **Iki**.
6. **Ku nyuguti itangira amazina y’imirimo, ay’inzeho z’imirimo n’ay’amashyirahamwe.**
- Ingero:
- **Minisitiri**, **Umuhuzabikowa w’Umurenge**, **Umuyobozi w’Akagari**.
 - **Ishyirahamwe Abaticumugambi**, **Koperative Abadacogora**, **Itorero Urukerereza...**
7. **Ku nyuguti itangira:**
- Amazina y’impamyabushobozi:
Ingero: **Dogiteri Ndindabaganizi Aloyizi avura neza**.
 - Amazina y’ubwenegihugu
Ingero: **Abanyarwanda n’Abanyekongo barahahirana**.
 - Amazina y’icyubahiro:
Ingero: **Nyakubahwa Minisitiri w’Uburezi**.
 - Amazina y’inzeho z’ubutegetsu:
Ingero: **Dutuye mu Ntara y’Amajyaruguru**, **Akarere ka Musanze**, **Umurenge wa Cyuve**.
 - Amazina y’ubwoko:
Ingero: **Abega**, **Abashambo**, **Abasinga...**
 - Amazina y’indimi:
Ingero: **Ikiyarwandanda n’Ikigande bifite aho bihuriye?**
 - Amazina y’ibikorwa byamamaye mu mateka:
Ingero: **Intambara ya Mbere y’isi yose yageze no mu Rwanda**.
8. **Ku nyuguti itangira ijamba “igihugu” iyo rivugaga u Rwanda:**
Urugero: Ibendera ry’Igihugu.
9. **Ku nyuguti itangira izina ry’inyandiko cyangwa ry’igitabo.**
Urugero: “**Isiha rusahuzi**”

10. Ku nyuguti itangira izina ry'ikinyamakuru
Ingero: – **H**obe ni akanyamakuru k'abana
– **I**mvaho **N**shya isomwa n'Abanyarwanda benshi.
11. Izina bwite ritari iry'idini n'irindi rifatwa nka ryo, ryandikwa mu nyuguti nkuru ryose iyo riri ku ntangiriro no ku mpera y'inyandiko nk'ibaruwa cyangwa amasezerano, n'iyi riri mu rutonde rw'amazina y'abandi bantu.
Urugero: **NDINDABAGANIZI** Aloyizi.
Nyamara ryandikwa mu nyuguti nto uretse inyuguti iritangira, iyo riri mu mwandiko rwagati.
Urugero: Umbwirire **N**dindabaganizi Aloyizi ko mutashya cyane.

Umwitozo:



Kosora interuro zikurikira ukurikiza imikoreshereze y'inyuguti nkuru:

- Mukamana ni umunyamuryango wa koperative abaticumugambi.
- Mu Ruganda rw'Umuceri rwa kabuye bagira abakozi benshi.
- ngomba kwirinda Ingengabitekerezo ya Jenocide nkunda bagenzi bange nk' uko nikunda.
- Ibinyobwa Bitujuje Ubuziranenge tugomba Kubyamagana tugashishikariza bose kubirwanya kuko bidutera Indwara.

Mfashe ko:

- Kuganira n'ababyeyi bituma tumenya umuco.
- Ikinyazina ngenera ngenga kerekana utunze n'icyo atunze.
Urugero: Kalisa ari mu modoka **ye**.
- Ubukwe bwa kinyarwanda bufite imigenzo myinshi myiza nko kwakira abashyitsi, gusaba umugeni, guherekeza umugeni, ubusabane...
- Ikinyazina mpamagazi gituma igihamagawe cyumva ko bashaka ko kiza cyangwa se ko gitega amatwi.
Urugero: **Wa** mwana we, kurikira.
- Itorerero ry'Igihugu n'amatorero ndangamuco atuma umuco udacika.

- Hari amagambo yabugenewe ku isekuru no ku rusyo kubera ko ibi bikoresho byubashywe mu muco w’Abanyarwanda.
- Abahungu n’abakobwa bafite uburenganzira bungana mu izungura mu Rwanda.
- Inkuru yo mu kinyamakuru ifite uturango twayo ari two: izina ry’ikinyamakuru yavuyemo, inomeru y’ikinyamakuru, itariki gisohokereye, urupapuro rw’ikinyamakuru, urwego inkuru irimo n’izina ry’uwanditse inkuru no kuba yanditse mu mpushya zihagaze ziteganye.
- Hari amagambo yandikishwa inyuguti nkuru. Muri yo twavugaga nk’amazina bwite, inyuguti itangira interuro...



1.11. Isuzuma risoza umutwe wa mbere

Inkwavu mu bantu

Kera habayeho abana babiri, umukobwa akitwa Karabo, umuhungu akitwa Shema. Shema yari muto kuri Karabo. Iwabo bari baturiyeye ishyamba. Iryo shyamba ryabagamo urukwavu arirwo bita Bakame. Bakame, ikaba n’inshuti yabo magara. Yakundaga kubafasha gutashya, barangiza ikabaherekeza, ikabarenza ishyamba, hanyuma ikagaruka. Ibyo biba igihe kirekire, kugera ubwo Bakame yifuje kujyana na bo ngo bibanire.

Umunsi umwe, Karabo na Shema baza gutashya, Bakame ibabonye, iribwira iti: “Uyu munsi ntibanshika ndatahana na bo. Karabo na Shema bayikubise amaso, barishima, barayihobera, ibasaba ko bakwijyanira. Mu gihe bakibitekerezaho, imvura iba iraguye. Bajya kugama, bambuka umugezi, biroha mu buvumo, basanganirwa n’impyisi.” Impyisi ikubise amaso Bakame n’abana iriyamira iti: “Murakaza neza mboga zizanye! “Bakame isubiza Warupyisi iti: “Ngo zizana! Uzi ukuntu uyu muhigo wanduhije? Bakame iti: “Kandi Bihehe njya mbona uzaba Barihima. Ubwo se ko uyu muhigo nawukuzaniye, ngira ngo twumvikane uko dukwiye kubana, ku buryo igihe uzaba nta kintu waramuye nzajya ngufasha guhiga, none nundya uraba wungutse iki ko n’ubundi uzongera ugasonza?”

Warupyisi ibaza Bakame iti: “None uragira ngo tubigenze dute?” Bakame iti: “Aho twambukiye, nahabonye igiti k’ipapayi, ndagira ngo umfashe dusarure amapapayi nabonye yeze ndi burye, ubwo nawe uri bube wica isari.” Warupyisi iti: “Waretse se nkaba nsamuye aka gato, umukuru nkaza kumwikuza nyuma?” Karabo na Shema babyumvise barushaho kugira ubwoba. Bakame ibwira Warupyisi iti: “Ihangane dore imvura irahise, ahubwo reka tugende umfashe gusoroma ayo mapapayi, turire rimwe. Warupyisi iti: “None se ko ntazi kurira ibiti ndakumarira iki? “Bakame iti:” Nta cyo bitwaye, turifashisha umwe muri aba bana.”

Warupyisi, Bakame, n’abana barasohoka, berekeza iruhande rwa wa mugezi wari wuzuye. Bakame ibwira Shema iti: “Ambukira kuri kiriya kiraro, wurire kiriya giti k’ipapayi, nugerayo ndakubwira ikindi uri bukore.” Irahindukira ibwira Warupyisi iti: “Nawe ugiye guhagarara muri ariya mazi, uriya mwana natera ipapayi, wowe urikubite umutwe nk’utera umupira ringereho.” Bakame ikimara kuvuga ityo, Warupyisi yihutira kujya guhagarara mu mazi itabanje kubitekerezaho. Yikubita mu mazi, imira nkeri, irashya imigeri, ihita ipfa. Bakame yiterera hejuru iti: “Turarusimbutse.” Ihamagara Karabo, ibwira na Shema iti: “Imanukire dutahe, Warupyisi yapfuye.” Bakame ijyana n’abana, nuko ibana n’abantu gutyo, irabyara, irororoka. Inkwavu ziba zikwiye mu bantu kubera abana.

Si nge wahera, hahera Warupyisi.

USAID, REB, EDC, DRAKKAR, Muze bana twandike dusome, urup. 7-14.

I. Inyunguramagabo

1. Shaka ibisobanuro by’amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:

Gutashya, bayikubise amaso, kumwikuza, turarusimbutse.

2. Uzurisha izi nteruro amagambo ukuye mu mwandiko:

a) Abana bagiye..... mu ishyamba.

- b) Buri munsu turya imbuto z'.....
- c) Ntitugipfuye icyago cyagiye.

3. Koresha amagambo yabugenewe muri iyi nteruro:

- a) Umukobwa tuvukana yankijije impyisi yari igiye kundiya.
- b) Impyisi yari igiye kurya se wa data ararusimbuka.

4. Uzurisha mu nteruro aya magambo:

Naritaye, fata iya mbere, mwinejeje, amatsiko, murangwa.

- a) Banyeshuri muge n'isuku n'ikinyabupfura.
- b) Ko mbona mwese nk'abatashye ubukwe?
- c) Umuntu ugira ahururira iteka ibintu byose.
- d) Ngaho..... abandi bagukurikire.
- e) Humura mu gutwi.

II. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Ni bande bavugwa mu mwandiko?
2. Abana bakijijwe na nde?
3. Ni iki cyatumye Bihehe yemera gusohoka mu isenga?
4. Ni bande batumye inkwavu ziba mu bantu?

III. Ibibazo ku ikeshamvugo

Kosora aho biri ngombwa ukoresha ijamba ryabugenewe:

- a) Mpereza iryo buye mpondeshe uru rusyo n'umushishi nduhanagure.
- b) Yagiye kugura ibuye baseraho n'iryo bashesha, kuko andi ashaje.
- c) Uwo mwana wikoreye isekuru, muyimuture, murebe ko itamenetse, muyimanike ku rusika.
- d) Baje bikoreye isekuru ibajwe mu giti cy'umuvumu.
- e) Isekuru imwe yari ishaje, ku buryo yamenetse batararangiza gusekura.
- f) Iyi ngobyi irashaje muyijugunye mugure indi.

IV. Imikoreshereze y'ibinyazina

a) **Vuga ubwoko bw'ibinyazina biciyeho akarongo.**

1. Ni iki mushaka kugura mwa bana mwe?
2. Wa nkoko we ndakugurisha.
3. Inka yange ikamwa litiro umunani ku munsu.

b) **Simbuza ikinyazina ngenera ngenga gikwiye amagambo aciyeho akarongo mu nteruro zikurikira.**

1. Nitwa Mutabaruka. Inka za Mutabaruka zororerwa mu biraro.
2. Yitwa Sezibera. Abana ba Sezibera biga mu mashuri abanza.
3. Imirima ya Rutebuka yararaye wagira ngo ntakiba mu rugo.
4. Inka za Karenzi na Semiharuro zisigaye ziba mu biraro.

V. Imikoreshereze y'inyuguti nkuru

Kosora amakosa y'imyandikire ari muri aka gace k'umwandiko:

abana be bamusabye ibikoresho by'ishuri; nuko abasubiza abuka inabi. nyina biramubabaza abwira umugabo we ati: “ubwo se ni uko wari ukwiriye gusubiza abana?” nuko arahaguruka arikubita basigara bumiwe.

VI. Guhanga

Andika inkuru yanyuzwa mu kinyamakuru wubahiriza imiterere y'inkuru yo mu kinyamakuru.

2

Ibidukikije

2.1. Twakoze urugendo shuri dusura imigezi, inzuzi n'ibiyaga by'u Rwanda



Tugitangira umwaka wa gatandatu, umwarimu wacu yadusezeranyije ko nitwitwara neza mu gihembwe cya mbere, bazaduhemba kujya mu rugendo shuri rwo gusura ibiyaga, imigezi n'inzuzi by'u Rwanda. Ibyo bintu byiza rero ntibyari kuducika. Abanyeshuri bose twigana twafashe umugambi wo kwitwara neza, dutangira gufatanya mu mikoro n'imirimo y'ishuri. Abatarumvaga neza amasomo amwe n'amwe twarabafashije, dutangira gutangwaho urugero mu kigo cyose. Umwarimu wacu rero na we yakomeje isezerano, abibwira umuyobozi w'ikigo cyacu, maze turangije gukora ibizamini, umunsi twari tumaze igihembwe dutegereje

uba urageze. Twahagurutse i Muhanga saa mbiri za mu gitondo, tubanza gusura uruzi rwa Nyabarongo, ndetse abari bitwaje ibyuma bifotora bararufotora.



Twayigezeho turahagarara, tuva mu modoka, twitegereza ikiraro gihuza Intara y’Amajyepfo n’Umujyi wa Kigali. Nuko turangije mwarimu atubwira imiterere ya Nyabarongo agira ati: “Iyi Nyabarongo mubona rero ni rwo ruzi runini kandi rurerure runyura hagati mu Gihugu cyacu. Rwambukiranya u Rwanda, ruhereye mu majyaruguru kuko rufite isoko ya Mukungwa ituruka mu biyaga bya Burera na Ruhondo mu Ntara y’Amajyaruguru. Rugenda rusakuma imigezi mito yose, rukanyura mu magepfo rugafata Akanyaru, maze rwagera ku mupaka wa Tanzaniya rukabyara Akagera turi bugereho uyu muni mbere yo gutaha.”

Ubwo tuvuye ku ruzi rwa Nyabarongo, twambutse ikiraro twinjira mu Mujyi wa Kigali dukomeza twerekeza ku Kiyaga cya Muhazi.



Ikiyaga cya Muhazi cyo rero giteye amabengeza kandi ni kirekire kurusha uko ari kigari. Kiri hagati y'Uturere twa Gasabo na Gicumbi, Gatsibo na Rwamagana ndetse kigakomeza kikagera ku Karere ka Kayonza. Gikikijwe n'ahantu hatandukanye ho kuruhukira ndetse n'amahoteri. Ku nkengero zacyo hamwe usanga hari urufunzo, ahandi imigano, ndetse n'ibindi biti bitari birebire. Gifite amazi meza y'urubogabogo kuko imisozi igikikije yose yashyizweho amaterasi arwanya isuri. Si kigari ku buryo iyo uri hakuno ubona inkombe yacyo yo hakurya neza.

Twamaze kuruhukira ku Rwesero tugenda iruhande rw'icyo kiyaga cyose, turinda tugera i Kayonza nuko twinjira muri Pariki y'Akagera. Aho muri pariki twasuye ikiyaga k'Ihema cyubatseho na Hoteri Ihema, dusura ikiyaga cya Nasho, Rwehikama na Rwampaga, dusoza urugendo rwacu dusura uruzi rw'Akagera rugabanya u Rwanda na Tanzaniya.

Ubwo twaracumbitse, bukeye bwaho tumanuka iya Bugesera, dusura ibiyaga bya Cyohoha na Rweru. Urugendo twarushoreje ku Kanyaru, duhindukira dusubira i Muhanga.

Ubwo rero umwarimu wacu yadusezeranyije ko ubutaha nidukomeza kwitwara neza, tuzasura ibiyaga n'inzuzi biri mu Ntara y'Amajyepfo, iy'Uburengerazuba n'iy'Amajyaruguru. Tuzahera kuri Mwogo, dusure Rusizi isohoka mu Kiyaga cya Kivu, tugende inkengero z'icyo kiyaga

cyose turebe ibirwa byacyo nk'uko bimwe bigaragara mu mafoto nk'iyi imanitse mu ishuri ryacu.



Ubwo tuzava i Rusizi, tuzamuke twerekeza i Rubavu, dusure ibiyaga bya Burera na Ruhondo mu majyaruguru.

Ibiyaga n'imigezi ni umutungo ukomeye w'Abanyarwanda. Byinshi byubatseho amahoteri akurura ba mukerarugendo. Birimo amafi aryoshye cyane kandi afite vitamini umubiri wacu ukenera. Birimo n'amazi dukenera muri byinshi, nko kuhira imyaka, amasumo atanga amashanyarazi, ndetse n'amazi atunganywa tukayanywa.

I. Inyunguramagambo



a) Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.

1. Urugendo shuri
2. Gufata umugambi
3. Gusakuma
4. Ikintu giteye amabengeza
5. Amazi meza y'urubogobogo
6. Inkengero
7. Inkombe
8. Ibirwa



b) Umwitozo w'inyunguramagambo

Koresha aya magambo mu nteruro yawe bwite ukurikije ibisobanuro byayo mu mwandiko:

- | | |
|---------------------|------------------------|
| 1. Urugendo shuri | 3. Gusakuma |
| 2. Guhuzza umugambi | 4. Amazi y'urubogobogo |

II. Ibibazo byo kumva umwandiko



Nimusubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite.

1. Akamaro k'ibiyaga n'inzuzi ni akahe?
2. Andika nibura ahantu hane basuye.
3. Urugendo shuri mwumva rumaze iki?
4. Ni ibihe biyaga bivugwa muri uyu mwandiko? Biherereye hehe?
5. Umwarimu yabasezeranyije iki?
6. Mushatse gukora urugendo shuri ku ishuri ryanyu mwumva mwasura iki?

III. Gusesengura umwandiko



Subiza ibi bibazo bikurikira:

1. Ni izihe ngingo z'ingenzi ziri mu mwandiko?
2. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko ?

IV. Kungurana ibitekerezo



Mwungurane ibitekerezo ku kibazo gikurikira:

Ni akahe kamaro k'imigezi, ibiyaga n'inzuzi?

2.2. Ikiyazina nyamubaro



Nimusome aka gace k'umwandiko maze mutahure imiterere n'umumaro by'amagambo aciyeho akarongo.

Uko dukwiye gukoresha igihe cyacu

Kugira ngo dutere imbere tugomba gukora kandi ibyo dukora byose tukabikora vuba. Dore dufite icyumweru k'iminsi irindwi. Jya rero

ugabanya akazi kawe mu gihe maze uvuge uti: “Ibi nzabikora mu minsi **umwe**. Ibi nzaba nabigezeho mu minsi **ibiri**, biriya nzabirangiza mu minsi **itatu**. Dore ibyo zakora mu minsi **ine**, naho biriya nzabikora mu minsi **itanu**, **itandatu**, cyangwa **irindwi**.” Hari n’ibyo ushobora gukora mu minsi irenze iy’icyumweru nk’ibyo wakora bikarangira mu minsi **umunani**, **ikenda**, **cumi n’ibiri**...

Ibibazo byo gusubiza:

1. Amagambo aciyeho akarongo asobanura iki?
2. Afite uwuhe mumaro ku mazina aherekeje?
3. Muhereye ku miterere n’umumaro wayo mwayita iki?
4. Muhereye ku buryo yisanisha n’amazina aherekeje, mubona guhera ku “umunani” gusubiza hejuru yisanisha kimwe no kuva kuri rimwe kugera kuri karindwi?

Inshoza y’ikinyazina nyamubaro

Ikiyazina nyamubaro ni ikinyazina kivuga umubare w’ibintu birangwa n’amazina giherekeje. Kigizwe n’imibare kuva kuri rimwe kugera kuri karindwi kuko ari yo yisanisha mu nteko zitandukanye. Naho guhera ku “umunani” gusubiza hejuru si ibinyazina ahubwo ni amazina (amazina nyamubaro) kuko atisanisha n’andi mazina aherekeje.

Tuvuga: Abantu umunani, inka umunani, ibiti umunani, abantu ikenda, amashuri ikenda

Imiterere y’ikinyazina nyamubaro

Ikiyazina nyamubaro kigira ibicumbi: -mwe, -biri, -tatu, -ne, -tanu, -tandatu, -rindwi, kandi kikisanisha mu nteko zose.

Urugero

1. Ishuri **rimwe**
2. Abana **bane**
3. Inka **zirindwi**

Imbonerahamwe y'ibinyazina nyamubaro

Inteko + izina riyirimo	Igicumbi -mwe	Igicumbi -biri	Igicumbi -tatu	Igicumbi -ne	Igicumbi -tanu	Igicumbi -tandatu	Igicumbi -rindwi
Nt.1: Umwana	umwe	-	-	-	-	-	-
Nt.2: Abana	-	babiri	batatu	bane	batanu	batandatu	barindwi
Nt.3: Umutaka	umwe	-	-	-	-	-	-
Nt.4: Imitaka	-	ibiri	itatu	ine	itanu	itandatu	irindwi
Nt.5: Ishuri	rimwe	-	-	-	-	-	-
Nt.6: Amashuri	-	abiri	atatu	ane	atanu	atandatu	arindwi
Nt.7: Ikiyaga	kimwe	-	-	-	-	-	-
Nt.8: Ibiyaga	-	bibiri	bitatu	bine	bitanu	bitandatu	birindwi
Nt.9: Intebe	imwe	-	-	-	-	-	-
Nt.10: Intebe	-	ebyiri	eshatu	enye	eshanu	esheshatu	zirindwi
Nt.11: Urugero	rumwe	-	-	-	-	-	-
Nt.12: Agakino	kamwe	-	-	-	-	-	-
Nt.13: Udukino	-	tubiri	dutatu	tune	dutanu	dutandatu	turindwi
Nt.14: Ubwato	bumwe	-	-	-	-	-	-
Nt.15: Ukuboko	kumwe	-	-	-	-	-	-
Nt.16: Ahantu	hamwe	-	-	-	-	-	-

Imyitozo:



Musubize ibi bibazo bikurikira:

1. Tanga ingero z'interuro ebyiri zirimo ikinyazina nyamubaro.
2. Erekena ibinyazina nyamubaro muri izi nteruro:
 - Kamana yakoye umugore we inka umunani: eshatu muri zo ni inyarwanda izindi eshanu zisigaye zikaba inzungu.
 - Umwana we wa kabiri afite imyaka irindwi.
 - Abanyeshuri makumyabiri na bane ni bo bashoboye gutsinda, batandatu baratsinzwe.

2.3. Inyamaswa zo muri pariki

Abanyeshuri twigana mu mwaka wa gatandatu tuyobowe n’umwarimu wacu mu mpera z’icyumweru gishize twasuye icyanya cy’Akagera n’ingagi mu birunga.


Ku wa Gatandatu, twazindutse mu nkoko duhurira ku Murindi wa Kigali twerekeza mu Kagera. Mu cyanya cy’Akagera, twakiriwe n’ushinzwe kuyobora ba mukerarugendo adutembereza ishyamba ryose, maze tugenda twihera ijisho ibyiza bitatse u Rwanda. Twabonye ibintu byinshi bishimishije nk’imirambi myiza ibereye ijisho n’amataba atagira uko asa ahegereye i Gabiro. Twabonye imigunga n’imigenge, ndetse n’iminyinya bifatanye urunana nk’abantu basabana. Twabonye imikoma n’imikoyoyo, imyiha n’imikenke n’ibindi biti by’inganzamarumbo.

Icyo cyanya kandi gituwe n’inyamaswa zitabarika.

Mu nyamaswa z’amajanja twabonye intare, ingwe, urusamagwe, impyisi n’imbwebwe.



Mu nyamaswa zirisha twabonye amashyo y’imbogo, twiga izisumba zose, impari n’imparage, inyemera n’izindi.






Mu ziba mu mazi, twabonye imvubu zireremba mu biyaga biharaze ishyamba ry’Akagera ndetse n’ingona zogagira mu ruzi rw’Akagera.



Inzovu twazisanze ku nkombe y’ikiyaga Ihema zirimo zirisha zishagawe n’ibyana byazo.



Ibyiza twabonye mu cyanya cy’Akagera ntitwabivuga ngo tubirangize, bwakwira bugacya; bisaba kwigirayo ukihera ijisho umutungo kamere wacu wahuruje amahanga.

I. Inyunguramagambo



a) Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:

1. Icyanya
2. Zishagawe
3. Umurambi
4. Itaba



b) Umwitozo w'inyunguramagambo

Koresha aya magambo mu nteruro yawe bwite ukurikije ibisobanuro byayo mu mwandiko.

1. Kuzinduka mu nkoko
2. Kwihera ijisho
3. Gufatana urunana

II. Ibibazo byo kumva umwandiko



Nimusubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite.

1. Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko?
2. Ni hehe basuye? Babonyeyo iki?
3. Ni izihe nyamaswa babonye ukurikije aho ziba?
4. Usibye inyamaswa ni ibihe bindi bidukikije babonye?

III. Gusesengura umwandiko



Subiza ibi bibazo bikurikira:

1. Ni izihe ngingo z'ingenzi ziri mu mwandiko?
2. Ni iki wungukiye kuri uyu mwandiko?

IV. Kungurana ibitekerezo



Mwungurane ibitekerezo ku kibazo gikurikira:


Muhereye ku bivugwa muri uyu mwandiko, nimutange ibitekerezo byanyu mugaragaza akamaro ka za pariki. Ese musanga igihe ubutaka bwo

guhinga n’ubwo guturaho ari buto, ari ngombwa ko hagumaho ibyanya bigenewe inyamaswa ndetse n’amashyamba? Kubera iki?

2.4. Utabusya abwita ubumera



Nimusome iyi nsigamigani maze mugerageze gutahura ibisobanuro by’imvugo zidasanzwe zakoreshejwemo.



Iyi mvugo bayikoresha iyo babonye umuntu wese umara gushira impumu akijibagiza amagorwa azahutsemo, ahubwo agatsikamiza agahato abo bahoze bayasangiye; ni bwo bavuga bati: “Koko utabusya abwita ubumera!” Wakomotse kuri Karake ka Rugara w’i Bumbogo bwa Huro (ubu ni mu Karere ka Rulindo); ahasaga umwaka wa 1600.

Guhera ku ngoma za kera kugeza kuri Kigeri Rwabugiri, habagaho abanyamuhango b’umuganura, bagatura i Bumbogo; ndetse bakaba ari na bo batware babwo bwose. Inteko yabo yari ku musozi witwa Huro. Bukeye umutsobe Nyamwasa wari umugenga w’abasyi icyo gihe, asaba umukobwa wo mu ngabo za Mibambwe Gisanura yise “Abambogo b’umuganura”. Abakobwa babo ni bo basyaga umutsima w’umuganura nyine. Uwo mukobwa yitwaga Karake akaba mwene Rugara w’Umusegenge. Agasyana n’abandi bakobwa b’urungano.

Ni na ho Nyamwasa yamuboneye aramushima aramusaba. Amaze kumurongora, Karake aranezerwa, kuko noneho aho gusya agiye kujya ahagarikira abasyi. Ahimbazwa n’ubutwarekazi; abakobwa baje gusya akabahagarikirana urutoto, abisyigingiza yitotomba ngo barizenutsa ntibasyana umwete.

Abo bakobwa babyirukanye bakamubwira bamwenyura, bati: “Mbese ntuzi ko uburo bukomera?” Karake akabasubizanya izenezene, ati: “Ubu na bwo ni uburo si ubumera?”(ntiburuhije). Abakobwa bagatinya kumuseka ngo bitabakorera ishyano; bagasekera mu bipfunsi. Bibaho bityo. Bukeye Karake yubura ingeso yo gusinda. Nyamwasa yaza agasanganirwa n’umugono, agasanga umugore yasinziriye uburiri ari ibirutsi gusa. Karake si ugusinda arasayisha! Bituma umugabo amwanga aramuzinukwa, aramusenda asubira iwabo. Rubanda bari bazi ubukundwakare bwe baratangara.

Hashize iminsi, igihe cy’umuganura w’ibwami kiragera. Bakoranya Abambogo b’umuganura bese ngo baze gusya kwa Nyamwasa. Ubwo Rugara se wa Karake yari afite umugore w’umukecuru, kandi nta n’umukobwa wundi afite wo kumucungura. Biramushobera ati: “Ibi mbigenze nte, ko nta wundi mwana mfite; kandi ko kohereza Karake kwa Nyamwasa ngo asyane n’abo yahoze ahagarikiye byamutera ipfunwe ribi?” Abandi b’amacuti ye bati: “Nutamwoheraza bizakugwa nabi!” Abuze uko abikika apfa kumwoheraza ajya mu basyi, ati: “Jya gusya uburo bw’ibwami nta kundi twabikika!”

Karake arashoberwa ariko aremera apfa kugenda, agenda aseta inzira ibirenge. Ageze kwa Nyamwasa abakobwa baranzika barasya, Karake abajyamo afata urusyo rwe. Agize ngo arapfukama biramutonda. Agize ngo arasya biramunanira, kuko yari amaze guhuga hashize igihe kinini ari mu mukiro. Noneho ba bakobwa baramwubahuka baramuseka baramukwena, mbese baramukwenura bamuhinyura; bati: “Erega nyabusa shikama usye vuba, dore ubwo si uburo ni ubumera!” Bamucyurira ko igihe yakinaga n’umurengwe, yari yarirengagije ko gusya uburo ari impingane.

Nuko mu mataha, abakobwa batahana Karake bamuhinyura, ijambo riba gikwira i Bumbogo risakara u Rwanda riba umugani. Bawinjiza mu yindi yigisha kudakora iki cyangwa kiriya. Kuva ubwo rero umuntu wese

umaze gushira impumu, akirengagiza amagorwa azahutsemo, ntacire abo bari bayasangiye akari urutega, bakamuciraho uwo mugani bagira bati: “Utabusya abwita ubumera!” Baba bamugereranya na Karake wirengagije ko gusya uburo ari impingane.

Byakuwe: MINISITERI Y’URUBYIRUKO, UMUCO NA SIPORO, *Ibirari by’Insigamigani, Icapiro ry’Ingoro y’Umurage w’u Rwanda, Igitabo cya kabiri, Icapiro rya 3, Printer set, 2005.*

I. Inyunguramagambo



a) Mwongere musome uyu mwandiko maze mushakemo amagambo afite ibisobanuro bikurikira:

- | | |
|---------------------------|----------------|
| 1. Azahutse mu magorwa | 6. Ipfunwe |
| 2. Inteko | 7. Impingane |
| 3. Barizenutsa | 8. Bamuhinyura |
| 4. Si ugusinda arasayisha | 9. Izenezene |
| 5. Aramusenda | 10. Urutoto |



b) Umwitozo w’inyunguramagambo

Koresha aya magambo mu nteruro:

1. Ipfunwe,
2. Aramusenda.

II. Ibibazo byo kumva umwandiko



Nimusubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite.

1. Mu mwandiko bavuga ko umuganura bawiteguraga bate?
2. Iyi mvugo “Utabusya abwita ubumera” yakomotse kuri nde?
3. Ni ukubera iki abakobwa babyirukanye na Karake bamubwiraga bati: “Ntuzi se ko uburo bukomera”?
4. Ese iyi myitwarire ya Karake urayishima? Sobanura.
5. Ni iyihe nama wagira abantu bitwara nka Karake, bagasuzugura abandi kubera ko babasumbya ubushobozi?
6. Ni ayahe masomo y’ingenzi twakura muri iyi nsigamigani?

III. Gutahura imvugo zidasanzwe

a) Tahura imvugo zidasanzwe ziri muri izi nteruro zavuye mu mwandiko ugerageze no kuzisobanura:

1. Ntacire akari urutega abo bari bayasangiye.
2. Agenda aseta inzira ibirenge.
3. Bagasekera mu bipfunsi.

b) Izo mvugo wazita ngo iki?

2.5. Inshoberamahanga

Inshoza n’uturango by’inshoberamahanga

Inshoberamahanga ni imvugo y’ubuhanga, ifite igisobanuro akenshi gishingiye ku muco, cyangwa ku igereranya, bityo ntiyumvikane neza ku batari abenerurimi.

Akenshi iba igizwe n’amagambo abiri cyangwa atatu. Si interuro yuzuye nk’imigani y’imigenurano.

Ingero:

- **Guca ku nda:** Kunywana.
- **Guca ruhinganyuma:** Kwihisha umuntu ukajya gukora ikintu kimubangamiye.
- **Guca ikibungo:** Kubanza guca hirya no hino mbere yo kurasa ku ngingo, kuzigura.
- **Guca ibiti n’amabuye:** Kuzana inkubiri uhitana ibyo uhuye na byo mu nzira.
- **Guca amano:** Gusitara bikabije.
- **Gutera isekuru:** Gucumbagira.
- **Gutera inogo:** Gutamira byinshi mu gihe cyo kurya wungikanya.
- **Gutera ububyara:** Gukinisha umuntu mu magambo.

Inshoberamahanga igira umumaro wo gukarishya imvugo no kugaragaza ubuhanga mu rurimi. Nta nyigisho iba ibumbatiye nk’imigani migufi.

Imyitozo:

1. **Shaka nibura inshoberamahanga icumi kandi utange n'ibisobanuro byazo.**
2. **Uzurisha inshoberamahanga ubona zikwiriye**
 - Dore Kamana kubera ko yavunitse.
 - Kuki ushaka, mbwira udatinze.
 - Yamuteye amuvumbura mu bandi.

2.6. Twasuye Pariki y'Akagera



Umwaka ushize ubwo twarangizaga umwaka wa gatanu, twasuye Pariki y'Akagera tugamije kwirebera ibyiza bitatse u Rwanda. Twari tumaze umwaka dukusanya amafaranga tubifashijwemo n'umwarimu wacu kuko buri wese yari gukenera nibura ibihumbi birindwi, harimo amafaranga yo kwishyura ubuyobozi bwa pariki hamwe n'ayo kudutunga uwo munsu wose.

Uwo munsu rero twazindutse mu museke tugera ku ishuri ryacu kare, maze saa moya za mu gitondo tuba duhagurutse ku kigo cyacu. Ubwo twanyuze i Kigali tureba uwo mugirya dore ko hari n'abatari bakawugezemo

bagendaga batangarira inzu ndende z'amagorofa, imihanda inyura hejuru y'iyindi n'imodoka z'uruvunganzoka ukaba wagira ngo buri muntu utuye mu Muji wa Kigali afitemo iye.

Twasohotse mu mugi tunyura i Rwamagana, dukomeza iya Kayonza maze mu mwanya tuba twinjiye muri Pariki. Abashinzwe kurinda pariki baduhaye abaturyobora bakagenda batwereka inyamaswa zitandukanye ari na ko badusobanurira.

Inyamaswa twabanje kubona ni impara n'imparage.






Ziba zirisha mu mukenke ahantu hatari ibiti byinshi kandi ntizibona abantu ngo zihunge. Twarazegereye turazitegereza na zo ziratureba tukabona ari byiza.

Ubwo twigiraga imbere gato, twabonye ishryo ry'imbogo tukabona zisa nk'inka z'isine.



Uwari ushinzwe kutuyobora yatubujije kuva mu modoka kuko imbogo ari inyamaswa zigira amahane. Ushatse kuzegera zakwica kuko zicisha amahembe yazo. Twazirebeye kure tutavuye mu modoka, ariko ubwo natwe twari twagize ubwoba.

Ubwo twarakomeje tubona inzovu, tubona imvubu ziri mu mazi, tubona na Twiga bita Gasumbashyamba zigira ijosi rirerire.



Si inyamaswa gusa twabonye ahubwo twabonye udusozi twiza turiho ingara z'iminyinya n'ibyatsi by'umukenke utera utwo dusozi amabengeza. Twasuye kandi ibiyaga bitandukanye bimwe twiga mu masomo y'ibidukikije, twe twabibonye n'amaso.

Gutembera ukabona ibyiza bitatse isi yacu nta ko bisa. Bituma umuntu yihera amaso ibyiza bitatse isi, kandi birajijura. Ba mukerarugendo babona ibintu byiza byinshi. Natwe ubu twiyemeje ko tuzajya tuzigama amafaranga buhorobuhoro, maze tukazasura n'ahandi hantu hari ibyiza bitatse u Rwanda ndetse tukazajya no mu bihugu bidukikije.

I. Inyunguramagambo



a) Mwongere musome uyu mwandiko maze mushakemo amagambo afite ibisobanuro bikurikira:

- | | |
|--------------|-----------------------|
| 1. Amagorofa | 4. Uruvunganzoka |
| 2. Mu museke | 5. Umukerarugendo |
| 3. Ishyo | 6. Ingara z'iminyinya |



b) Imyitozo y'inyunguramagambo

Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye wihimbiye

- | | | |
|--------------|----------|------------------|
| 1. Mu museke | 2. Ishyo | 3. Uruvunganzoka |
|--------------|----------|------------------|

II. Ibibazo byo kumva umwandiko



Nimusubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite.

1. Abanyeshuri bateguye urugendo rwabo bate?
2. Ni ibiki babonye mu Mujyi wa Kigali?
3. Mu gusura Pariki y'Akagera bari bagamije iki?
4. Ni izihe nyamaswa babonye muri Pariki y'Akagera?
5. Kuki uwari ushinzwe kubayobora yababujije kuva mu modoka?
6. Ni ibiki bindi babonye bitari inyamaswa?
7. Mwumva urugendo nk'uru rwo gusura ibyiza bitatse u Rwanda bimariye iki abanyeshuri?

III. Gusesengura umwandiko



Subiza ibi bibazo bikurikira:

1. Tahura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.
2. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?
3. Umaze gusoma uyu mwandiko ni izihe ngamba wafata kugira ngo nawe uzabashe kwirebera ibyiza bitatse u Rwanda aho kubibarirwa?

IV. Gukina bigana

Mu matsinda muhimbe agakino kagaragaza uko gahunda y'abanyeshuri yo gusura ibyiza bitatse u Rwanda muri Pariki y'Akagera cyangwa iy'Ibirunga yagenze kuva bategura urugendo kugera rurangiye. Mu bakinankuru harimo abanyeshuri bari gutegura gahunda y'uko bazakora urugendo, bafashe ikemezo cyo kuyigeza ku mwarimu. Umwarimu arabashyigikira na we abafashe kurutegura ndetse no kuvugana n'ubuyobozi bwa pariki. Hari kandi ushinzwe kuyobora ba mukerarugendo ugenda abasobanurira ibyo babona ku munsu w'urugendo.

2.7. Itondaguranshinga: imbundo



Soma aka gace k’umwandiko maze utahure imiterere n’umumaro by’amagambo yanditse atsindagiye.

Kwiga ni ukwigana

Mu buzima dukenera **kwiga** no **kumenya** byinshi kugira ngo dukore ibidufitiye akamaro kandi tubeho neza. **Kwiga** rero si ukujya mu ishuri imbere y’umwarimu gusa. Mu ishuri tuhakura ubushobozi bwo gushobora gusoma no kwandika ndetse no **gusesengura** ibyo abanyabwenge banditse mu bitabo. Nyamara hari ibintu byinshi dushobora **kwigishwa** n’ababyeyi bacu n’abandi bantu duhura na bo.

Gutembera rero bituma duhura n’abantu benshi ndetse tukabona ibintu bitandukanye kandi ibyo duhura na byo byose biratwigisha. Ibyo duhuye na byo byose, byaba ibibi cyangwa ibyiza biratwigisha. Ni yo mpamvu bavuga ngo “**kugenda** cyane bitera **kubona**.”

Banyeshuri rero muge mwumva ko uko mukoze urugendo shuri, uko mutembereye, muge mwumva ko hari icyo mugomba **kuhigira**. Umuntu wese muhuye na we muge mumwigiraho, ikibi mumubonaho mwe mukirinde, ikiza mumubonaho mukigane. **Kwiga** ni ukwigana.

Ibibazo byo gusubiza:

1. Amagambo yanditse atsindagiye mubona avuga iki?
2. Atangirwa n’izihe ngombajwi?
3. Ubona afite iyihe mimaro mu nteruro arimo?
4. Ukurikije icyo ariya magambo avuga n’imimaro yayo mu nteruro wayita iki?

Inshoza n’uturango by’inshinga iri mu mbundo

Imbundo ni inshinga idatondaguye. Imbundo ivuga igikorwa, imimerere cyangwa imico bidafite uwo bicirwa. Ni uburyo bw’inshinga butagira umwihariko ku byerekeye imyifatire y’uvuga ku cyo ashaka kumenyeshya ubwirwa. Ukora igikorwa ntaba agaragara. Imbundo ni inshinga

idatondaguye. Itangirwa buri gihe n’ingombajwi «k» ikurikiwe n’inyajwi «u». Iyo ngombajwi «k» ishobora guhinduka «g» mu nshinga zimwe na zimwe.

Ingero: Kuvuga, guteka, kubabara...

• **Imbundo ishobora kwitwara nk’izina:**

Iyo yitwaye nk’izina ifata indomo maze ikagira umumaro nk’uw’izina. Iryo zina ribarirwa mu nteko ya 15 y’amasano kimwe n’andi mazina nka: ukuboko, ukwezi, ukuguru,...

Ingero:

- **U**kugenda kwe kwaratubabaje kuko yadusize twenyine.
- **U**gusaba imbabazi kwe kwakiriwe neza maze habaho kwiwunga.

• **Imbundo kandi yitwara nk’inshinga itondaguye:**

Iyo imbundo yitwaye nk’inshinga itondaguye, ntigira indomo. Ishobora kugira ibyuzuzo biyitaruye cyangwa biyihagitsemo ndetse ikaba yagira indango yemeza cyangwa ihakana. Ishobora nanone kuvugirwamo ibizaba cyangwa ibitazaba no kongerwaho ingereka zinyuranye.

- Inshinga iri mu mbundo ni inshinga idatondaguye iguma mu nteko ya 15.

Urugero: Kugenda (nt 15)

- Inshinga iri mu mbundo ishobora kugira icyuzuzo kiyitaruye cyangwa kiyihagitsemo.

Urugero: Guhinga **umurima** → Kuwuhinga.

- Inshinga iri mu mbundo ishobora gukoreshwamo impakanyji “ta”.

Ingero:

1. Guteka → kudateka
 2. Kwiga → kutiga
- Inshinga iri mu mbundo igira indagihe n’inzagihe.

Ingero:

Indagihe	Inzagihe
Kuvuga	Kuzavuga
Kutavuga	Kutazavuga

– Imbundo ishobora kugira ingereka.

Urugero:

Nta ngereka	Ifite ingereka
Guhinga	Guhingira urutoki. Guhingana n’abandi Guhingisha isuka

Imyitozo:

1. Tahura imbundo ziri muri uyu mwandiko.

Kubaka si ugusenyana ni ukugereka ibuye ku rindi.

Kubaka ni ukuzamura inkuta z’inzu ukayisakara, ukayitunganya kugira ngo ishobore guturwamo.

Icyo gikorwa ntikiba cyoroshye na gato kuko kigomba gusiza ikibanza, kuzamura inkuta, gushyiraho amakumbo, no gusakara. Kubikora bisaba ingufu n’ubwenge, ndetse n’igihe kuko ntibishobora gukorwa mu muni umwe.

Gusenyana byo ni uguhirika ibyubatswe. Ntibisaba ubuhanga ubwo ari bwo bwose. Kubikora biroroshye ariko ni bibi, kuko gusenyana ni ukwangiza. Iyo usenye ikintu icyo ari cyo cyose kongera kucyubaka birakuvuna.

Iyi mvugo rero ishaka kuvuga ko kubaka bivuna nyamara gusenyana bikoroha. Nyamara kubaka ni byo byiza gusenyana bikaba bibi. Ni imvugo rero idukangurira guharanira kubaka aho gusenyana.

Nimuharanire kubaka aho gusenyana, muharanire gusigasira ibyubatswe aho kubisenya icyo gihe gutera imbere bizaborohera.

2. Tanga imbundo ku nshinga zikurikira:

- Ariga
- Aratashye
- Ntahinga

3. Shyira mu nzagihe izi mbundo:

- Kwiga
- Kudataha
- Kunguka

4. Ubaka interuro ebyiri ukoresheje inshinga ziri mu mbundo.

Mfashe ko:

- Mu bidukikije mu Rwanda harimo imigezi, ibiyaga, inyamaswa, imisozi, amashyamba...
- Ikinyazina nyamubaro kivuga umubare w'ibintu kuva kuri rimwe kugeza kuri karindwi.

Urugero: Mfite ibiti **bitanu**.

- Inshoberamahanga ni imvugo ikomeye umuntu utari umwenerurimi adapfa kumva.

Urugero: Uriya mugabo aragenda **atera isekuru** bivuga ko agenda **acumbagira**.

- Mu itondaguranshinga harimo imbundo.

Urugero: Ashaka gukora none ndetse no kuzakora.



2.8. Isuzuma risoza umutwe wa kabiri

Umwandiko: Kurwanya isuri

Ubutaka bwacu burushaho kugunduka ku buryo abahinzi bahinga ntibeze nk'uko kera byahoze. Kugunduka k'ubutaka guterwa n'uko amazi y'imvura agenda atwara ubutaka bwiza bworoshye kandi bwera. Haramutse hadafashwe ingamba zo kurinda ubwo butaka, isuri yadusiga iheruheru ntituzongere kweza, amasambu yacu akaba nk'ubutayu. Tugomba kwihatira kurwanya isuri kuko ari yo ituma ubutaka bugunduka

ndetse tukihatira no gufumbira dukoresha ifumbire y'imborera n'ifumbire mvaruganda.

Ni twe dufite inshingano zo gufata neza ubutaka bwacu tuburinda kwangirika kugira ngo buduhe umusaruro dukeneye. Kudakora inshingano zacu ni amakosa kandi bidufiteho ingaruka zikomeye. Kurumbya kubera ko ubutaka bwagundutse, biduhoza mu nzara z'akanda, mu bukene, mu bibazo by'ubushyamirane kubera ko abasangira ubusa bitana ibisambo.

Hakwiye rero gufatwa ingamba. Ingamba ya mbere ni uguca imiringoti ahantu hahanamyeye naho ahadahanamyeye cyane tukahaca amaterasi y'indinganire. icya kabiri ni ugutera ibyatsi bifata ubutaka ndetse n'ibiti bituma butagunduka. icya gatatu ni ugufata neza amazi yose y'imvura ducukura ibyobo hafi y'amazu tukayayoboramo. Ayo mazi ashobora no kwifashishwa mu kuhira imyaka mu gihe k'izuba. Mbese kuki abatuye mu butayu badataka inzara, twe tubona imvura igihe kinini tugahorana ibibazo by'inzara? Ibikorwa byo kubungabunga ubutaka ntibisaba ubuhanga buhambaye cyane. Ahubwo bisaba ubushake, umuhate n'ishyamba bya buri wese.

Gucukura imiringoti ni igikorwa cyoroshye gikorwa n'umuntu ku giti ke akurikije uko ahinga isambu ye, akagenda ashyiramo inkingo ziringaniye kandi zingana. Guca amaterasi y'indinganire byo bisaba kwiyambaza inzobere. Ushinzwe ubuhinzi mu kagari cyangwa mu murenge yabidufashamo. Naho ibyo gutera ibyatsi n'ibiti birwanya isuri nta buhanga bisaba. Gucukura ibyobo bifata amazi ni igikorwa cyoroshye cyane kuko dusanzwe twicukurira imisarane, ingarani n'ibindi.

Ku misozi ihanamyeye ho hakwiye guterwa amashyamba na yo adufasha kurwanya isuri. Ni ngombwa gucukuramo imiringoti igabanya umuvuduko w'amazi kandi bigatuma amazi arekamo akoreshwa n'ibiti kuko biba biyakeneye cyane. Isuri rero dukwiye kuyirwanya dushyizeho umwete kuko iri mu bintu byangiza ibidukikije itwara ubutaka, isenya amazu ndetse itaretse n'ubuzima bw'abantu. Kubungabunga ibidukikije ni ubundi buryo bwo kubungabunga ubuzima bwacu.

I. Inyunguramagambo

Tanga ibisobanuro by'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko, unakoreshe buri jambo mu nteruro imwe yumvikanisha neza igisobanuro cyayo.

- | | |
|--------------|---------------|
| 1. Kugunduka | 4. Inshingano |
| 2. Ingamba | 5. Inzobere |
| 3. Ubutayu | 6. Iheruheru |

II. Ibibazo byo kumva umwandiko:

1. Mu mwandiko barasobanura ko igunduka ry'ubutaka riterwa n'iki?
2. Ni izihe ngamba zitangwa mu mwandiko zafasha mu kurwanya isuri?
3. Ni izihe ngaruka zituruka ku kutita ku bikorwa byo kurwanya isuri?
4. Ni ibihe bikorwa bivugwa mu mwandiko umuntu ku giti ke yakwikorera mu kurwanya isuri?
5. Impuguke se zo zafasha gute mu rwego rwo kurwanya isuri yangiza ibidukikije?
6. Ni ibihe bidukikije isuri ikunda kwangiza?
7. Ni ibihe bindi isuri yangiza bitavuzwe mu mwandiko?

III. Ikibonezamvugo

Erekana ikinyazina nyamubaro muri izi nteruro:

- Twahuye turi abantu umunani. Abagabo batatu n'abagore batanu.
- Umwana wa mbere mu mwaka wa kabiri afite imyaka irindwi.
- Abanyeshuri makumyabiri na bane ni bo bashoboye gutsinda, batandatu baratsinzwe.

IV. Inshoberamahanga:

- 1. Tanga inshoza y'inshoberamahanga.**
- 2. Koresha izi nshoberamahanga mu nteruro ziboneye.**
 - a) Gukura ubwatsi
 - b) Gutera utwatsi
- 3. Tanga ibisobanuro by'inshoberamahanga zikurikira :**
 - a) Kurambika inda ku muyaga:
 - b) Gutwita ibiyaga:
 - c) Gusera mu birere :
 - d) Kugira umutwe munini:
 - e) Akaboko karekare:
- 4. Huza inshoberamahanga n'ibisobanuro byazo.**

Kwica isari	Kurara utariye
Guta inyuma ya Huye	Gucumbagira
Gushira isoni	Kurya ibiryo bidahagije
Kurara ubusa	Kutagira icyo wubaha
Gutera isekuru	Kubwira utakumva

- 5. Tanga ingero ebyiri z'interuro aho inshinga yakoreshejwemo nk'izina.**
- 6. Tanga ingero ebyiri mu nteruro aho imbundo yitwaye nk'inshinga.**

V. Ihangamwandiko

Hanga umwandiko ku kubungabunga ibidukikije ugaragaza akamaro kabyo n'ingaruka mbi zo kutabyitaho (nturenze amapaji abiri).

3

Ubuzima bw'imyororokere

3.1. Ubuhamya bw'umuntu wanduye indwara yandurira mu mibonano mpuzabitsina.



Mfite imyaka cumi n'ibiri nkaba naranduye indwara yitwa Mburugu. Ndatekereza ko mukimara kubyumva muhita muvuga muti: “Umva umukobwa w'igicucu wishora mu mibonano mpuzabitsina idakingiye.” Nyamara n'ubwo ibyo byambayeho, ndifuzaga kubibabwiza ukuri kugira ngo namwe bitazababaho.

Nari maze igihe gito nkundana n'umuhungu witwaga Byusa. Andusha imyaka ibiri. Naramwizeraga rwose. Mbere y'uko ankoresha imibonano mpuzabitsina ntabishaka, twari twaraganiriye ku bintu

byinshi. Twumvikanye ko tuzirinda, tukifata kuzagera ubwo dukura tukubakana urugo. Kwifata byaramunaniye akajya anyinginga ngo dukore imibonano mpuzabitsina nkamwangira.

Umunsi umwe, yaje kuntumira iwabo. Njyayo nsanga ari we wenyine uhari kandi yanyiteguye. Yanyakirije fanta ariko sinamenya ko yari yashyizemo ibiyobyabwenge. Nange nabaye umupfapfa sinagira amakenga mpera ko ndagotomera n'isari nyinshi.

Nyuma uko twakomezaga kuganira twahuje urugwiro ntakwishishanya, ni ko nagendaga numva nsa n'uhinduka mu mubiri wose: nkumva nsa n'utazi neza iyo ndi, nkanyuzamo nkabira ibyuya umubiri wose, nkumva agatotsi kagenda kantwara bukebuke ndetse mfite n'ikizungera kugeza ubwo nasinziriye nezaneza.

Aho mperukira amakuru y'ibyabaye, nibuka Byusa ambwira ngo ninge kuryama mu cyumba cy'abashyitsi negusinzirira mu cyumba cy'uruganiriro. Ngo yagiraga ngo age kumpamagarira ababyeyi be baze bampe ubutabazi bw'ibanze kuko yakomezaga kunyumvisha ko nafashwe na marariya akaba ari yo yatumaga ngubwa nabi. Nyamara zari nka za mpuhwe za Bihehe kuko yari azi neza ibyo yakoze agira ngo agere ku mugambi we bitamugoye.

Ubwo naje kuzanzamuka nyuma, numva nshaka kujya gucisha hejuru ndamuhamagara. Yaraje ajya kunyereka aho niherera mpageze ndisuzuma nsanga yankoreye ibya mfura mbi. Kuva ubwo nahise ngwa mu kantu mbura icyo nkora nshwana na we. Ibyo byose ntiyabyemeraga ahubwo yampinduraga umusazi. Byamaze kunyobera, ndataha ndyumaho sinahita mbwira ababyeyi bange uko byangendekeye ngo batavaho bavuga ko nari nsanzwe niyandarika.

Nyamara wahishira ibindi byose ariko ntiwahishira ikikubungamo. Hashize igihe gito, natangiye kumva ngira uburyaryate mu gitsina. Ntabwo byambabazaga ariko nahise ntangira kwibaza niba byaraturutse ku mibonano mpuzabitsina nashowemo. Gusa sinakekaga ko Byusa nubwo yampemukiye yaba agendana izo ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, kuko nta kintu nabonaga ku mubiri we cyagaragazaga uburwayi. Ngakomeza kwibaza niba yaba yari afite

uburwayi, impamvu yaba yaragambiriye kunyanduza ku bwende.

Umunsi umwe rero nafashe ikemezo cyo kubimubazaho. Nuko ambwira ko na we yagiraga uburyaryate kandi bukaba bwaratangiye amaze kuryamana n’umwe mu bakobwa bakundanaga mbere. Nyuma yaho yatangiye kujya agira umuriro akajya abona n’uduheri dutukura ku ruhu rwe. Ngo yabibajijeho umukobwa bari bakoranye imibonano, amubwira ko yari muzima, kandi ko yahuraga n’abasore yizeraga gusa. Nyuma yaho, uko kugira umuriro byarahagaze, n’uduheri ntitwongera kugaruka, nuko akeka ko nta kibazo afite.

Maze kumva ibyo, nafashe ingamba yo kujya kwisuzumisha. Ingorane yabaye iyo gusaba muganga ngo adupime. Nari mfite kandi ubwoba bwo kubibwira ababyeyi bange, kuko ntashakaga ko bamenya ko nakoze imibonano mpuzabitsina. Nababwiye rero ko ngiye kubonana na muganga kuko numvaga ntameze neza, sinababwira ko ngiye kwipimisha. Ku bw’amahirwe, ababyeyi bange babyakiriye neza, bishimira ko ntekereje kujya kwa muganga.

Muganga na we yanyakiriye neza, aransuzuma asanga mfite ubwandu bwa mburugu. Yambajije aho nanduriye ndabimutekerereza hanyuma antuma kuzana na Byusa. Yaraje aramusuzuma maze na we amusangamo ubwo bwandu. Gusa ndashimira muganga kuko yaduhumuriye, aratuvura, anatwumvisha ko mburugu n’ubwo ari indwara mbi, ishobora kuvurwa igakira vuba cyanecyane iyo ugiye kwa muganga hakiri kare. Baduteye inshinge buri wese kuri buri tako, nyuma dusubiyeyo twasanze twarakize kandi na bwa buryaryate burakira.

Nanoneyadusobanuriye ko iyo itavuweneza, ishobora gutera ubugumba, indwara zo mu mutwe, ndetse no gukuramo inda ku bagore cyangwa bakabyara abana bafite ubumuga bw’ingingo kandi ntibabashe kubaho. Nyuma yaho Byusa yagiye kubibwira umukobwa bari barakoranye imibonano mpuzabitsina mbere, na we ajya kwipimisha arivuza.

I. Inyunguramagambo



a) Gerageza gusobanura buri jambo kandi urikoreshe mu nteruro iboneye.

1. Imibonano mpuzabitsina
2. Gusama inda
3. Uburyaryate
4. Ubugumba
5. Gukuramo inda



b) Imyitozo y'inyunguramagambo

1. **Tanga impuzanyito z'amagambo aciyeho akarongo.**
 - a) Maze kumva ibyo, nafashe ingamba yo kujya kwipimisha.
 - b) Mburugu ishobora gutera ubugumba, indwara zo mu mutwe, ndetse no gukuramo inda ku bagore cyangwa bakabyara abana bafite ubumuga.
 - c) Byusa yagiye kubibwira umukobwa bari barakoranye imibonano mpuzabitsina na we aya kwipimisha arivuzwa.
2. **Uzurisha impuzanyito z'amagambo ari mu dukubo.**
 - a) Uyu muntu yari yishwe n' (inzara)
 - b) Mu Rwanda bafite umumaro. (abategarugori)
 - c) Nafashecyo kwipimisha (ingamba)

II. Ibibazo ku mwandiko.



Musubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite

1. Kuki uyu mukobwa watanze ubuhamya yumvaga ko abamwumva bamwita igicucu?
2. Uyu mukobwa, ni ubuhe butwari wamushimira?
3. Kuki nta muntu ugomba kwizera ko atarwaye umurebesheje ijisho gusa?
4. Ni irihe somo rikomeye wakuye mu buhamya bw'uyu mukobwa?
5. Ese wowe uramutse ugize ibyago ukandura imwe mu ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, watinyuka kubibwira ababyeyi bawe ndetse ukajya no kwivuzwa kwa muganga?

III. Gusesengura umwandiko



Subiza ibibazo bikurikira:

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri rusange muri uyu mwandiko?
2. Erekana ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko.
3. Ni ayahe masomo y'ingenzi twakura muri uyu mwandiko?

IV. Kungurana ibitekerezo ku byavuzwe mu mwandiko



Mwungurane ibitekerezo ku kibazo gikurikira:

Muramutse muhuye n'umuntu wanduye indwara yandurira mu mibonano mpuzabitsina mwamugira iyihe nama?



Umukoro

Ganiriza abo mubana mu rugo ku cyo umukobwa yakora aramutse afashwe ku ngufu agakoreshwa imibonano mpuzabitsina.

3.2. Itondaguranshinga: Ibihe bikuru by'inshinga

Soma witonze aka gace k'umwandiko, maze ukurikije ko inshinga ziciyeho akarongo zivuga igikorwa cyahise, ikirimo gukorwa cyangwa ikizaza uzuzuze mu mbonerahamwe ikurikiraho:

Dukwiye guhora dusoma.

Mwana wange ubwo ubona nijutse nta kindi mbikesha ni ugusoma ibitabo bitandukanye.

Kera nkiri muto **narasomye** biratinda. **Nasomye** ibitabo byinshi bitandukanye: iby'ubuvanganzo, iby'ikibonezamvugo, n'iby'inkuru bitabarika. **Narasomaga** sinibuke no kurya iyo nabaga naguye ku gitabo kiryoshye.

Kandi na n'ubu **ndacyasoma**, ejo **narasomye** ndetse no mu kanya **nasomye** kandi n'ubu urabona ko **ndi gusoma**. Hari umunsi ngira akazi kenshi ku manywa, bwajya kwira umuriro ukabura,

ngatangira kwibaza nti: “Ubu koko **ndacyasomye?**” Iyo byanze nshana agatadowa ngasoma nibura amakuru y’ibyabaye uwo muni. Buri muni rero **ndasoma** nkamenya amakuru kandi nkagira icyo nunguka. **Nsoma** ibitabo, ngasoma ibinyamakuru, ngasoma n’ibyo ku mbuga nkoranyambaga. Ubu na nimugoroba **ndasoma** ibinyamakuru byasohotse uyu muni. Ejo na bwo **nzasoma** iby’ejo. Ejobundi na bwo **nzasoma** iby’aho n’umwaka utaha **nzasoma** ibizaba bigezweho.


Nzakomeza nsome kugira ngo nkomeze kujyana n’igihe, kuko ibyo ku isi bigenda bihinduka. Ubwenge bukomeza kwiyongera, udasomye wasigara.

Inshinga zivuga igikorwa cyahise.	Inshinga zivuga igikorwa kiriho gikorwa none.	Inshinga zivuga igikorwa kizaza.

Ibibazo byo gusubiza:

1. Ibihe bivugwamo ibikorwa biri muri iyi mbonerahamwe ni bingahe?
2. Muhereye ku bihe no ku bikorwa bivugwa mu nshinga mwashyize muri iyi mbonerahamwe, mwavugaga ko ibihe bikuru by’inshinga ari ibihe?
3. Duciye umurongo tukawita igihe, mwawugabanyamo kangahe mukurikije ibihe izi nshinga mwabonye zitondaguwemo?

Igihe kigabanyijemo ibice bitatu ari byo: igihe cyahise, igihe cy’ubu n’igihe kizaza. Ibihe bikuru by’inshinga rero ni bitatu nk’uko bigaragara ku murongo w’igihe ukurikira.



- a) Igihe cyahise, kivuga ibyabaye, kikitwa **impitagihe**.
- b) Ikiyaga ibiriho, uby’ubu, n’ibyo dukora nk’akamenyero kitwa **indagihe**.
- c) Ikiyaga ibiri bube mu kanya, ibizaba ejo, n’ibizaba mu gihe kiri imbere cyose ni **inzagihe**.

A. IMPITAGIHE

Impitagihe ivuga ibyahise kare cyangwa kera ikigabanyamo impitakare n'impitakera.

1. Impitakare

Impitakare yumvikanisha igikorwa cyarangiye mu gihe cyashize, ariko kitarengeje uyu muni, mu kanya kashize.

Ingero:

- a) **Nasomaga** igitabo.
- b) **Nasomye** igitabo.
- c) **Nsomye** igitabo.
- d) **Ndagisomye**.
- e) icyo gitabo **nagisomye**.

Izi nshinga zumvikanisha igikorwa kimaze gukorwa, ariko cyarangiye bitarenze uyu muni cyangwa mu kanya kashize

2. Impitakera

Impitakera yumvikanisha igikorwa cyarangiye mu gihe cyashize, uherye ejo hashize ugana hirya yaho.

Ingero:

- a) Nkiri muto nasomaga ibitabo byinshi mu cyumweru.
- b) Mu mwaka ushize nasomye ibitabo bine.
- c) Kera narasomye cyane.
- d) Ejo nasomye umunsi wose.

Izi nshinga zumvikanisha igikorwa cyamaze igihe gikorwa ariko cyarangiye ejo hashize cyangwa hirya yaho.

B. INDAGIHE

Indagihe ivuga ibiba muri aka kanya, ibiba ubusanzwe, ibyabaye kera bivugwa mu nkuru, ibikorwa bigikomeza, bityo ikigabanyamo indagihe y'aka kanya, indagihe y'ubusanzwe n'iy'imbarankuru, n'iy'igikomezo.

1. **Indagihe y'ubu:** ubungubu, mu kanya kaza, mu kanya gashize
Indagihe y'ubu yumvikanisha ikirimo gukorwa ubu, aho uvugiye.

Urugero:

Ndasoma igitabo

2. Indagihe y'ubusanzwe

Indagihe y'ubusanzwe yumvikanisha igikorwa gisanzwe gikorwa. Nta wamenya intangiriro n'iherezo ryacyo.

Ingero:

- Nsoma** igitabo.
- Iyo mbonye akanya **ndasoma**.
- Ndasoma** buri minsi.
- Nsoma** igitabo kimwe mu minsi ine.

3. Indagihe y'imbarankuru

Indagihe y'imbarankuru umuntu ayikoresha avuga ibyabaye kera nk'aho ari iby'ubu. Isa nk'indagihe y'ubusanzwe, bigatandukanira ku nshoza.

Ingero:

- Yagiye mu nzu nuko **arambura** igitabo **arasoma**.
- Nuko icyo gihe **turasoma** abantu **baratangara**.

4. Indagihe y'igikomezo

Indagihe y'igikomezo yumvikanisha igikorwa kikirimo gukorwa ubungubu, nta wamenya igihe cyatangiriye, nta n'uwamenya igihe kiri burangirire.

Ingero:

- Ndacyasoma** igitabo.
- Turacyategura** ibikorwa tuzakora mu muganda.

Hari n'indagihe y'igikomezo ikoreshwa kenshi mu nteruro zisa n'izibaza, ariko zinatangara: ingero: a) Ubu se **ndacyasomye** cya gitabo ko ndeba bwije? b) Aho **aracyakoze** wa murimo?

Zumvikanamo igikorwa kifujwe gukorwa mu kanya uvugiyemo cyangwa kari buze, cyangwa mu gihe kizaza, ariko aho uvugiye ukaba utagifite ikizere gihamye ko kiri bukorwe.

C. INZAGIHE

Inzagihe ivuga ibiza kuba cyangwa ibizaba nyuma y'igihe cyo kuvuga. Yigabanyamo inzahato n'inzakera.

1. Inzahato

Inzahato ivuga ibiri bube nyuma yo kuvuga, ariko ntibifate undi muni.

Ingero: Ku gicamunsi **uratera** umupira.

Ibiri bube uyu muni mu kanya kaza bishobora kandi kuvugwa mu ndagihe iyo twongeyeho akajambo karanga igihe.

Ingero:

- a) **Ndaza** mu kanya
- b) **Ndaje** ube untegereje

2. Inzakera

Inzakera ivuga ibizaba ejo hazaza cyangwa mu bihe bizakurikiraho. Irangwa na za-

Ingero:

Nzasoma igitabo.

Imyitozo:


1. **Soma interuro ikurikira uyishyire mu nzagihe.**

Umuganga na we yatwakiriye neza twembi nge na Byusa, kandi asanga dufite ubwandu bwa mburugu.

2. **Mukurikize ruhamwa yatanzwe maze mutondagure inshinga mu gihe cyatanzwe mu dukubo.**

- a) Mutoni (gusobanurira: inzagihe) bagenzi be.
- b) Uburagaza (kwica: impitagihe) abantu benshi mu myaka ya kera.
- c) Mu Mpeshyi nta mvura (kugwa: indagihe).
- d) Mburugu ni imwe mu ndwara (kwandurira: indagihe) mu mibonano mpuzabitsina.
- e) Iyi nka (kuza: inzagihe) ibyatsi yarishije.

3.3. Twirinde indwara zandurira mu myanya ndangagitsina



Urubwiruko rugomba kumenya ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere, rukamenya uko imibiri yabo ikora, bityo rugashobora kwirinda indwara zandurira mu myanya ndangagitsina, rukirinda kubyara rutarageza igihe.

Indwara zandurira mu myanya ndangagitsina zikwirakwizwa no gukora imibonano mpuzabitsina abantu batikingiye. Izo ndwara rero ziva ku muntu wanduye zijya ku wundi, bityo uko abantu bakorana imibonano mpuzabitsina n'abantu batandukanye akaba ari ko zigenda zikwirakwira.

Ubuzima bw'imyororokere rero bugira uruhare mu buryo tubaho. Bugomba gutekerezwaho umuntu akiri muto, bityo akamenya uko yitwara mu busore cyangwa mu bukumi bwe, kugeza mu gihe abaye mukuru agashaka cyangwa agahitamo kudashaka.

Kutamena ibijyaye n'ubuzima bw'imyororokere bigira uruhare rukomeye ku mibereho y'umuntu no mu iterambere rye. Kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina ni ingorane zikomeye cyanecyane iyo akiri muto.

Akenshi abazanduye bakiri bato batinya kuzivuzwa, maze zikamunga imibiri yabo. Zirabangiza ugasanga nta ntege bafite, ndetse abenshi bikabaviramo gupfa imburagihe.

Na none kubyara ukiri muto ni ibyago bikomeye kuko bigutesha intego zose wari ufite mu buzima. Abenshi bahagarika amashuri, bakajya kurera abana babyaye. Ubuzima bwabo rero buba bubaye bubu.

Ubuzima bwiza bw'imyororokere rero bugira uruhare ku mibereho y'abantu, ku iterambere ryabo, ku ngufu bagira zo gukorera igihugu, bityo bukagira uruhare ku iterambere ry'isi muri rusange.

Ubuzima bw'imyororokere bugomba kumvikana neza mu gihe abantu bakiri bato kugira ngo bitegure uko bazabaho bamaze gukura, birinde imibonano mpuzabitsina kugeza bashatse. Ibyo bibarinda indwara zandurira mu myanya ndangagitsina.

Ubuzima bubu mu bijyanye n'imyororokere buha icyuho indwara, gufatwa ku ngufu, gucuruzwa kw'abantu, inda zititeguwe ndetse n'imfu. Nyamara indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zishobora kwirindwa kuko umuntu ni we uzikururira. Kuzirinda rero ni ukwirinda imibonano mpuzabitsina mu gihe utarashaka ngo ugire umuntu umwe mubana mukubaka urugo. Kujarajara mu bantu batandukanye rero ni byo bikwirakwiza indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina. Kwifata ku bakiri bato bakirinda imibonano mpuzabitsina ni byo byabarinda izo ndwara.

Ku bananiwe kwifata, nibura bagomba kwibuka gukoresha agakingirizo. Izishobora kwanduzwa n'ibikoresho bisangirwa nka tirikomona na zo zirindwa buri wese agira igikoresho ke k'isuku kandi akagisukura. Nimwirinde indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina rero, bizatuma mugira ubuzima bwiza.

I. Inyunguramagambo:



a) Musobanure amagambo akurikira.

1. Guha icyuho
2. Inda zitateguwe
3. Kujarajara
4. Imburagihe



b) Imyitozo ku nyunguramagambo

Koresha buri jambo mu nteruro yumvikanisha inyito yaryo:

1. Guha icyuho
2. Inda zitateguwe
3. Kujarajara
4. Imburagihe

II. Ibibazo ku mwandiko



Musubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite

1. Wumva kumenya ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere byagufasha iki?
2. Ubuzima bw'imyororokere bugira uruhare rukomeye mu mibereho yacu bute?
3. Kuki abantu bagomba kumva neza bakiri bato ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere?
4. Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zikwirakwira zite mu bantu?
5. Andika ingaruka zo kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.
6. Ni gute ubuzima bwiza bw'imyororokere bwagira uruhare mu iterambere ry'igihugu?

III. Gusesengura umwandiko



Gerageza gusubiza ibi bibazo:

1. Garagaza ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko.
2. Ni ayahe masomo wigiye kuri uyu mwandiko?

IV. Kungurana ibitekerezo ku byavuzwe mu mwandiko



Mwungurane ibitekerezo ku kibazo gikurikira:

Mubona hakorwa iki kugira ngo indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zিকে mu bantu?

3.4. Ikinyazina mbaza



Musome iki kiganiro maze mutahure imiterere n'umumaro by'amagambo yanditse atsindagiye



- Muhire: Uraho Mahoro!
Mahoro: Uraho Muhire!
Muhire: Noneho se ibyo wambaye ni ibiki?

- Mahoro: **Ibihe** se udasanzwe ubona?
 Muhire: Ibyo wambaye nyine.
 Mahoro: Iki ni igisarubeti n’ingofero by’abafundi.
 Muhire: Usigaye uri umufundi se? Wabyigiye **he** se?
 Mahoro: Ubu ndangije mu ishuri ry’imyuga n’ubumenyingingiro.
 Muhire: Ubwo se baguhemba **angahe** ku munsu?
 Mahoro: Bampemba kimwe n’abandi bafundi.
 Muhire: Yewe, sinari nzi rwose ko hariho abakobwa b’abafundi.
 Mahoro: Ubu abakobwa natwe dusigaye twubaka rero. Kandi turabizi kuko twabyize.
 Muhire: Ni iterambere ridasanzwe. Nange rwose ninjya kubaka ni wowe uzanyubakira.
 Mahoro: Gira vuba ahubwo maze nzakwereke ko natwe dushoboye.

Ibibazo byo gusubiza:

1. Amagambo: **ibihe**, **angahe**, afite uwuhe mumaro mu nteruro?
2. Mubona ashobora kwisanisha mu nteko zitandukanye?
3. Muhereye ku miterere n’umumaro wayo mwayita iki?
4. Amagambo abaza nka: nde? ryari? ki? he? Na yo yashyirwa muri ubu bwoko bw’amagambo?

a) Inshoza y’ikinyazina mbaza

Ibinyazina mbaza ni amagambo aherekeza amazina cyangwa akayasimbura, afasha mu kubaza usobanura cyangwa wifuzaga kumenya umubare w’ibintu. Habaho andi magambo abaza nka: nde? ryari? ki? Ariko atari ibinyazina mbaza.

Ingero: Ni **nde?** Inka **ki?** Uzaza **ryari?**

b) Imiterere y’ikinyazina mbaza

Ikinyazina mbaza kigira ibicumbi bitatu ari byo:

– ngahe? – he? – e?.

Ikinyazina mbaza gifite igicumbi –ngahe? kisanisha n’inteko ziri mu bwinshi gusa.

Urugero:

Ufite abana **bangaha?**

Ikinyazina mbaza gifite igicumbi “he?” kisanisha n’inteko zose kikaba gishobora kuba kigufi cyangwa kirekire.

Ingero: – Ushaka **akaha** gacuma?

– Ushaka agacuma **kahe?**

Ikinyazina mbaza gifite igicumbi “e?” kisanisha n’inteko ya 16 gusa.

Ingero: – Utuye **he?**

– Uvuye **hehe?**

Imbonerahamwe y’ikinyazina mbaza

Inteko + izina riyirimo	Igcumbi -ngaha?	Igcumbi -he?		Igcumbi na – e?
		kigufi	kirekire	
Nt 1: Umukinnyi	-	wuhe?	uwuhe?	
Nt 2: Abakinnyi	bangaha?	bahe?	abahe?	
Nt 3: Umukino	-	wuhe?	uwuhe?	
Nt 4: Imikino	ingaha	yihe	iyihe	
Nt 5: Ishuri	-	rihe?	irihe?	
Nt 6: Amashuri	angaha?	yahe?	ayahe?	
Nt 7: Ikibuga	-	kihe?	ikihe?	
Nt 8: Ibibuga	bingaha	bihe	ibihe	
Nt 9: Ingofero	-	yihe?	iyihe?	
Nt 10: Ingofero	zingaha?	zihe?	izihe?	
Nt 11: Urwego	-	ruhe?	uruhe?	
Nt 12: Akabati	-	kahe	akaha?	
Nt 13: Uturabo	tungaha?	tuhe?	utuhe?	

Nt 14: Uburiri	bungahe?	buhe?	ubuhe?	
Nt 15: Ukwezi	-	kuhe?	ukuhe?	
Nt 16: Ahantu	hangahe?	hahe?	ahahe?	he?

Imyitozo:

1. Tahura ibinyazina mbaza muri aka gace k'umwandiko Gutegura gahunda y'igihembwe.

Mu ntangiriro ya buri mwaka buri munyeshuri aba akwiye kwibaza ibibazo bikurikira:

Muri uyu mwaka tuziga amasomo angahe? Amasomo mbona akomeye ni ayahe? Nkeneye amakaye angahe? Isomo iri n'iri rigaruka inshuro zingahe mu cyumweru? Ibintu bikunze kungora ni ibiki? Ni he nakwigira hamfasha kwiga mu mutuzo? Ni abahe bantu bamfasha mu myigire yange? Ibintu bishobora kundangaza bigatuma ntiga neza ni ibiki?

Iyo umaze kubona ibisubizo by'ibyo bibazo uba warangije gutsinda.

2. Mutahure muri iki kinyatuzu gikurikira ibinyazina mbaza nibura bitatu.

B	I	N	G	A	H	E
A	K	A	H	E	H	E
N	I	G	I	K	I	I
G	I	N	N	Y	O	O
A	B	A	K	I	N	O
H	I	G	I	K	I	A
E	K	I	H	E	N	U
B	I	H	E	H	E	O

3.5. Nzirinda ikintu cyose cyashora mu busambanyi.



Ingimbi n’abangavu bakunze gushukwa n’abantu bakuze, bakabashora mu mibonano mpuzabitsina batarageza igihe. Akenshi bashukishwa utuntu duto nk’amafaranga, imyenda, utuntu turyoshye two kurya cyangwa kunywa batarashobora kwigurira n’ibindi.

Imibonano mpuzabitsina rero yangiza ubuzima, igatuma abo bangavu n’ingimbi bahagarika amashuri yabo, intego zabo z’ubuzima zigahagarara. Nyamara ibyo byose umwana amaze gukura ashobora kubigeraho, akifasha. Kwirinda gushorwa mu mibonano mpuzabitsina rero ni ukwirinda kugira irari ry’ibyo utarashobora kwiha, ukirinda abagushuka.

Ingaruka ni nyinshi ku bantu bishora mu mibonano mpuzabitsina bakiri bato. Hari ingaruka zigaragara ku mubiri nko kurwara indwara zandurira mu myanya ndangabitsina ndetse no gutwara inda ku

bana b'abakobwa. Nyamara kandi hari n'ingaruka ku mibereho, ku mitekerereze n' imyitwarire y'umwana. Harimo kwisuzugura, kutigirira ikizere, kuraruka no kwiyanga. Kuri ibyo, hiyongeraho kandi imyitwarire yo kumva afite ikimwaro cyangwa kuba umushizi w'isoni.

Buri mwangavu cyangwa ingimbi agomba kwiyumvisha iki kintu: “Mfite uburenganzira bwo guhakanira umuntu wese ushaka kunshora mu mibonano mpuzabitsina. Singomba kwishora mu mibonano mpuzabitsina kubera ko nkunda umukobwa cyangwa umuhungu.”

Kwishora mu mibonano mpuzabitsina rero ntibituma umwangavu cyangwa ingimbi bangirika ku mubiri gusa, bibatera no kwangirika mu bwonko. Ubwonko rero ni rwo rugingo rukomeye mu bijyanye n'imibonano mpuzabitsina. Iyo mu bwonko harangije kwangirika nibwo usanga umuntu atagishobora kwifata, imibonano mpuzabitsinda ikaba ari yo imugenga, intego zose yari afite mu buzima zikazima, agatangira gutsindwa mu ishuri byarimba akarivamo, indi mirimo yose igahagarara. Kubaho gutyo rero ni ukubaho nk'inyamaswa itagira ubwenge bwo gukora ibintu muri gahunda iyi n'iyi yihaye.

Kugira ngo utegure ubuzima bwawe neza ni ukumenya guhuza ibyo bintu bitatu ari byo: umubiri, umutima n'ubwonko. Umubiri ugomba kurindwa kuko ushobora kwangirika kandi ni na wo ukora igikorwa, umutima ni wo uvamo ibyiyumvo naho ubwonko bukaba ari bwo buvamo ibitekerezo.

I. Inyunguramagambo



a) Mushake ibisobanuro by'aya magambo.

1. Irari
2. Umushizi w'isoni
3. Ubwonko
4. Ibyiyumvo



b) Imyitozo ku nyunguramagambo

Mukoreshe aya magambo mu nteruro zumvikanisha icyo asobanura:

1. Irari
2. Umushizi w'isoni
3. Ubwonko
4. Ibyiyumvo



c) Fora ndi nde?

Ni nge shingiro ryo gutekereza kandi ibyumviro byose ndabitegeka Ndi

Ifashishe aka gakino ka “fora ndi nde?” ubaze ikibazo cyo gufundura amagambo akurikira: umutima, inka, ingimbi, umwangavu.

II. Ibibazo ku mwandiko



Musubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yangu bwite.

1. Ni ibiki abantu bakuze bakunze gushukisha ingimbi n’abangavu bagamije kubashora mu mibonano mpuzabitsina?
2. Hari igishuko wowe wari wahura na cyo muri ubwo buryo? Wakitwayemo ute?
3. Rondora ingaruka ku bantu bishora mu mibonano mpuzabitsina bakiri bato.
4. Kwangirika mu bwonko bizana izihe ngaruka ku wishoye mu mibonano mpuzabitsina akiri muto?
5. Kwirinda imibonano mpuzabitsina ukiri muto ni ukurinda ibintu bitatu. Ni ibihe? Kubera iki? Wabirinda ute?

III. Gusesengura umwandiko



Musubize ibi bibazo:

1. Andika ingingo z’ingenzi zigize uyu mwandiko unawukorere inshamake.
2. Garagaza isomo ukuye muri uyu mwandiko.

IV. Kungurana ibitekerezo



Mwungurane ibitekerezo ku kibazo gikurikira:

Ese urukundo n’ubucuti hagati y’umuhungu n’umukobwa bigaragarira mu gukorana imibonano mpuzabitsina?

3.6. Ikiyazina mboneranteko



Soma interuro zikurikira maze utahure imiterere n’umumaro by’amagambo aciyeho akarongo:

1. Za dodo ziraryoha.
2. Ba marume bamfashije kwiga.
3. Ka Mukamana kagira urugwiro.
4. Mfite ba masenge babiri kandi bombi bize iby’ubwubatsi.

Ibibazo byo gusubiza:

1. Aya magambo aciyeho akarongo murabona aherekeza amazina ateye ate?
2. Ubona afite uwuhe mumaro?
3. Uhereye ku miterere n’umumaro byayo wayita ngo iki? Hari irindi zina ryabyo muzi?
4. Mumaze kubona uko biteye n’uko bikoreshwa mwavuga ko ibinyazina mboneranteko ari iki?

a) Inshoza y’ikiyazina mboneranteko

Ikiyazina mboneranteko ni amagambo akoreshwa imbere y’amazina bwite n’amazina rusange adafite indomo akerekana inteko izina ririmo. Bakita ikiyazina mboneranteko cyangwa ikiyazina ndanganteko.

b) Imiterere y’ikiyazina mboneranteko

Ikiyazina mboneranteko kigira igicumbi “-a”, kigatuma ijambo kibanjirije rihindura inteko mu kurishondeka, kuritubya no kuritubura.

Ingero

Bya Muhoza biraje.

Rwa Muhire ni urunebwe.

Imbonerahamwe y'ikinyazina mboneranteko:

Inteko	Ingero
Nt 1	-
Nt 2	ba Karisa, ba data
Nt 3	-
Nt 4	-
Nt 5	-
Nt 6	-
Nt 7	cya Karisa
Nt 8	bya Karisa
Nt 9	-
Nt 10	za Karuvati
Nt 11	rwa Karisa
Nt 12	ka Karisa
Nt13	twa Karisa
Nt14	bwa Karisa
Nt15	-
Nt16	-

Imyitozo

- Shyira izina Murorunkwere mu nteko ya 12 maze ukore isanisha riboneye:**
Murorunkwere agira umutima mwiza.
- Koresha ijambo marume mu nteko ya 11 usanisha n'andi magambo mu nteruro ikurikira:**
Marume yanyambuye isambu yange.
- Andika ubwoko bw'ijambo riciyeho akarongo.**
 - Ni utuhe dutebo ka Mbonigaba kaboshye?
 - Ka kana ka Matayo kagize amanota angahe?
 - Za nka zawe ni zo zituma wigira za magabo?

3.7. Gera umuzinga ku wa Bugegera



Uyu mugani Abanyarwanda bawuca iyo bashaka kwigisha umuntu ngo akurikize urugero rwiza abonana abandi; ni ho bagira bati: “Gera umuzinga ku wa Bugegera!” Wakomotse ku mugabo wo ku Ntenyo mu Nduga y’epfo witwa Bugegera, akaba umugaragu wa Mirenge, umukungu w’ikirangirire baja bakurizaho kuvuga ngo naka atunze ibya Mirenge ku Ntenyo. Ni ahasaga umwaka wa 1700.

Mirenge uwo nguwo amaze gukungahara cyane mu Nduga yose rubanda baramushikiraga, baza kumucaho inshuro; kandi ubwo bukungu bwe bwakomokaga ku mizinga y’inzuki yagikaga, bituma agira ubuki bwinshi, abafite amasaka, ingumba n’imfizi bakabimuzanira bagatetura (kugurana ubuki). Nuko biba aho bishyize kera, wa mugabo Bugegera w’umugaragu wa Mirenge wari umukene cyane ageretseho no kuba yaracitse intoki z’ikiganza k’iburyo akajya yitegereza imizinga ya Mirenge bahakura ubutitsa; azirikana n’ibintu bazanira Mirenge bagurana. Ni ko kwigira inama ati: “Ahari nange mboshye imizinga nkayagika ubanza namera nka Mirenge; n’aho kandi ntasa na we, nibura nakwibeshaho!” Ati: “Inzuki Mirenge ntazifata ngo azishyire mu mizinga ye; byongeye si n’abantu be batera ngo bazinyage bazizane mu mizinga.”

Ni bwo atangiye aca imicundura n’akaboko kamwe k’ibumoso; mu Nduga y’ epfo kera nta shyamba ryahabaga; hari umukenke wiganjemo

urucundura; na we Mirenge, ibiti yaboreshaga imizinga, abantu be babikuraga mu Mayaga ku Rutabo rwa Kinazi. Bugegera amaze kugwiza uduti twe, abwira umugore we Nyirampumbya ati: “Nshakira amarwa meza nziyingingire umuntu wo kwa Mirenge azambohere umuzinga, nange nzagike ndebe ko twabona ubuki bukadukiza!” Uwo mugore we, Nyirampumbya ngo yagiraga amarwa y’iziko atangaje. Ahera ko aracanira; umusemburo uramuhira uratumbagira, abonye ko ushamaje yimuka ku buriri bwe ahunga umugabo we, kugira ngo na hatwo batarengwaho bakawica; dore ko kera umusemburo na wo wiraburirwaga.

Nuko Nyirampumbya yenga amarwa ngo atangaza Abanyenduga, bose barayahururira barizihirwa. Bageze aho, Bugegera araterura ati: “Umva bantu muteraniye aha; icyatumye mbatumira, ndasaba ko uwamenya kuboha umuzinga yazawumbohera nkazamuhemba amarwa arenze aya”! Abari aho barumirwa; havamo umwe w’umuhanga mu buboshyi bw’imizinga ati: “Tutagombye kuwuboha, ngeweho ndawufite uzaze nywuguhe”. Bugegera na Nyirampumbya babyumvise barishima cyane babwira uwo mugabo bati: “Ntibigombera gutinda, jyana n’uyu mwana”. Amukorera umuzinga awuzanira se.

Mu gitondo awagika mu munyinya wari imbere y’irembo rye. Amaze kuwagika agira amahirwe winjira vuba, ugiye kwera urasizora; yenze ubuki buratangaza buruta ubwo kwa Mirenge kure. Ababubonye bahakana ko atari ubw’umukenke, bakeka ko ari ubw’i Bugesera bw’igiti kitwa Urusinzagwa. Bamaze kwishimira ubuki bwa Bugegera, bahinyura ubwo kwa Mirenge bati: “Mbese imizinga ya Mirenge yayigize nk’iya Bugegera ikera ubuki bw’Ubusinzagwa ntibe myinshi y’ubusa!” Nuko kuva ubwo Bugegera arakira aranezerwa akijijwe n’umuhate wo kwigana gukora yagika akazinga ke kamwe kakarusha iyo kwa Mirenge kwera. Ni bwo Abanyanduga babigize umuhango bakajya bigana ibifite akamaro babonana abandi.

“Kugera umuzinga ku wa Bugegera” ni ukwigana urugero rwiza ubonana abandi.

MINISITERI Y’URUBYIRUKO, UMUCO NA SIPORO, *Ibirari by’Insigamigani, Icapiro ry’Ingoro y’Umurage w’u Rwanda, Igitabo cya kabiri, Icapiro rya 3, Printer set, 2005.*

I. Inyunguramagambo



a) Mushake ibisobanuro by'aya magambo:

- | | |
|---------------------|-------------------|
| 1. Ikirangirire | 7. Amarwa |
| 2. Baramushikiraga | 8. Umusemburo |
| 3. Kumucaho inshuro | 9. Ushamaje |
| 4. Imizinga | 10. Wiraburirwaga |
| 5. Ingumba | 11. Araterura |
| 6. Kwagika | |



b) Imyitozo ku nyunguramagambo

- Uzurisha amagambo akurikira mu nteruro zatanzwe:** umusemburo, ubuki, yarateruye, umuvumvu, inzuki.
 - Mugabo aravuga ati: “Sinshobora kurara ntariye inyama.”
 - Mu ifarini bashyiramo kugira ngo umugati ubyimbe.
 - Ikigage bashyizemo..... kitwa amarwa.
 - Nagitse umuzinga uhita winjirwamo n’..... ubu ndi utegereje guhakura nkabona
- Uzuza iyi migani ukoresheje amagambo ukuye mu mwandiko.**
 - Uwavuga ay’..... ubuki ntibwaribwa.
 - Igiti kimwe si.....
 - Ntawujya mu ngo abure inkoni aca.
 - Ukurusha aba akurusha urugo.
 - Ubuze ay’iburyo akama ay’.....
 - Ubwenge bw’..... burayobera.

II. Ibibazo byo kumva umwandiko



Musubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yangu bwite

- Iyi mvugo “Gera umuzinga ku wa Bugegera” yaturutse he?
- Ubukungu bwa Mirenge yabuvanye he?
- Kugira ngo Bugegera ashobore kwibeshaho yagize ikihe gitekerezo?

4. Kugira ngo Bugegera abone umubohera umuzinga yasabye iki umugore we?
5. Kugera umuzinga ku wa Bugegera bisobanura iki?
6. Umuntu ukora umwuga wo korora inzuki bamwita ngo iki?
7. Hitamo igisubizo cy' ukuri. Uyu mwandiko ni:
 - a) Inkuru
 - b) Igitekerezo
 - c) Insigamigani
 - d) Umugani muremure.

III. Gusesengura umwandiko.



Musubize ibi bibazo bikurikira:

1. Vuga ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko.
2. Ni izihe nyigisho z'ingenzi twakwigira kuri iyi nsigamigani?
3. Ukurikije imiterere y'uyu mwandiko n'ibivugwamo, wavuga ko insigamigani ari iki, irangwa n'iki?

IV. Kungurana ibitekerezo ku byavuzwe mu mwandiko:



Mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko zikurikira:

Insanganyamatsiko zo gutangaho ibitekerezo:

1. Ese gucika intoki z'ikiganza bikwiye gutuma umuntu asabiriza?
2. Uhereye ko Bugegera yiganye Mirenge yarangiza agakora nk'ibye ndetse akanamurusha, bigatuma abantu bamwegukira bakava kuri Mirenge, wavuga ko Bugegera ari umunyeshyari mubi cyangwa wamwita umuntu uharanira kunguka ubwenge agamije kwibeshaho.

3.8. Insigamigani

1. Inshoza n’aturango by’insigamigani

- **Insigamigani** ni zimwe mu bice bigize Ikinyarwanda, zikaba zaragaragariraga cyane, mu mivugire, mu migendere, mu myumvire, mu mikorere no mu mibereho y’ubuzima bwabo bwa buri muni.
- Ijambo insigamigani ryagendeye ku magambo abiri y’Ikinyarwanda ari yo “gusiga” n’ “umugani”. Nk’uko amateka y’ubuvanganzo nyarwanda abigaragaza, umugani ni ipfundo ry’amagambo atondetse neza, akubiyemo ihame ridutoza gukora iki cyangwa se kudakora kiriya.
- Ijambo gusiga, rikaba rishaka kuvuga kugira ikintu runaka usigira umuryango mugari uzajya ukwibukiraho, kikaba umurage wabo w’ibihe birebire.
- Insigamigani yo ni ahantu cyangwa se abantu babaye inkomoko y’umugani kimwe n’ibindi abantu berekejeho ibitekerezo nk’inyamaswa, inyoni, n’ibindi. Aha ni ho hava izina “ibirari by’insigamigani”. Bikaba bishaka kuvuga aho ikintu cyanyuze kigana aha n’aha.
- **Insigamigani** rero ni amayira, amateka, amagambo, n’uburyo imvugo yabaye umugani yadutsemo igihe iki n’iki, ahantu aha n’aha.

2. Imirangurire y’insigamigani

Barangurura insigamigani, bagaragaza aho naka yanyuzemo ubwe, cyangwa aho Gacamigani we yahimbiye kunyuzamo ikindi yitiriye umugani. Bati: “Umugani uyu n’uyu wakomotse kuri kanaka cyangwa se nyiranaka”. Bakigisha cyangwa se bakibutsa imimerere yo guhimba kwe, ishobora kumera nk’iya wa wundi wa mbere bakurijeho.

Dore mbese nk’umugani baca bagira ngo “Arimo Gishegesha ntavura” bavuga ko wakomotse kuri Gishegesha cya Bungura wo mu Bibungo bya Mukingo mu Nduga, na Bugabo wo mu Bugesera, ahasaga mu wa 1600, ku ngoma ya Mibambwe Gisanura. Wamamaye kuko Gishegesha yayoboye Abanyarwanda batera u Bugesera, agakuza Bugabo amata mu kanwa ari bwo akigabana. Yamubereye kiroya kuko yamunyagishije inka atarazimarana kabiri. Iyo rero amaronko

yajemo kirogoya ikayavutsa nyirayo ni bwo bagira bati: “Arimo Gishegesha ntavura”. Ubwo baba bigana Bugabo wamaze kunyagishwa na Gishegesha akavuga atyo, ati: “Arimo Gishegesha ntavura”.

Umukoro

Mushake izindi ngero nibura eshatu z’insigamigani mwaba muzi, muvuge n’icyo zisobanura: mushobora kwifashisha isomero cyangwa mukabaza abantu bakuru.

3.9. Dore umunyana



Dore umunyana weee!

Dore umunyana weee! Ntukababare

Dore umunyana weee!

1. Umunyana weee!

Uwanga u Rwanda rwacu, shenge weee,

Iyo nganji iganje shenge weee,

Uwanga u Rwanda wacu ntakatubemo

Dore umunyana weee!

2. Umunyana weee!
Uwanga abana bacu, shenge weee,
Iyo nganji iganje shenge weee,
Uwanga abana bacu ntakatubemo
Dore umunyana weee!
3. Umunyana weee!
Uwanga ubumwe bwacu, shenge weee,
Iyo nganji iganje shenge weee,
Uwanga ubumwe bwacu ntakatubemo
Dore umunyana weee!
4. Umunyana weee!
Uwanga Abanyarwanda, shenge weee,
Iyo nganji iganje shenge weee,
Uwanga Abanyarwanda ntakatubemo
Dore umunyana weee!

I. Inyunguramagambo



a) Mushake ibisobanuro by'aya magambo.

- | | |
|----------------|------------|
| 1. Umunyana | 3. Inganji |
| 2. Ntakatubemo | 4. Kuganza |



b) Umwitozo ku nyunguramagambo

Mukoreshe aya magambo mwubake interuro ziboneye zumvikanisha ko mwumva icyo asobanura.

- | | |
|----------------|------------|
| 1. Umunyana | 3. Inganji |
| 2. Ntakatubemo | 4. Kuganza |

II. Ibibazo ku mwandiko



a) Hitamo igisubizo nyacyo

1. **Mu gitero cya mbere umuririmbyi avuga ko ari nde udakwiye kutubamo?**
 - a) Umunyana
 - b) U Rwanda rwacu
 - c) Uwanga u Rwanda rwacu
2. **Ni iki gikwiye gutuma tutababara kivugwa mu mwandiko?**
 - a) Kubona umunyana
 - b) Indirimbo
 - c) Umubabaro



b) Subirisha yego cyangwa oya

1. Ukurikije umwandiko umunyana ni ikintu kiza
2. Uwanga Abanyarwanda ntakatubemo



c) Subiza ibibazo bikurikira

1. Iyi ndirimbo ifite ibitero bingahe?
2. Ni iki umwanditsi yifuza ku muntu wanga abana?
3. Andika injikirizo y'iyi ndirimbo.

III. Kungurana ibitekerezo no guhanga bandika



Mwungurane ibitekerezo ku kibazo gikurikira:

1. Ni ryari umuntu ashobora kuririmba?

3.10. Uturango tw'indirimo

Mushake ibiranga indirimbo

Indirimbo irangwa n'injyana iryoheye amatwi n'amagambo ateye ubwuzu ku buryo uyumva yumva yishimye.

Irangwa kandi n'ibitero bikubiyemo ibitekerezo bitandukanye twagereranya n'ibika byo mu mwandiko usanzwe. Igira kandi n'inyikirizo igenda igaruka.

Indirimbo irangwa n'amajwi akunze guherekezwa n'ibicurangisho bitandukanye bituma amajwi yayo arushaho kuryohera amatwi.

Umukoro

Nimutegure indirimbo muzajya muririmba mu birori cyangwa mu masaha agenewe imyidagaduro mukurikije uturango tw'indirimo.

Mfashe ko:

- Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zishobora kwirindwa abantu bifata, hakoreshwa agakingirizo ku bananiwe kwifata, abashakanye bakirinda gucana inyuma.
- Ibihe bikuru by'inshinga birimo impitagihe, indagihe n'inzagihe.
Urugero: – Abana **bakina** buri muni.
 - Ejo hashize abana **barakinnye**.
 - Ku wa Gatatu utaha abana **bazakina**.
- Ikingyazina mbaza gifasha mu kubaza usobanuzwa cyangwa ushaka kumenya umubare w'ibintu.
Urugero: Ufite imyaka **ingahe**? Utuye **hehe**? Wiga ku **kihe** kigo?
- Ikingyazina mboneranteko kerekana inteko izina ryashyizwemo.
Urugero: Dore **ka** Muhoza karaje! Muhoza yashyizwe mu mu nteko ya 12.
- Insigamigani ni imvugo yaturutse ku bikorwa by'umuntu wasize

umugani.

Urugero: Bateye Rwaserera. Bivuga gusahinda bateza imvururu.

- Indirimbo igira uturango twayo. Twavuga nk’ibitero n’inyikirizo igenda igaruka ndetse n’inyana ipimye.



3.11. Isuzuma risoza umutwe wa gatatu

Umwandiko: Ntugahe umwana ngo uranguze.

Uyu mugani bawuca icyo babonye umuntu ugiye kwitsembaho utwe ngo akunde ashimishe uwo aha; ni bwo bamubwira bamwigisha, bati: “Ntugahe umwana ngo uranguze!” Wakomotse ku nama Rujugira yagiriye Sebutuku wo mu Bwanacyambwe, ahajyaga umwaka wa 1700.

Ku ngoma ya Kilima Rujugira, uwo mugabo Sebutuku wari utuye i Nduba mu Bwanacyambwe; yashatse umugore babyarana abana b’abahungu batandatu; ntibagira umukobwa babyarana. Abana arabarera, bamaze kuba abasore bose arabashyngira. Ngo yari afite amatungo menshi n’abagaragu benshi.

Bukeye akoranya inshuti ze n’abavandimwe kugira ngo ahe abana be iminani. Bamaze guterana ahamagaza abahungu be, n’abakazana baraterana, ahamagaza inka ze zose, n’abagaragu be abigabagabanya abana be bose. Ntiyagira icyo yisigira: ari inyarurembo, ari ingarigari mu matungo no mu bagaragu; byose aratsemba.

Abavandimwe n’inshuti ze babibonye baramubaza bati: “Cyose Sebutu! Ko tureba utanze ibintu byawe byose ntiwisigire na kamwe, wowe uzatungwa n’iki?” Ati: “Abana bange bazantunga nk’uko nange nabatunze; ati: “Ko nabatunze ari batandatu, bo bazananirwa kuntunga ndi umwe? Kandi ibyantungaga ari bo mbihaye nta na kimwe ngeruyeho?” Abandi bati: “Ngaha tuzaba tureba uko bizagenda.” Bungamo bati: “Icyakora ni bwo bwa mbere tubona ibi!” Barikubura barataha; ariko bataha bamugaye.

Abana rero bamaze guhabwa iminani yabo muri byose, baraterana bajya inama y’uburyo bazatunga se. Bemeranya ko bazajya bakuranwa

gufata igihe bazana amata n'ibindi byose bitunga abantu.

Ubwo habanza mukuru wabo; atanga abafatagihe n'amata amutunga, ndetse n'imyaka n'amayoga y'iminsi yose rugeretse! Babigira batyo bakuranwa kugeza ku muhererezi wabo. Bamaze guhetura, haba hatahiwe mukuru wabo. Yiyibagiza amasezerano ya barumuna be yanga kohereza ibitunga se.

Sebutuku ategereza ingemu araheba. Arahaguruka aya kubaza icyatumye bamurangarana. Arabateranya ati: "Mwangenje mute ko ngiye kwicwa n'inzara?" Abatanu bamubwira ko hari hatahiwe mukuru wabo, bati: "Ni we wakurangaranye". Sebutuku amubaza icyabimuteye. Umuhungu aramwihorera. Sebutuku abwira barumuna be ati: "Nimumwihorere muntunge nzajya kumurega ibwami." Abandi bati: "Nta bwo twamucaho ari we wari utahiwe!"

Nuko Sebutuku biramushobera, arikubura arataha. Ageze iwe inzara iramurembya n'umugore we nyina wa ba bana, ndetse kuva ubwo bamukubita amaso bakareba hasi. Abavandimwe ba Sebutuku barabibona, baramubwira bati: "Tutakikubwira!" Noneho bashaka ibitunga, bamuha n'abagaragu bamuherekeza aya ibwami kurega abahungu be.

Ahaguruka iwe i Nduba ya Bwanacyambwe, asanga Kilima i Ntora. Ageze ibwami akoma yombi, ati: "Nyayasani mfite abana batandatu. Narabubakiye mbegurira ibyange byose, dusezerana kuntunga, none banyicishije inzara kandi narabareze ari batandatu; bananiwe kundera ndi umwe."

Ibwami babaza Sebutuku bati: "Wabahaye ibyawe byose ntiwisigira inyarurembo?" Undi ati: "Nabeguriye ibyange byose, ngira ngo bazantunge nk'uko nange nabatunze."

Abari aho bose baseka Sebutuku; bati: "Kabishywe upfuye bene ako kageni ; ni wowe wiyishe." Bati: "Nka nde wundi wabibonanye, kuva na kera mu bakubanjirije batanze iminani?" Bati: "Ni nde wabonye yiyaka

ibintu bye byose akabyegurira abana agasigara ubusa!”

Nuko Sebutuku abura icyo abasubiza arataha. Amaze kwikubura Cyilima ntiyanyurwa, atumiza abana be n’abagaragu n’inka z’iminani yabo. Bene Sebutuku bageze ibwami, berekana amatungo se yabahaye. Kilima ateguka abatware be ati: “Nimugabanye Sebutuku n’abana be, umwana wese mumuhe inka munani n’abagaragu munani, ibisagutse byose Sebutuku abyegukaneho ingarigari.” Abwira abari aho bose bakuru ati: “Ntihazagire ukora ibyo Sebutuku yakoze, ngo najya guha abana aranguze.”

Kuva ubwo umugani uhama utyo mu Rwanda, uturutse ku iteka Kilima Rujugira yaciriye kuri Sebutuku. Umugani na wo wamamara mu Rwanda uturutse ku ijamba Rujugira yabwiye abakuru, ati: “Mubyeyi wabyaye, ntugahe umwana ngo uranguze”.

“Kuranguza: Kwikuraho byose ugasigara amara masa.”

MINISITERI Y’URUBYIRUKO, UMUCO NA SIPORO, *Ibirari by’Insigamigani, Icapiro ry’Ingoro y’Umurage w’u Rwanda, Igitabo cya kabiri, Icapiro rya 3, Printer set, 2005.*

I. Inyunguramagambo

1. **Kora interuro wifashishije aya magambo ukoresheje injito afite mu mwandiko:**
 - a) Iteka
 - b) Bene ako kageni
2. **Andika impuzanyito z’amagambo akurikira:**
 - a) Ikibondo
 - b) Bamurangarana
3. **Uzurisha izi nteruro amagambo ari mu mwandiko.**
 - a) Abatajya babeshywa byinshi.
 - b) Sebutuku yatanze byose ntiyisigira
 - c) Iyo utunze nyinshi ni zo zigukamirwa.

4. **Sobanura izi nshoberamahanga:**
 - a) Kwicinya icyara
 - b) Amaguru ayabangira ingata
5. **Tondeka aya matsinda y'amagambo maze areme interuro ziboneye, kandi uzandike witondeye utwatuzo badutoje kutandavura – kuko ntakiza badukinze – kurangwa n'ubutwari n'ubwitonzi – nshime abatubyaye – ngo dukenkemure igihugu cyacu – mumpe urubuga.**

II. Kumva umwandiko

1. Muri uyu mwandiko haravugwamo ba nde?
2. Uyu mugabo Sebutuku aragawa iki?
3. Ni iyihe mpamvu yatumye Sebutuku ajya kuregera umwami abahungu be?
4. Ni irihe teka umwami Cyilima Rujugira yaciye kubera Sebutuku?
5. Umwami Cyilima Rujugira yaciye ate urubanza rwa Sebutuku?

III. Ikibonezamvugo

1. Amagambo aciyeho akarongo ni bwoko ki?
 - a) Uriya mwana we arakora iki hariya?
 - b) Urabikura hehe? Aho mbikura ni nge uhazi
 - c) Muri aba bana uwawe ni uwuhe?
 - d) Mbega ngo rwa Semuhanuka ruritwara nabi!
2. Tanga ingero z'interuro ebyirebyiri wakoreshemo ikinyazina mbaza n'ikinyazina mboneranteko.
3. Shyira inshinga y'iyi nteruro mu nzagihe Mfite akana.

IV. Ubuvanganzo

1. Insigamigani ni iki?
2. Tanga urugero rw'insigamigani ebyiri waba uzi.
3. Indirimbo irangwa n'iki?

4

Uburinganire n'ubwuzuzanye

4.1. Uburinganire n' ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo



Sugira ni umuhungu umwe uvukana na mushiki we Mahoro. Sugira yiga ibijyanye n'imyuga ariko akiga ataha mu rugo. Ku ishuri agerayo saa moya n'igice, amasomo agatangira saa moya na mirongo ine n'itanu; bagataha saa kenda na mirongo ine n'itanu. Iyo ageze mu rugo afasha nyina imirimo yo mu rugo nko koza amasahani, guteka ibya nimugoroba, gukora isuku akoropa inzu, akubura, n'ibindi.



Afite se badahuje imyumvire ku bijyanye n’imirimo yo mu rugo. Aba abwira umuhungu we ati: “Ubundi nta muhungu uteka ngo akubure. Iyo ni imirimo y’abagore n’abakobwa. Nunayikora jya wihisha, ntugakubure bakubona, ntugateke bakubona; abakobwa batazakubenga. Umugabo yitekera iyo yapfakaye atarashaka undi mugore, cyangwa se yarasuhukiye ahandi guhahira urugo.” Nyina wa Sugira yari yabumvise. Nuko aramubwira ati: “Ubwo urashaka kungandishiriza umwana; imirimo nta we yishe, ubwiza bw’umusore ni imbaraga ze. Ko uvuze se ko umugabo yashoboraga kwitekera, yateka ate atarabyitoje mbere?” Nuko se arasubiza ati: “Ahubwo wowe urashaka kumugira ikigoryi. Nta muhungu wo guteka ngo akubure.”

Nyamara Sugira we arababwira ati: “Mwembi ndabumva nimureke kwirushya. Kera koko ni ko byahoze, ariko ibintu bigenda bihinduka. Ubu umuntu atize gukora imirimo yose nta cyo yageraho. Kandi umugore n’umugabo badafatanyije nta kintu bageraho. Nk’uko kera nta muhungu wakuburaga, ni na ko nta mukobwa wubakaga, ariko ubu urebye abo twigana mu myuga ni benshi rwose kandi barubaka kimwe natwe.

None se ko Karegeya yize guteka akaba ari ko kazi akora muri hoteri, ntibimutunze kandi ntabayeho neza kurusha abantu benshi? Ahubwo mushiki wange atinze kuhagera ngo twungurane ibitekerezo ku buryo tuzajya dufatanyaga mu mirimo yose.”

Ntibyatizze rero Mahoro agera mu rugo aje mu biruhuko. Nuko abanza kuganira n’ababyeyi be na musaza we, ababwira amakuru yo ku ishuri na bo bamubwira ayabo.

Umugoroba ugeze, Mahoro na Sugira baraganira, bumvikana ko bagiye kujya bafatanyaga imirimo yose yo mu rugo maze bagahinga, bagatera intabire, bagakora isuku mu rugo n’ibindi.

Ntibyatizze uburyo bafatanyaga mu mirimo yose bugaragaza umusaruro. Iwabo hahoraga isuku kurusha mu ngo zose baturanye. Barahingaga barangiza bagatera intabire, hanyuma bakabona igihe cyo gusoma ibitabo no guhugurana mu byo biga.

Ibyo byatumye bakundana, maze abana bose babareberaho, bigana urugero rwabo. Se wabanje kutabyumva kubera ko yari agitsimbaraye ku bya kera, yageze aho arabashima, maze na we atangira kujya afasha nyina mu mirimo itandukanye yo mu rugo. Abishyize hamwe ntakibananira.

I. Inyunguramagambo



a) Musobanure aya magambo:

1. Intabire
2. Kugandisha
3. Amahoteri
4. Kungurana ibitekerezo



b) Umwitozo w’inyunguramagambo

Mwubake interuro ziboneye zikoreshejwemo aya magambo ku buryo mwumvikanisha ko mwumva icyo asobanura.

1. Intabire
2. Kugandisha
3. Amahoteri
4. Kungurana ibitekerezo

II. Ibibazo ku mwandiko



Nimusubize ibi bibazo byo kumva umwandiko mu magambo yanyu bwite

1. Ni ba nde bavugwa mu mwandiko?
2. Ni iyihe mirimo yo mu rugo ivugwa mu mwandiko?
3. Mahoro yiga iki?
4. Sugira arashima iki umwuga wo gukora ibijyanye n'amahoteri?
5. Ni iyihe myitwarire ya Sugira wamushimira?
6. Ni iyihe myitwarire igayitse y' umugabo ivugwa mu mwandiko?

III. Gusesengura umwandiko



Musubize ibi bibazo:

1. Ni iki kivugwa muri rusange muri uyu mwandiko?
2. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?

IV. Kungurana ibitekerezo ku byavuzwe mu mwandiko



Mwungurane ibitekerezo kuri iki kibazo:

Muhereye ku myitwarire ya se wa Sugira mubona ari izihe ngaruka byatera mu muryango?


V. Guhanga bandika.



Subiza iki kibazo:

Komeza iyi nkuru werekane irindi herezo iyo uyu mugabo atisubiraho.

4.2. Uburinganire n’ubwuzuzanye mu mashuri.



Mu Rwanda ndetse no ku isi yose, uburere bw’umwana w’umukobwa bwitaweho, kugira ngo barusheho kumuteza imbere kuko usanga mu mateka yaragiye atitabwaho bihagije.

Impamvu zatumaga abakobwa batigishwa nka basaza babo, ni uko babanje gufatwa nk’abantu bagenewe gushaka no kubyara, kandi bagafatwa nk’abafite ubushobozi buke mu bijyanye n’imyigire.

Mu gihe batangiyeye kwiga na bwo, ahenshi bakunze kwigishwa amasomo ajyanye no gukora imirimo yoroheje.

Nyamara buhorobuhoro, abakobwa na bo bagaragaje ko bashoboye amasomo y’ubumenyi ndetse n’ay’imyuga.

Kuri ubu abakobwa bagomba kwiga kimwe n’abahungu, bagahabwa iby’ibanze bibafasha kwiga neza kimwe na basaza babo.

Mu bintu byakundaga gutera abakobwa ipfunwe bari ku ishuri ni iyo babaga bagiye mu mihango. Abenshi basibaga ishuri ndetse bakamara iminsi myinshi. Abandi bajyaga bamwazwa na basaza babo ugasanga babavugiriza induru. Nyamara ibyo ntibikiriho. Abakobwa bashyiriweho uburyo bwo kwisukurira ku ishuri mu gihe bagiye mu mihango, bagenerwa icyumba cyabo kirimo ibikoresho bitandukanye bakenera muri icyo gihe.

Abahungu kandi na bo bagomba kumenya ko kujya mu mihango kwa bashiki babo atari ikintu kibi. Ahubwo ni ikimenyetso cy’uko bazaba ababyeyi bakabyara abana nk’uko na bo bavutse. Ababiseka rero bagomba gufatwa nk’abatabihugukiwe, bagasobanurirwa kandi bakihanangirizwa ko batagomba gukwena bagenzi babo kubera uko bavutse.

Abakobwa rero kimwe n’abahungu, bagomba guhabwa amahirwe angana yo kwiga, kandi buri wese akiga ibihwanye n’ubushobozi bwe, ntihagire uhezwa mu mashuri aya n’aya.

Uburanganire n’ubwuzuzanye mu mashuri ni bwo shingiro ry’amajyambere nyakuri, atagira uwo aheza.

Nimuze twese tubushyigikire, abana b’abakobwa kimwe n’ab’abahungu babone amahirwe angana yo kwiga kandi buri wese yige ibyo yumva bimubereye kandi yiyumvamo.

I. Inyunguramagambo



a) Musobanure aya magambo:

1. Kujya mu mihango
2. Icyumba cy’umukobwa
3. Gukwena
4. Ipfunwe



b) Umwitozo w'inyunguramagambo

Mwubake interuro ziboneye mukoresheje aya magambo

1. Kujya mu mihango
2. icyumba cy'umukobwa
3. Gukwena
4. Ipfunwe

II. Ibibazo byo kumva umwandiko



Musubize ibi bibazo byo kumva umwandiko mu magambo yanyu bwite.

1. Iyi nkuru iravuga kuki?
2. Kera umukobwa yafatwaga ate mu bijyanye no kwiga?
3. Kuki kuri ubu umukobwa ahabwa amahirwe angana n'ay'umuhungu mu kwiga?
4. Ese kujya mu mihango bikwiye gutera ipfunwe umwana w'umukobwa? Sobanura.
5. Umwanditsi ararangiza atugira iyihe nama?

III. Gusesengura umwandiko



Subiza ibi bibazo:

1. Ni iki wigiye kuri uyu mwandiko?
2. Andika inshamake yawo mu mirongo itarenze icumi.
3. Ni iki kivugwa muri rusange muri uyu mwandiko?
4. Garagaza ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko.

IV. Kungurana ibitekerezo ku mwandiko



Mwungurane ibitekerezo kuri iki kibazo:

Uramutse ufite abana babiri umuhungu n'umukobwa hakaboneka ubushobozi buke bwo kubarihira amashuri wahitamo nde ngo abe ari we wiga? Garagaza impamvu.

4.3. Uburinganire n’ubwuzuzanye mu ngo no mu mashuri.

Mu rugo



Ku ishuri



Muri iki gihe, haravugwa cyane ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye hagati y’abana b’ibitsina byombi. Ese bwifashe bute? Abantu bose babwumva kimwe? Babushyira mu ngiro kimwe? Kera ibintu byari byifashe bite? Ubu bwo bimeze bite? Ibitekerezo tugiye kwandikaho biraza bisubiza ibi bibazo kimwe n’ibindi ntarondoye.

Sinatangira kuvuga ku mibanire yacu hagati y’abakobwa n’abahungu, ntabanje kuvuga icyo numva ku buringanire n’ubwuzuzanye. Nagerageje kubaza abantu bakuru icyo uburinganire n’ubwuzuzanye ari cyo. Abansobanuriye, bambwiye ko abakobwa mu gihe cyahise bagiye bakandamizwa, ntibahabwe umwanya mu iterambere kimwe n’abahungu. Aho rero ni ho haturutse amahame agamije guha umuhungu n’umukobwa umwanya umwe mu bibera kuri iyi si dutuyeho, bityo bose bagafatanya kuyubaka ntawukandamije undi.

Mu ngero nyinshi bampaye, numvisemo ko abakobwa kenshi bafatwaga nk’abadakeneye kwiga, kuko bagomba kwita ku ngo bakaba rero batari bakeneye kujya mu mashuri. Muri uyu mwandiko, nange nifuje kuvuga uko mbona ibijyanye n’uburinganire hagati y’abahungu n’abakobwa, nkurikije ibyo nagiyeye mbona ku bibera mu ngo no mu mashuri cyangwa ibyo nagiyeye nganiraho na bagenzi bange.

Muri iki gihe rero, uburinganire mbona na bwo butaragerwaho cyane mu ngo. Abana b’abakobwa baracyavunishwa kuko bafatwa nk’aho ari bo bagomba kumenya imirimo yo mu rugo nko guteka, gukora isuku, kumesa imyenda, no kubaha basaza babo.

Nitanzeho urugero, mbere nkiri muto nabonaga akanya ko gukina na musaza wange, nimugobora tugakorera hamwe imikoro, twarangiza tukareba tereviziyo ndetse tugataramana n’ababyeyi bacu, nange nkumva n’ibitekerezo bya data.

Nyamara aho mariye kugera mu mwaka wa gatanu, mama yatangiye kumbwira ngo ninge njya rimwe na rimwe mu gikoni ndebe uko bateka kandi nange mbyitoye. Nashatse no gusigana ngo kuki musaza wange we ataza ngo dufatanye, mama ambwira ko nge nk’umukobwa ngomba kumenya guteka, kuko nintabimenya urugo ruzananira.

Mama rero, yageze n’aho ajya ambwira ngo ninge mfasha musaza wange, mumesere imyenda. Namubaza nti: “Ese kuki namumesera we ntamesere, akambwira ko ngomba kwitoya kubaha umugabo nzashaka.”

Muri iki gihe iyo umukozi adahari, usanga imirimo yambanye myinshi, ngateka, nkoza ibyombo n’ibindi. Sinkibona umwanya wo kujya gukina. Hambere aha bwo nagiye gukina ntashye ntinze hamwe na musaza wange, mama arantonganya. Yambwiye ko umukobwa agomba gutaha kare. Ngo gutaha ntinze byazamviramo kwiyandarika.

Musaza wange we usanga yifitiye uturimo duke nko gukoropa mu nzu, kujya guhaha rimwe na rimwe no gutera ipasi.

N’ubwo mbona akanya ko gukora imikoro kimwe na musaza wange, umwanya wo kwidagadura mbona tutawuhuje rwose.

Mpereye kuri izi ngero zitandukanye, mbona uburinganire hagati y’abakobwa n’abahungu butaragerwaho. Umukobwa aracyahabwa uburere bugamije kumutegurira kuzaba umugore urebwa cyane n’inshingano zo mu rugo kurusha umuhungu. Ni ngombwa ko ababyeyi

bacu bakomeza guhabwa amahugurwa bakumva neza na bo ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bityo bagahinduka bakajyana n'igihe. Ni bwo natwe bazabudutoza nk'uko mu ngo zimwe na zimwe babwumva neza bafata abana babo kimwe bakabaha n'amahirwe angana muri byose.

Mu mashuri ho mbona bisa n'ibyagezweho, kuko abakobwa bitabwaho, bagahabwa ibikoresho bibafasha kwisukura nk'igihe bagiye mu mihango ntibitume basiba ishuri. Imikoro n'indi myitozo yo ku ishuri usanga ihuza abakobwa n'abahungu, bose bagahabwa umwanya wo kujya imbere bagatanga ibitekerezo. Uretse wenda abakobwa bamwe usanga bakomeza kugira amasonisoni, usanga mu mikino yose dushobora kuyitabira.

Gusa ntitwabura kwemeza na none ko hari imikino usanga abahungu bashoboye kurusha abakobwa, nk'uw'umupira w'amaguru; abakobwa na bo bakagira imikino bashoboye kurusha abahungu.

Mu kwanzura rero navuga ko uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abahungu n'abakobwa bugenda bugerwaho mu mashuri. Ariko mu ngo, henshi haracyatangwa uburere butuma umukobwa azakomeza kuba ari we wenyine ushingwa imirimo yo mu rugo. Twizere ko bizagenda bihinduka buhorobuhoro uko igihe gihita kikajyana n'imyumvire yacyo n'uko amajyambere agenda yiyongera.

I. Inyunguramagambo:



a) Musobanure aya magambo:

1. Ntawukandamije undi
2. Baracyavunishwa
3. Gusigana
4. Kwiyandarika
5. Amajyambere
6. Kujya mu mihango



b) Umwitozo w'inyunguramagambo

Mwubake interuro zikoreshejwemo amagambo zumvikanisha ko mwumva icyo asobanura.

- | | |
|------------------------|--------------------|
| 1. Ntawukandamije undi | 2. Baracyavunishwa |
| 3. Kujya mu mihango | 4. Gusigana |
| 5. Kwiyandarika | 6. Amajyambere |



c) Vangura amagambo ureme interuro ziboneye.

1. nyakuri, bwo, uburinganire, mu muryango, n'ubwuzuzanye, ni.
2. kubuza, ntawukwiye, w'umukobwa, w'umuhungu, cyangwa, umwana, kwiga.

II. Ibibazo ku mwandiko:



a) Nimusubize ibi bibazo byo kumva umwandiko mu magambo yanyu bwite

1. Ni gute mu gihe cyo hambere abakobwa bakandamizwaga?
2. Kuki mu gihe cyo hambere abakobwa bafatwaga nk'abadakeneye kwiga?
3. Garagaza impamvu umwana w'umukobwa akeneye kumva ibitekerezo bya se?
4. Umukobwa ashatse gusiganya musaza we nyina yamubwiye ngo iki? Gira icyo ubivugaho.
5. Ni iki kivugwa ko kidindiza uburinganire bw'umwana w'umukobwa n'uw'umuhungu?
6. Ni iki kigaragaza ko uburinganire bw'umwana w'umukobwa n'uw'umuhungu bugenda bugerwaho mu mashuri?



b) Subiza ukoresheje yego cyangwa oya. Nyuma usobanure impamvu ubyemeza cyangwa ubihakana.

1. Umuhungu afite uburenganzira bungana n'ubw'umukobwa.
- 2.. Uko imyaka ishira ni ko ababyeyi bagenda bumva uburenganzira bw'abana.

III. Gusesengura umwandiko:



Musubize ibi bibazo:

1. Ni ibihe bitekerezo by'ingenzi bivugwa muri uyu mwandiko?
2. Uwanditse uyu mwandiko urumva igitekerezo ke ari ikihe? Yemeza ko uburinganire n'ubwuzuzanye bwagezweho cyangwa agaragaza ko hakiri intambwe igomba guterwa?
3. Ingero atanga wumva zimufasha kutwemeza ko ibyo avuga ari ukuri?
4. a) Umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu ngo no mu mashuri" utangira ute?
b) Usozwa ute?
c) Uwahanze uwo mwandiko yifashishije iki kugira ngo agaragaze ko ibitekerezo atanga ari ukuri?
6. Musome ibikurikira ku ihangamwandiko maze mukore imyitozo bijyanye.

4.4. Ihangamwandiko

Subiza ibibazo bikurikira.

- a) Garagaza ibice by'ingenzi bigize uyu mwandiko werekane aho buri gice gitangirira n'aho kirangirira.
- b) Umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu ngo no mu mashuri" ufite ibika bingahe?

1) Inshoza y'ihangamwandiko

Guhanga umwandiko ni ugutanga ibitekerezo uhitamo uruhande ubogamiraho ku nsanganyamatsiko yatanzwe, wabanje kwiga ikibazo, ukifashisha ingingo zumvikana kandi zifatika ndetse ziherekejwe n'ingero.

2) Amabwiriza y'ihangamwandiko

Insanganyamatsiko ishobora kuba ijyanye n'iby'umuco, ubukungu, politiki, imibereho y'abaturage, iyobokamana, ubutabera n'ibindi.

Insanganyamatsiko ushobora kuba wayihawe cyangwa wayitekereje wowe ubwawe. Insanganyamatsiko ni ikintu k'ingenzi kigomba kwitonderwa, kuko ibyandikwa ni cyo biba bishingiyeho, kandi uburyohe bw'umwandiko buturuka ku nsanganyamatsiko n'uburyo wayanditse.

N'ubwo buri muhanzi agira inganzo ye mu buryo bwo kuryoshya igihangano, hari amahame y'ingenzi agomba gukurikizwa kugira ngo umuntu aboneze igihangano ke. Ayo mahame ni:

- Gutekereza cyangwa kumva insanganyamatsiko
- Kwegeranya ingingo
- Guhitamo inzira
- Gukora imbata
- Kwandika.

1. Gutekereza

Mbere yo kwandika ubanza gutekereza ku nsanganyamatsiko ushaka kwandikaho, ukayiyumvisha, ukayigira iyawe, cyanecyane iyo ari iyo wahawe. Kumva ingingo wandikaho bikorwa mu byiciro bibiri:

- a) Kuyisoma witonze, ukayisesengura, ushaka injito z'amagambo ayigize. Impamvu ni uko ijamba rimwe rishobora kugira injito nyinshi.
- b) Gushakamo ijamba cyangwa amagambo fatizo yaguha inzira n'imbibi by'insanganyamatsiko.
 - *Iyi ntambwe ya mbere ni ingenzi kuko udashobora kubona ibitekerezo utanga ku bintu nawe ubwawe utumva neza.*

2. Kwegeranya ingingo (ibitekerezo).

Iyo umaze kumva neza insanganyamatsiko, utangira kwandika ku rupapuro rwo guteguriraho ibitekerezo. Ukusanya ingero, amagambo meza yavuzwe n'abandi, ibyawe ubwawe waba uzi, n'ibindi. Biba byiza iyo insanganyamatsiko wandikaho uyiziho byinshi, kandi ugashingira ku bintu bifatika.

- *Iyi ntambwe ya kabiri na yo irakomeye kuko ari yo igufasha gukurikiranya neza ibitekerezo byawe, ugahitamo iby'ingenzi, ukegeranya ibihuye, ukabikurikiranya mu buryo bwuzuzanya.*

3. Guhitamo inzira (**Guhitamo uruhande ushyigikira**)

Mbere yo kwandika ugomba guhitamo imwe mu nzira eshatu zishoboka: niba igitekerezo gikubiye mu nsanganyamatsiko **ari cyo uragishyigikira**, niba **atari cyo ukakirwanya**, niba ubona nta ho wabogamira **ujya hagati no hagati** ugatanga igitekerezo kidafite aho kibogamiye, ariko gikosora impande zombi: urw’abakirwanya n’urw’abagishyigikiye.

Niba insanganyamatsiko yatanzwe ari ikibazo, ushaka uburyo wagisubiza uhereye ku ngingo wegeraniye.

Hari amoko abiri y’ingingo zigufasha kugera ku bitekerezo biboneye:

- Ingingo zishyigikira ibitekezo byawe cyangwa byatanzwe.
- Ingingo zivuguruza ibyo bitekerezo.

Izo ngingo zombi zigufasha kugera ku bitekerezo biboneye.

- *Iyi ntambwe irakomeye kuko ari yo yerekana aho ibitekerezo byawe bigana kandi guhitamo inzira ni byo bikurinda kujandajanda, bikanagaragaza ko ufite ubushobozi bwo guhagarara ku byo wemera.*

4. Gukora imbata:

Imbata y’umwandiko igira ibice bitatu by’ingenzi:

- Intangiriro (iriburiro)
- Igihimba
- Umusozo (umwanzuro)

4.1. Intangiriro

Intangiriro y’umwandiko, bayita na none iriburiro.

Muri icyo gice, dushobora gusangamo:

- Ibikubiye mu mwandiko n’inyungu bawutezeho.
- Ibice by’ingenzi bikubiye mu mwandiko wawe.
- Impamvu ugiye kwandika.

Iriburiro rigomba kuba ryujuje ibi bikurikira:

- Kuba ari rigufi, rifite ireme, riteye amashyushyu, ku buryo urisomye agira amatsiko yo gusoma ibikurikiyeho.
- Mu iriburiro, ntugomba kunyura kure cyane; ugomba guhita umenyeshya icyo ugiye kwandikaho.

- c) Mu iriburiro, ntugomba guhita werekana uruhande ubogamiyeho ku nsanganyamatsiko, kuko waba umaze amatsiko abasoma, ntibakomeze gusoma.

4.2. Igihimba

Ni igice kivuga ku nsanganyamatsiko ku buryo burambuye. Iki gice kerekana ibitekerezo n'ingingo zinosora kandi zumvikanisha uruhande nyir'ukwandika ashyigikiye. Kubera uburebure bw'igihimba, n'ibitekerezo binyuranye bikigize, iki gice kigenda kigabanywamo ibika. Ku ntangiriro ya buri gika, hajya ijamba rigihuza n'icyakibanjirije, ku buryo hagaragaramo uruhererekane rw'ibitekerezo. Ibyo bikorwa no hagati y'intangiriro n'igihimba, ndetse no hagati y'igihimba n'umusozo.

Ayo magambo yunga igika n'ikindi ni nka:

- Nk'uko tumaze kubivuga haruguru,
- Nyamara,
- Bitabangamiye ibyo tumaze kuvuga,
- Bityo rero,
- Mu by'ukuri...

Impugukirwa:

- a) Inzira wahisemo, ntihita igaragara mu ntangiriro y'igihimba. Ahubwo igenda iyobora ibitekerezo byawe, yumvikana ku buryo buziguye mu bitekerezo, mu ngero, mu magambo yavuzwe n'abandi usubiramo...
- b) Buri ngingo y'ingenzi, igenda yiharira igika.
- c) Hari igihe ikibazo cyagira ibisubizo cyangwa ibitekerezo bibiri. Icyo gihe ubanza kwigizayo icyo utemera (kugisenya), kitajyanye n'inzira yawe, hanyuma ukabona gukurikizaho igitekerezo wowe ushyigikiye. Urugero: Bamwe bavuga ko isi n'ibiyiraho bitaremwe n'Imana. Nyamara, iyo witegereje ubuhanga byaremanywe... ntiwabura kuvuga ko ababitekeza batyo bibeshye.
- d) Ntukagaruke ku gitekerezo wavuze.

e) Ingingo zigenda zikurikirana ukurikije ingufu, inyurabwenge n’inyabihe ku buryo ugenda wumvisha umusomyi inzira yawe kandi uyimwemeza.

4.3. Umusozo

Umusozo ni igice kerekana ku mugaragaro uruhande rw’umwanditsi ku kibazo cyavuzwe mu iriburiro. Nta ngingo nshya izamo. Iki gice gishobora gufata intego zikurikira:

- Kwanzura ibitekerezo byawe muri make.
- Gutanga inama iyo ari ngombwa.

5. Kwandika

Kwandika, ntibikorwa umujyo umwe, ndetse iyo ari ngombwa byafata n’iminsi, kugira ngo ushobore kwandika utuje neza. Nyuma rero usubira mu byo wateguye, ugakuramo ibitari ngombwa, ibyisubiramo, ibikabya, ndetse ukongeramo ibyaba bibuzemo. Muri iki gice kandi, ni ho ushakisha amagambo yabugenewe kandi aryoshye. Byongeye kandi uboneraho ugakosora amakosa y’imyandikire n’utwatuzo.


Mu mwandiko, ntugatinye gushyiramo ibitekerezo n’ingero bishimishije, bisekeje, ariko byose bigusha ku byo wiyemeje kwigisha.

Imyitozo:

1) Nimwongere musome umwandiko wahanzwe ku nsanganyamatsiko: “Uko uburinganire n’ubwuzuzanye buteye mu ngo no mu mashuri” maze mugaragaze ibice by’ingenzi biwugize hanyuma mushushanye uko biteye ku rupapuro.

2) Hanga umwandiko utarengeje ipaji ebyiri kuri iyi nsangamatsiko: Uko abakobwa n’abahungu bafatanya mu mirimo y’ishuri no mu mikoro ku ishuri nigaho.

4.5. Impaka ku burunganire n'ubwuzuzanye.



Insanganyamatsiko:

Iyo abanyeshuri barangije umwaka wa gatandatu w'amashuri abanza, abakobwa n'abahungu hafatirwa ku manota atandukanye mu kubaha ibigo bigamo bacumbikirwa. Abahungu bafatirwa ku manota menshi, abakobwa bagafatirwa ku manota make. Murabishyigikiye cyangwa ntimubishyigikiye?

Mu ishuri habonetsemo ababishyigikiye n'abatabishyigikiye. Umwarimu yasabye ababishyigikiye gushyira urutoki hejuru, maze baba makumyabiri na babiri ku banyeshuri mirongo ine na batanu twigana.

Ubwo yasabye ababishyigikiye kujya ukwabo abagabanyamo amatsinda abiri, hanyuma n'abatabishyigikiye bigabanyamo amatsinda abiri, maze buri tsinda ritegura ibitekerezo byaryo ku mpapuro.

Amatsinda yahawe amazina ya A, B, C, D.

Amatsinda A na C yari arimo abashyigikiye ko abahungu bafatirwa ku manota menshi naho amatsinda B, D arimo abatabishyigikiye. Ijambo ryagendaga rihabwa umukobwa cyangwa umuhungu wo mu itsinda A cyangwa C, agakurikirwa n'undi mukobwa wo mu itsinda B/D ngo ajore ibitekerezo byatanzwe

Umukobwa wo mu itsinda A: Nge rwose nshyigikiye ko abahungu bafatirwa ku manota menshi kuko bagiye biga kuva kera, bakaba barize ari benshi ku buryo buhagije kurusha abakobwa. Amateka arabigaragaza kuko no mu myanya y'ubuyobozi no muri za kaminuza, abakobwa bari bakiri bake cyane. Iki rero ni cyo gihe cyo kubateza imbere ngo na bo batange umusanzu wabo mu kubaka u Rwanda.

Umukobwa wo mu itsinda B: Twe mu itsinda ryacu twunguranye ibitekerezo dusanga biriya rwose atari byo. Niba abakobwa ba kera barakandamijwe, ibyo byararangiyeye, ntibyagombye kudukurikirana. Nge numva umuntu atakosora amakosa akora ayandi. Kuko niba ibyo byarabayeho mu mateka bigomba gukosorwa ariko noneho twese tukaringanizwa, bagafatira ku manota amwe, uyafite akagenda, utayafite agasigara, hatarebwe icyo ari cyo. Icyo gihe ubushobozi ni bwo bwaba bushingiweho.

Umuhungu wo mu itsinda C: Nge ndabona gufatira ku manota atandukanye ku bahungu n'abakobwa ari byiza. Nk'ubu iwacu abakobwa nkurikira babiri bose ntibashoboye kwiga, kubera ko babashyigikiye bakiri bato. Nyamara bakuru bange bose barize. Nge rero numva abakobwa na bo bakwiye gushyigikiywe bakiga ari benshi, bakaziba icyuho cyatewe n'uko kera abakobwa batitabwagaho cyane mu kubigisha.

Umukobwa wo mu itsinda D: Ngewe simbishyigikiye kuko hari musaza wange utarashoboye kwemererwa kujya mu mashuri biga bacumbikirwa kandi nyamara abakobwa yari yarushije bo babonye ibigo. Kuri nge rero mbifata nk'akarengane kuko niba tugomba kuringanira, tugomba kuringanira nyine, ntihagire urengana.

Tumaze kumva ibitekerezo byo mu matsinda atandukanye kandi ku bakobwa n’abahungu. None rero nimutange umwanzuro:

Umukobwa wo mu itsinda A: Ngewe umwanzuro natanga ni uko Leta yakora uko ishoboye rwose hakiga abakobwa benshi bashoboka.

Umukobwa wo mu itsinda B: Nge mbona atari wo muti, kuko gufata umunyeshuri ufite amanota make hagasigara ufite menshi, bibabaje. Nge umuti natanga ni uko hafatirwa ku manota amwe, kugira ngo hatagira uwumva ko yaharenganiye.

Umuhungu wo mu itsinda C: Nge mbona iki ari igihe kiza cyo guha abakobwa umwanya na bo ngo batange umusanzu wabo mu kubaka igihugu. Kuba abagabo ari bo bize cyane bituma hari icyo Igihugu gihomba mu burere bw’abana mu ngo, mu mikoreshereze y’umutungo n’ahandi. Nge mbona guteza imbere umukobwa byaba ari ugukemura ikibazo cy’uburinganire n’ubwuzuzanye mu nzego zose. Kuba nta bakobwa benshi bize mbere mbona ari yo mpamvu baba bake mu nzego zitandukanye.

Umuhungu wo mu itsinda D: Nsangiye igitekerezo na mugenzi wange ko abana bose bagomba gufatwa kimwe. Ibindi byaba ari akarengane.

Umwanzuro: Burya rero, Leta ntipfa gushyiraho ingamba izi n’izi batabanje kuzigaho. Kuba hari abakobwa bahabwa ibigo kandi hari abahungu babarushije amanota batabibonye, ni uko abahungu baba wenda batsinze ari benshi, kandi ibigo bigomba kubakira ari bike. Mwibuke ko hari ibigo by’abakobwa bitakira abahungu, ariko ibigo byinshi byigamo abahungu biba byakira n’abakobwa. Gusa na none hari ibigo byakira abahungu gusa nka za seminari zirerwamo abitegura kuba abapadiri. Ntihazagire rero ucika intege ngo ni uko atahawe ikigo yigamo acumbikirwa kuko ubu uburezi bwakwiriye hose mu Rwanda. icya ngombwa ni ukwiga ushyizeho umwete. Kandi uko amashuri azagenda yiyongera icyo kibazo kizakemuka burundu.

I. Inyunguramagambo



a) Musobanure aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.

1. Itsinda
2. Kuziba icyuho
3. Akarengane
4. Gucika intege



b) Koresha aya magambo akurikira mu nteruro yawe bwite ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:

1. Itsinda
2. Kuziba icyuho
3. Akarengane
4. Gucika intege

II. Ibibazo ku kiganiro mpaka:



Nimusubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite.

1. Umaze gusoma cyangwa kumva iki kiganiro mpaka, wowe wumva ushyigikiye uruhe ruhande?
2. Mubona abanyeshuri baratanze ibitekerezo bifite ireme?
3. Ibitekerezo abanyeshuri batanze bihuriye he n'umwanzuro watanzwe n'umwarimu?
4. Ese ubona umwanzuro watanzwe n'umwarimu ushyigikiye uruhe ruhande?
5. Muhereye ku buryo impande zitandukanye zagiye zitanga ibitekerezo muri iki kiganiro, mwavuga ko ikiganiro mpaka ari iki?
6. Ikiganiro mpaka kiba kigamije iki?
7. Amabwiriza agenga ikiganiro mpaka ni ayahe?

4.6. Ikiganiro mpaka

1. Inshoza y'ikiganiro mpaka

Ikiganiro mpaka ni ikiganiro kiba hagati y'abagize amatsinda abiri basobanura neza ibitekerezo byabo, mu gihe abandi bo batabyemera bagerageza kubereka ko ibyabo ari byo biboneye.

Itsinda rimwe rishyigikira ingingo yo kuganiraho yatanzwe naho irindi rikayivuguruza. Mu biganiro mpaka abantu birinda kujya impaka za ngo turwane, iyo uvuguruza igitekerezo cya mugenzi wawe ugaragaza ikinyabupfura mu magambo uvuga no mu marenga ukora.

Mu kiganiro mpaka hagaragaramo umuyobozi w'ibiganiro, umwanditsi, ushinze kugenzura igihe n'ushinze imvugo iboneye. Abo kandi baba begeranye; hakaboneka n'impande ebyiri: uruhande rushyigikira ingingo yatanzwe n' uruhande ruyivuguruza.

2. Intego y' ikiganiro mpaka

Ibiganiro mpaka mu mashuri bituma abanyeshuri bakorera hamwe, ibitekerezo byubaka bigatangwa, bakunguka amagambo mashya. Abanyeshuri bakora ubushakashatsi, bakandika, bakabaza kandi bagasobanukirwa. Gusobanukirwa kuvuye mu gucukumbura bituma bagira ubushobozi mu gusoma no kwandika bigendanye n'ibyo bagomba kwiga, bakagira uruhare mu masomo yabo bafashijwe n'umwarimu.

Ibiganiro mpaka bituma umunyeshuri aba intyoza mu kuvuga, gushakashaka, gusoma, kwandika, gutekereza no gutanga ubutumwa avugana n'abandi. Ibiganiro mpaka bituma abanyeshuri mu rwego barimo urwo ari rwo rwose batanga ibitekerezo bifasha abandi mu mibanire myiza no mu bukungu kandi batagize uwo bakomeretsa.

Mbere yo kujya impaka muhitamo igitekerezo kigibwaho impaka. Igitekerezo kigibwaho impaka gishingira ku byigwa kugira ngo abiga barusheho gusesengura ibyo biga.

3. Uko ubushakashatsi bwakorwa

Abanyeshuri bahabwa umwanya nk'amasaha atatu bashakisha ibitekerezo. Umwarimu abereka uko babyandika. Ibi bituma abanyeshuri

bagaragaza impano zabo mu mitekerereze, mu gutanga ibitekerezo no mu kwiyoborera ibiganiro ubwabo.

4. Mu gihe baja impaka.

Hatoranywa umuyobozi w'ibiganiro. Ashobora kuba umwarimu cyangwa umunyeshuri. Umuyobozi agomba kuvuga adategwa, akagaragaza ikinyabupfura. Atanga amagambo bahererekanya hagati y'abashyigikiye igitekerezo n'abatagishyigikiye, akirinda kubogama.

Mu gihe baja impaka, buri munyeshuri ugiye gutanga igitekerezo yerekana ikarita ye yanditseho ko ashigikira cyangwa avuguruza igitekerezo cy'undi. Iyo umunyeshuri amaze guhabwa ijamba inshuro eshatu, umuyobozi aba amuretse kugira ngo n'abandi babashe gutanga ibitekerezo byabo.

5. Gusozwa ibiganiro mpaka

Abaja impaka ubwabo bashobora gusaba ko ikiganiro gisozwa cyangwa se umwarimu akabafasha kugisoza. Buri ruhande rutanga umwanzuro, rukusanya ibitekerezo byatanzwe.

6. Ibigomba kwitabwaho

Abanyeshuri bashakira hamwe indangagaciro bagomba kugenderaho mu gihe baja impaka, harimo izi kurikira:

- Kubaha abandi
- Gutege amatwi
- Kwiyubaha no gushyigikira bagenzi be
- Kudasakuza
- Kuvuga ari uko ahawe ijamba
- Kureka n'abandi bagatanga ibitekerezo ntiyiharire ijamba
- Kwirinda imvugo nyandagazi
- Kuvuga aranguruye ijwi kandi atungikanya amagambo
- Kwiyizera mu byo avuga ntacike intege.

Iyo kujya impaka birangiye habaho isuzuma. Abanyeshuri bakoresha urundi ruhande rwa ya karita yanditseho uruhande barimo bakagaragaza uko babonye ikiganiro kigenze. Bashobora kwandika mu mvugo, bagashushanya n'ubundi buryo.



Umwitozo

Insanganyamatsiko: Abana b’abahungu n’ab’abakobwa bagomba gukora kimwe imirimo yose yo mu rugo ntawuvuga ngo: umurimo uyu n’uyu wahariwe umukobwa cyangwa umuhungu. Murabishyikiye cyangwa ntimubishyigikiye?

4.7. Amagambo afatana n’atandukana (nuko, ni uko, n’uko, ni ko, ni ubwo, n’ubwo, nubwo, ni bwo)



Musome uyu mwandiko maze musubize ikibazo cyabajijweho.

Injangwe yacitse umurizo

Injangwe yagiye gufata inkoko, ifatwa n’umutego uyica umurizo. Uko ihuye n’izindi zikagenda ziyiseka bikayitera ipfunwe. Iryo pfunwe rigatuma yumva ifite ubusembwa bukomeye bityo ikifuzako na zo zamera nka yo.

Umunsi umwe, ubwo yari mu nzira igenda ijya guhiga icyo kurya, ihura n’indi njangwe na yo itagira umurizo irayihagarika zitangira kuyaga.

Nuko irayibwira iti: “**Niko** mugenzi wange duhuje ubusembwa?” Indi iti: “Dore re! Busembwa ki?” Imwe ya mbere iti: “Bwo kutagira umurizo”.

Iya kabiri, imaze kumva ibyo, imara akanya yiyumvira cyane nyuma ivuga nk’itangaye iti: “Akarizo wacitse **ni ko** kagutera ipfunwe bigeze aho!” Yongeraho iti: “Nge **n’ubwo** ntagafite ntacyo numva mbaye cyantera ipfunwe mu bandi”.

Iya mbere, nyuma yo kumva ko iya kabiri ibyo kutagira umurizo nta cyo biyibwiye, iti: “Nyamara kwirengagiza ubumuga bwawe, **n’ubwo** ni ububwa mu bundi kandi **ni ko** kaga kawe”. Iya kabiri iti: “**Ni uko** utekereza koko? Uranyibeshyaho nta kibazo binteye narangije kwiyakira. Ikibi ni ukugira ikibazo udashobora kugira icyo ugihinduraho ntiwiyakire, ugahora witesha umutwe ku busa. Wowe ububwa bwawe **ni ubwo** bwo kutiyakira. **N’uko** kutiyakira nugukomezako kuzakugiraho izindi ngaruka mbi ndakuburiye”. Ikimara kuvuga ibyo, ihita yigendera.

Iyo yananiwe kwiyakira na yo ibibonye ityo, ica ukwayo igenda yimyiza imoso. Ngo igere imbere, ihura n'izindi ariko zo zifite imirizo. **Ni bwo** biyanze mu nda, irazibwira iti: “Mfite ijambo rimwe mbabwira.” Izindi ziti: “Tuguteze amatwi.” Na yo iti: “Imirizo yacu iraturushya rwose. Kandi n'iyu dushatse kwihisha mu mwobo ntitume twihisha neza uko bikwiye.

Twagenda kandi tukayikurura inyuma yacu cyangwa tukayishinga; ntabwo dushobora kuyihisha ngo idukundire. Ndetse n'iyu dushatse gufata imbeba, turayizunguza, zikatwumva zigahunga. Ikindi kandi mutayobewe, **ni uko** dukunda gufatwa n'umutego ku murizo. Ngewe rero, nanze ko wazongera kundushya ukundi ndawuca. Ni cyo gituma mbagira inama yo kuyica mwese.”

Izindi njangwe zose zisekera icyarimwe biratinda. Inkuru muri zo irayibaza iti: “**Niko**, muri twe hari uwakuganyiye ko imirizo yacu iturushya? Igituma utubwira utyo, ahari **ni uko** wawucitse. Ahubwo urashaka ko natwe tumera nkawe, ngo we kubura umurizo wenyine. Igendere twakumenye.” **Nuko** ngo yumve ayo magambo, ihita yirukanka yikura ityo mu isoni.

Musubize ikibazo gikurikira:

Nimugende muvuga impamvu amagambo yanditse atsindagiye, hamwe yanditswe mu ijambo rimwe, ahandi akandikwa atandukanye.

Imyandikire y'amagambo: “nuko, ni uko, nuko, niko, ni ko nuko, nubwo, ni bwo, n'ubwo...”

Amagambo: “**nuko, ni uko, n'uko, ni ko, niko ni ubwo, n'ubwo**”, yandikwa mu ijambo rimwe iyo yungu igitekerezo ku kindi cyabanje, akandikwa mu magambo abiri iyo ari inshinga “ni” ikurikiwe n'ikinyazina cyangwa akandikwa akaswe iyo agizwe n'icyungo gikurikiwe n'ikinyazina.

Ingero zayo n'impamvu yandikwa mu ijambo rimwe cyangwa akandikwa atandukanye

- **Niko** muri twe hari uwakuganyiye ko imirizo yacu iturushya?
Niko: ni ijambo rikoreshejwe bahamagara umuntu.

- Igituma utubwira utyo, ahari **ni uko** wawucitse.
Ni uko: ni amagambo abiri: ingirwanshinga “ni”, ikurikiwe n’ikinyazina mbanziriza “uko”.
- **Na yo** iti: “Imirizo yacu iraturushya rwose”.
Na yo: ni amagambo abiri: icyungo “na” n’ikinyazina ngenga “yo” gisimbura injangwe. Mu myandikire icyungo “na” gitandukana n’ikinyazina ngenga muri ngenga ya gatatu.
- **Ni cyo** gituma mbagira inama yo kuyica mwese.
Ni cyo: ni ingirwanshinga “ni” ikurikiwe n’ikinyazina ngenga “cyo”.
- Ikindi kandi mutayobewe, **ni uko** dukunda gufatwa n’umutego ku murizo.
Ni uko: Ni ingirwanshinga “ni” ikurikiwe n’ikinyazina mbanziriza “uko”.
- **Nuko** ngo yumve ayo magambo, ihita yirukanka yikura ityo mu isoni.
Nuko: Ni icyungo. Rirunga igitekerezo ku cyakibanjirije.
- **N’ubwo** ni ububwa bundi.
N’ubwo: Ni icyungo “na” gikurikiwe n’ikinyazina nyereka “ubwo”.
- Ubwiza bwawe **ni ubwo** kwishimira.
Ni ubwo: Ni ingirwanshinga “ni” ikurikiwe n’ikinyazina ngenera “ubwo”.

Imyitozo

a) Andukura izi nteruro ukosora imyandikire:

1. Uku gutwi niko numvisha.
2. Uko uvuga niko na nge mvuga.
3. Mbese urarizwa nuko bakubenze.

b) Uzurisha amagambo ukuye mu dukubo:

1. Umugore yunzwe n’umugabo arakira (ni uko, n’uko, nuko)
2. Uku kwezi gusarura imyaka. (ni uko, n’uko, nuko)
3. Uko watwayenasigaranye birangana. (ni uko, n’uko, nuko)

Mfashe ko:

- Uburinganire n’ubwuzuzanye ku bahungu n’abakobwa ari ngombwa mu mashuri no mu mirimo yo mu rugo kugira ngo iterambere ry’igihugu rigerweho vuba kandi ntawusigaye.
- Ikiganiro mpaka gituma abantu batanga ibitekerezo byubaka mu kinyabupfura bakirinda gukomeretsa abandi bakagira uruhare mu kubaka Igihugu ndetse n’isi muri rusange.
- Hari amagambo afatana n’atandukana mu myandikire. Nubwo ajya gusa ariko si amwe mu bisobanuro byayo
Ingero: – **Nubwo** uje sinari ngukeneye.
– **Ni ubwo** buki nshaka.



4.8. Isuzuma risoza umutwe wa kane

Amateka y’uburinganire n’ubwuzuzanye

Uburinganire ni imibanire n’imikoranire hagati y’abantu b’igitsina gore n’igitsina gabo bo mu muryango runaka. Bitewe n’umuco n’amateka usanga hari imirongo igenga imikorere, imibereho, imyambarire, y’abagabo cyangwa abagore.

Nyamara kubera ko mu gihe cya kera abagabo ari bo bakunze kugira ijambo, usanga ahenshi baragiye bagenera igitsina gore umwanya uri hasi yabo, bakabafata nk’abanyantege nke, ndetse hamwe na hamwe bagakandamizwa. Uko abantu bagenda bajijuka, ni ko babona ko n’abagore cyangwa abakobwa bafite ubushobozi ari mu by’ubwenge cyangwa mu bijyanye n’imirimo ikenera ingufu.

Mu Rwanda rwo hambere, abagore bari bafite inshingano zabo bihariye n’abagabo na bo bakagira izabo bihariye hashingiwe ku ngufu n’uburere bya buri wese. Abahungu bahabwaga uburere bujyanye n’imirimo bari gukora bamaze kuba abagabo, ni ukuvuga kurwanirira igihugu, no kuba umuhizi muri byose. Bigishwaga amateka y’imiryango n’ibisekuruza byabo kugira ngo bamenye uko bazagera ikirenge mu cy’abakurambere babo mu kuba intwari haba ku rugamba ndetse no mu buzima busanzwe.

Bahabwaga n’imyitoto ngororamubiri kugira ngo bazavemo ingabo z’igihugu. Kubera ko izi zari inshingano z’abagabo, nta mukobwa wigaga ibijyanye na byo. Imirimo nyakuri yari igenewe abahungu ni ukuragira amatungo, gutashya inkwi no kuvoma rimwe na rimwe. Yashoboraga kandi kujya guhiga no guhinga.

Hari imirimo rero yarindwaga abana b’abahungu nko gukubura, kumesa imyenda, guteka, gusya, koza imbehe n’ibindi kuko byafatwaga nko kubatesha agaciro. Abakobwa bahabwaga uburere bushingiye cyanecyane ku gukora imirimo ireba urugo no kuzavamo abagore bashoboye kwita ku ngo zabo. Mu mirimo bitozaga bakiri bato harimo iyo kuboha imitako itandukanye, guteka, kwita ku bana, gukora isuku mu rugo, no kubaha abagabo babo.

Umugore yabaga yitezweho kubyara abana benshi kugira ngo umuryango utazacika, maze ibyo bigatuma ahora atwite, yaba adatwite akaba yonsa kandi afite n’abandi bana benshi agomba kwitaho bikamubuza kuba yakwitabira indi mirimo yamuteza imbere.

Nyamara ubu ibi byarahindutse. Abana bose barashyamba kandi bagomba guhabwa uburere bumwe nta vangura. Abahungu n’abakobwa bose bagomba kwiga. Mu mashuri, amashami yose yoherezwamo abana b’ibitsina byombi kandi abakobwa bagenda bagaragaza ubushobozi kimwe n’abahungu. Biga amashami y’ubumenyi ndetse n’ay’imyuga kandi bakayashobora. Mu kazi, bashobora gukora imirimo imwe, bakinjira mu nzego z’ubuyobozi ndetse bakajya no mu ngabo z’igihugu.

Uburinganire n’ubwuzuzanye rero ni ngombwa kugira ngo abantu bose batere imbere ntawuhejwe. Nimuharanire kubushyigikira no kubwimakaza aho muri hose.

I. Inyunguramagambo

1. Sobanura aya magambo ari mu mwandiko

- a) Umuhizi b) Bagakandamizwa. c) Kujijuka.

2. Koresha ijambo “ingabo” mu nteruro ebyiri zidahuje injito

3. Erekena amagambo asobanura kimwe n’aya aciyeho akarongo ari mu mwandiko:

- a) Abahungu bahabwaga ubumenyi bujyanye n’imirimo bazakora bamaze kuba abagabo.

- b) Kera abagore n’abagabo bagiraga inshingano zihariye hashingiwe ku ngufu n’uburere byabo.
- 4. **Kora interuro iboneye ukurikiranya neza amagambo yatanzwe**
 - a) Ni-na-Imana-yo-abatindi-ibogosha-irema.
 - b) Bose-abantu-imbere-barareshya-y’amategeko.
- 5. **Simbuza aya magambo aciyeho akarongo imbusane zayo**
 - a) Abagabo bakunze kugira ijambo.
 - b) Yashoboraga kubika imyenda ye.

II. Kumva umwandiko

1. Uyu mwandiko uribanda kuki?
2. Ni iki cyatumaga abagore batitabira imirimo ibateza imbere?
3. Kuri ubu abakobwa bitwara bate mu mashuri?
4. Kuki uburinganire n’ubwuzuzanye ari ngombwa?
5. Igitekerezo cyo kubyara abana benshi cyarahindutse. Mugereranye igihe cya kera n’icy’ubu mu Rwanda.
6. Andika imirimo ibiri ivugwa mu mwandiko abahungu batakoraga. Mugire icyo muvuga ku mpamvu umwanditsi atanga.

III. Ikibonezamvugo

Kosora imyandikire y’amagambo atsendagiye

1. Impamvu afite ubuzima bwiza **nuko** anywa ibinyobwa bifite ubuziranenge.
2. Uko wabikoze **nuko** nabikoze birasa.
3. Ubu bwatsi **nubwo** bwose ndabujyanira inka zange.

IV. Ihimbamwandiko

Garagaza imbata y’umwandiko “Amateka y’uburinganire n’ubwuzuzanye”, werekana intangiriro, igihimba n’umwanzuro.

V. Ibiganiro mpaka


Jya impaka na bagenzi bawe kuri iyi nsanganyamatsiko:

Uburezi budaheza bushyigikira imyigire y’abakobwa kurusha imyigire y’abahungu.

5

Gukorera mu mucyo

5.1. Kamuhanda na Katabirora



Habayeho umugabo wari umucuruzi akagenda urugo ku rundi agurisha ibicuruzwa bye. Yari afite abana benshi bikamusaba gukora cyane ngo ashakishe ibibatunga. Abantu bari baramwise Kamuhanda kubera ko yahoraga agenda acuruzwa. Umunsi umwe, aza kugera mu mugyi wari utuyemo umugabo witwaga Katabirora bari barabaye inshuti bakiri bato. Arahacumbika, biba amahire asanga nyiri urugo ari umucuruzi nka we. Nuko barakorana batangira kunguka. Nyamara uwo mugabo yari yarahindutse umunyamahugu mu bucuruzi bwe.

Igihe kimwe, ubwo bari bageze munsi y'igiti baruhuka, babara amafaranga bari bamaze kunguka, Kamuhanda abonye amaze kugira

amafaranga menshi mu mufuka, abwira uwo mugenzi we ati: “Mbikira aya mafaranga.” Barayabara, Katabirora ayajyana mu rugo iwe arayabika. Bakomeza gucuruza. Hashize iminsi, Kamuhanda ashaka gutaha. Niko kubwira mugenzi we ati: “Undebere ya mafaranga yange, ejo ndashaka gutaha.” Katabirora abyumvise atera hejuru ati: “Ugire kuba warabaye mu nzu yange nkugaburira ku mafaranga yange, none aho kunyishyura ngo ninguhe amafaranga utambikije?” Kamuhanda abanza kugira ngo ni imikino. Ni ko kubaza Katabirora ati: “Ubwo se koko urakomeje? Ntiwibuka amafaranga naguhaye ngo umbikire twicaye munsu y’igiti kiri hirya hariya?” Umugabo ati: “Reka da! Ibyo uvuga simbyumva. Wambikije amafaranga wowe?”

Kamuhanda abonye bimuyobeye, yitabaza abayobozi. Bateranya abunzi babagezaho ikibazo cyabo. Bagerageje kubaza Katabirora uko byagenze, arahakana aratsemba, yemeza ko Kamuhanda nta mafaranga yamuhaye. Byababaje Kamuhanda cyane. Abunzi ni ko kubaza Kamuhanda bati: “Ese uyamuha nta muntu n’umwe wari uhari cyangwa ngo mube mwarakoranye inyandiko?” Kamuhanda ati: “Nta muntu n’umwe wari uhari. Twari tuvuye gucuruza twicara munsu y’igiti turuhuka. Nuko tubiganiraho nyamubitsa kugira ngo ntazayata cyangwa bakayanyibira mu nzira. Nari mwizeye rwose nk’inshuti kuko twabyirukanye dukundana.”

Umwe mu bunzi wari usheshe akanguhe arabumva, nuko aramubwira ati: “Ndumva amaherezo urubanza rwawe ruri bugutsinde. Dore ndabona ufite terefone. Genda uge munsu y’icyo giti, uhicare. Nukiyoberwa uraba utsinzwe. Numara kuhagera ukicara uduhamagare maze tukubaze ibibazo. Ubwo mu byo uri bube utubwira turabonamo ukuri cyangwa tuvumburemo ko utubeshya. Hari n’igihe icyo giti kiri bukubere umugabo!” Kamuhanda arahagarara ariyumvira kuko yumvaga ibyo uwo mwunzi avuze bidashoboka, ariko ku bwo kubaha aragenda.

Amaze gutirimuka aho, wa musaza ukuriye inteko y’abunzi yitarura inteko gato amuhamagara kuri terefoni maze aramubaza ati: “Ndizera ko warangije kugera munsu y’igiti. Wahageze?” Kamuhanda ati: “Oya sindahagera haracyari akanya kugira ngo ngereyo.” Wa musaza aramubwira ati: “Cyongwe ba uretse ngire icyo mbaza mugenzi wawe.” Ahindukirira Katabirora aramubaza ati: “Ko avuga ngo yageze

munsi y'igiti, urumva ari byo?" Katabirora arahakana ati: "Reka da! Sinababwiye ko uriya mugabo ari umubeshyi. icyo giti kiri kure cyane ntashobora kuba yakigezeho kano kanya." "None se ko avuze ngo ni igiti cy'umuvumu, kiri hano hafi, na byo ni ukubeshya?" Katabirora noneho yiterera hejuru araseka cyane ati: "Mbega umubeshyi! Ndababwiza ukuri rwose icyo giti ni igiti cya avoka kiri haruguru y'umuhanda."

Nuko wa musaza abwira Katabirora ati: "None se ubwo ntiwivuyemo? Nta bandi bagabo dukeneye. Urarwiciriye. Ni gute wamenya icyo giti aho gihereye n'icyo ari cyo? Wakimenye rero kubera ko ari cyo mwari mwicaye munsi Kamuhanda aguha amafaranga." Katabirora n'uburyarya bwinshi acira amarenga wa musaza ngo barebe uko baheza ayo mafaranga cyanecyane ko ntawabonye Kamuhanda ayamuha, undi amubera ibamba. Ni ko kumucyaha n'umujinya mwinshi agira ati: "Zana amafaranga y'umuvandimwe wawe ureke ubuhemu." Nuko ahamagara Kamuhanda ati: "Igarukire, urubanza rwarangiye." Nuko Katabirora ajya mu nzu iwe, avanayo agapfuyika k'amafaranga, agahereza Kamuhanda.

Kamuhanda ashimira abunzi, ariko cyanecyane ashimira uwo musaza w'inraribonye, wamenye kugamburuza Katabirora akavuga ukuri yashakaga guhisha. Nuko abwira abari aho ati: "Cyo nimushake icyo dusangira maze niyunge n'uyu mvandiwe washatse kundiganya kuko burya "Umuti w'ubutindi ni ukwanga guhemuka!"

I. Inyunguramagambo



a) Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.

1. Umunyamahugu
2. Katabirora,
3. Urakomeje?
4. Guhakana ugatsemba
5. Gusesa akanguhe
6. Umugabo
7. Kwiyumvira
8. Gutirimuka
9. Kwitarura
10. Kwivamo
11. Kurwicira
12. Inraribonye
13. Kugamburuza
14. Kuriganya
15. Ubutindi
16. Kubera umuntu ibamba.



b) Imyitozo y'inyunguramagambo

a) Koresha aya magambo mu nteruro yawe bwite:

- | | |
|-----------------|-------------------------|
| 1. Kuriganya | 6. Kugamburuza |
| 2. Kwivamo | 7. Ubutindi |
| 3. Umunyamahugu | 8. Kwitarura |
| 4. Katabirora | 9. Gutirimuka |
| 5. Kurwicira | 10. Kwihaniza (umuntu). |

b) Muzi ko mu Kinyarwanda habaho indangagaciro na kirazira. Indangagaciro ni zo twese duharanira kugira, tugaca ukubiri na kirazira. Mumaze gusoma uyu mwandiko, mwuzuze imbonerahamwe ikurikira mugaragaza uwo muzaba we n'uwu mutazaba we muri aba bantu bakurikira: umutindi, imfura, umutekamutwe, umwanzi wa ruswa, indyarya, indahemuka, igisambo, incakura, umushukanyi, inyangamugayo, umwizerwa, umunyakuri, umunyaburiganya, inyaryenge, inziragihemu, Katabirora

Nzaharanira kuba	Sinzaba

c) Tondeka aya magambo ku buryo ukora interuro zuzuye kandi zifite icyo zisobanura.

- 1) guha-inyangamugayo-umuntu-wange-arebana-utari -amakuru-n'umwirondoro-n'umutungo -Sinakwemera-wange.
- 2) hasi-abakozi-ubunyangamugayo-lyo-imisoro buri-bo-kandi -bafatanya-isanduku-kunyereza-ari-n'abacuruzi-ya-bamwe -bakagombye-mu-kuyigeza-Leta.

II. Ibibazo ku mwandiko



Musubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite.

1. Kamuhanda ni muntu ki?
2. Kamuhanda ni ryo ryari izina rye? Sobanura.

3. Yisunze nde mu kazi ke? Yabitewe n'iki?
4. Kuki Kamuhanda yabikije mugenzi we amafaranga?
5. Garagaza ko ibyo Kamuhanda yakekaga kuri mugenzi we ntaho byari bihuriye n'ukuri.
6. Kamuhanda yitwaye ate mugenzi we amaze guhakana amafaranga yamubikije?
7. Abunzi bakoze iki bamaze gushyikirizwa ikirego cya Kamuhanda?
8. Kuki umwunzi mukuru yabwiye Kamuhanda ko igiti gishobora kumubera umugabo?
9. Katabirora yafashwe n'iki?
10. Garagaza ko umwunzi mukuru yari inararibonye koko.
11. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?

III. Gusesengura umwandiko



Musubize ibi bibazo bikurikira:

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko
2. Vuga ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko?

IV. Kungurana ibitekerezo



Mwungurane ibitekerezo ku kibazo gikurikira:

Ni iki ugaya cyangwa ushima umwunzi mukuru, Kamuhanda na Katabirora?

V. Gukina bigana



Musome iki kibazo mukine mwigana.

Muhereye ku mwandiko mumaze gusoma, nimuhimbe agakino mwigana abakinankuru bavugwamo mugamije gushyigikira ubunyangamugayo bw'umwunzi mukuru no kurwanya ubuhemu bwa Katabirora.

5.2. Tumenye ruswa tubone uko tuyihashya



Iyo bavuze ruswa jya wumva kwaka cyangwa kwakira impano, amaturu n'indonke iyo ari yo yose kugira ngo ukore ibiri cyangwa ibitari mu nshingano zawe. Ruswa kandi ni ugukoresha ububasha bwawe kugira ngo utume undi afata ikemezo ku nyungu zawe, cyangwa iz'undi wifuzwa.

Mu kwakira impano zituma akoresha nabi ububasha yahawe, umuryi wa ruswa aba agamije kwikungahaza, gukiza abo mu muryango we cyangwa inshuti ze yirengagije akarengane bikurura. Buri gihe utanga ruswa hari uwo avutsa uburenganzira afite cyangwa yemererwa n'amategeko, kimwe n'uko hari uwo arutisha abandi basangiye uburenganzira.

Twibaze ibyangirika igihe umuyobozi runaka, umuganga, umusifuzi w'umupira, umukozi wo mu ruganda cyangwa undi muntu ufite ububasha ubu n'ubu, yakora ikintu cyangwa akagira icyo yirengagiza gukora agamije inyungu ze ku giti ke cyangwa iza mwene wabo, cyangwa kubera ko yabonye impano, amafaranga, n'ibindi.

Abayobozi bamunzwe na ruswa, barangwa no gukoresha ikenewabo, ikimenyane, maze ugasanga umutungo w'igihugu wihariwe n'abantu

bamwe. Muri icyo gihe usanga abandi banyunyuzwa imitsi, bahakirwa uburenganzira bwabo ku gihugu kuko baba barabwambuwe. Aha ni ho usanga umunyeshuri w'umuhanga ari we utsindwa hagatsinda utabikwiye, umucuruzi udatanze ruswa ntiyunguke, umuhinzi akabura ubutaka bwo guhinga kandi hari abafite ibikingi bipfa ubusa, umuganga ntavure abarwayi uko bikwiye kuko nta kantu yakiriye. Ruswa rero ni mbi ku buryo bwose. Isumbanya abantu, ntibagire amahirwe angana, ngo buri wese ashobore gukora no kwiteza imbere akurikije ubushobozi bwe. Ruswa itera ubunembwe, igatuma abantu badakora bashishikaye kuko abadakora babaho neza kurusha abakora.

Kubera gutinya ibihano, abayitanga n'abayakira bayivuga kwinshi bajijisha. Usanga bayita bitugukwaha, inyoroshyo, gukanda amaguru, kwica akanyota, ururimi rwa veterineri, umuti w'ikaramu, inzoga y'abagabo, risansi y'imodoka ku muyobozi, agatike, umuhuza, kurya akantu, ubutumwa n'andi.

Uburyo bwitabazwa na bwo ni bwinshi. Hari amafaranga, izindi ndonke nk'inka, imirima, amazu... ishimishamubiri rijyana n'ubusambanyi, ubucuti cyangwa ubufatanye bubi hagati y'abafite imyanya runaka, bimwe bya mfasha iki nange nzagufasha kiriya ubutaha, igitinyiro, iterabwoba, ikimenyane, guharabika n'ibindi.

Ruswa yica indangagaciro zose aho ziva zikagera, ikaba isoko yo kwiyandarika ku bakobwa. Ruswa ntitana n'amacakubiri kuko ikurura inzangano hagati y'abantu kubera ko bamwe batoneshwa abandi bakarenganywa. Ruswa yica ubutabera, ikamunga ukuri, igaha icyuho akarengane n'amahugu. Ruswa ituma igihugu kidatera imbere, kuko ibyiza by'igihugu bitagera ku bantu bose uko bikwiye, hakabaho abigwizaho umutungo, mu gihe abandi bicira isazi mu jisho.

Utanga ruswa kimwe n'uyakira bose baba bafite icyaha. Uytanga aba agamije kubona ibintu bidaciye mu mucyo, ndetse bitamukwiriye. Uyakira na we aba atesheje agaciro akazi ke, kuko aba aciye ukubiri n'inshingano ze. Bombi nta soni bagira kuko bayifata nk'umuco bakaba barangwa no kubura ubunyangamugayo, kubura uburere, gushaka gukira vuba, kudakorera mu mucyo kuko ntawuyitanga cyangwa ngo ayakire ku mugaragararo. Muri make nta kiza cya ruswa.

Ruswa igira ibibi byinshi k'uyitanga n'uyihabwa. Ese kuyica birashoboka? Nta gishoboka nka byo! Ku bushobozi bwanyu, nimuharanire kuyirwanya mutunga agatoki aho igaragaye.

Kuyica nta kundi ni ukurenga ubujiji dusobanukirwa n'ububi bwayo. Abayobozi mu nzego zose n'abaturage muri rusange bashingiye ku ndangagaciro y'ubunyangamugayo batinyuke bange kwaka ruswa no kuyitanga. Abayihabwa bange kuyakira, abaturage bakangurirwe kuyimenya, kuyirinda, kuyirwanya no kuyitangaho amakuru. Amabwiriza agaragaza uko serivisi zitangwa mu nzego zose za Leta ashwirwe ahagaragara kandi asobanure neza ibisabwa n'igihe ubyujuje ahabwa serivisi yifuza.

Ingufu nizishyirwe mu kwigisha abaturage kumenya guharanira uburenganzira bwabo, mu kwamagana ruswa, gutunga agatoki aho igaragaye, kongera ubufatanye hagati y'inzego zigenzura n'izirwanya ruswa no guhana by'intangarugero abo igaragayeho. Abaturage twese n'abayobozi duhagurukire rimwe nk'abitsamuye tujirwanye kandi tuzayitsinda.

I. Inyunguramagambo



a) Tahura mu mwandiko amagambo asubiza ibibazo bikurikira

1. Bampimba utuzina tujijisha ngo noroshya ibibazo kandi iyo bagiye kumfata no kuntanga barihisha. Abanyakuri banyamaganira kure kubera ko munga ubukungu bw'igihugu. Ubwo ndi nde?
2. Nta cyo nakumarira utampereje. Uwo mugayo uhabwa nde?
3. Utari uwange cyangwa uwo ntazi simureba n'irihumye. Iyo nenge indanga ni iyihe?
4. Aho nageze abantu ntibongera kuvuga rumwe kuko mbasumbanya bamwe mbarutisha abandi. Ni iki munenga?
5. Mpora ntegereje ko bagira icyo bampa kugira ngo mbakemurire ibibazo. Ubwo mba nkurikiranye iki munenga?
6. Abanyishinze bahora bampereza kuko nsa n'ikirondwe ntajya mpaga. Ubwo abo bantu mbakorera iki kigayitse?

7. Iby'abandi mbitwara ku mayeri kandi nkabiheza. Wanyamagana unshinja iki?
8. Aho mba aha nirinda guhemuka nkarya ibyo naruhiye. Ubwo ndangwa n'iki?
9. Nca mu ziko sinshye. Ubwo ndi iki?
10. Nta cyo mpisha ibyange byose mbikorera ahabona. Aho nkorera ni he?



b) Koresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite ukurikije uko yakoreshejwe mu nteruro.

- | | |
|----------------------|--------------------|
| 1. Indonke | 7. Ishimishamubiri |
| 2. Ruswa | 8. Amacakubiri |
| 3. Kuvutsa | 9. Amahugu |
| 4. Ikenewabo | 10. Icyuho |
| 5. Impano | 11. Bombi |
| 6. Kunyunyuza imitsi | 12. Indangagaciro |

II. Ibibazo byo kumva umwandiko



Musubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yangu bwite

1. Sobanura mu magambo yawe uko wumva ruswa?
2. Ni iki gituma abantu barya ruswa?
3. Ni gute ruswa ishyigikira akarengane?
4. Hangirika iki iyo igihugu cyamunzwe na ruswa?
5. Ububi bwa ruswa bugaragarira he?
6. Abatanga ruswa babiterwa n'iki?
7. Garagaza ko abatanga cyangwa abakira ruswa baba bazi ko ari bibi.
8. Erekanako kurwanya ruswa mu Rwanda bishoboka.
9. Sobanura uburyo kwirinda gutanga ruswa byatuma tugira umuco wo kuzigama.

III. Gusesengura umwandiko



Musubize ibi bibazo bikurikira:

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko?
2. Ni izihe ngingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko?


IV. Kungurana ibitekerezo ku byavuzwe mu mwandiko



Mwungurane ibitekerezo ku kibazo gikurikira:

Ni uwuhe muganda mwatanga mu rugamba rwo guhashya ruswa?

5.3. Gukorera ku mihigo bituma wiha gahunda



Ubu gahunda iriho ni ugukorera ku mihigo kuko bifasha buri muntu gukorera ku ntego. Bimufasha kandi kwisuzuma akareba ko ibyo yahize abishyira mu bikorwa. Ni muri urwo rwego hashyizweho imihigo y'ingo

aho zihigira ibikorwa zizageraho mu gihe runaka. Buri rugo rusabwa kugira ikaye y'imihigo, rugaragarizamo ibyo bikorwa, rukabigaragariza umukuru w'umudugudu rubarizwamo, na we akabyemeza abishyiraho umukono.

Munyengabe Reveriyani ni umuhinzi mworozu ntangarugero w'imyaka 62. Iyi gahunda yo gukorera ku mihigo yayumvise vuba kandi ayishyira mu bikorwa. Yemeza ko iyi gahunda y'imihigo y'ingo imaze guhindura byinshi mu rugo rwe, kuko ibyo ahize gukora agerageza uko ashoboye kose kugira ngo abigereho. Yageze kuri byinshi atari kuzageraho ku buryo bworoshye. Asanga iyo umuturage ahize umuhigo akawuhigura bimuha imbaraga ubutaha akazakora ibyisumbuyeho.

Ku bwe, gahunda nziza nk'iyi ifasha mu iterambere ku buryo bugaragara kuko ituma umuturage yikorera isuzumabikorwa hakiri kare, ibyo atari yageraho akabasha gufata ingamba zo kubigeraho. Ni mu gihe kandi aba yamenye imbogamizi yagize n'ubufasha azakenera bibaye ngombwa. Yifuje ko muri buri mudugudu iyi gahunda y'imihigo y'ingo yakurikiranwa neza hashyirwaho itsinda rishinzwe kugenzura uko ya mihigo igenda ishyingirwa mu bikorwa. Byatuma hatabaho kwirara ngo umuturage yirengagize ibyo yahize.

Gukorera ku mihigo byatumye arushaho kwiteza imbere mu buryo bufatika. Afite ubuhinzi bukomatanyije n'ubworozi ndetse n'ubukorikori butandukanye. Yoroye inka za kijyambere, yahinze urutoki, yahinze ibijumba, ahinga imyumbati, ahinga n'imiteja, iyo yeze iba ifite uburebure n'ubwiza bihebuje. Iyi miteja ngo imaze kumugeza kuri byinshi kuko anafite isoko ryayo i Kigali. Mu mihigo ye, yahize ni ukuba kuri hegitari imwe y'ubuhinzi bw'imyumbati akagera kuri imwe n'igice, akavugurura ubuhinzi bwe bw'ibijumba, akajya no mu bwisungane mu kwivuzza ndetse agakorana na banki.

Mbere yo gukorera ku mihigo umuryango we wabaga mu nzu y'amabati arindwi. Aho batangiriye guhiga, babashije kuyivugurura, barayongera, bayishyiramo amashanyarazi n'amazi. Barahingaga bakeza utudobo dutatu tw'ibishyimbo ariko aho batangiriye gukorera ku mihigo, umusaruro wabo wavuye ku tudobo dutatu uba imifuka itatu

y'ibishyimbo. Imihigo yabafashije gukora kare kandi bagakorera ku gihe. Nta gikorwa na kimwe umuturage ashobora kumva ko atageraho kandi hari ubuyobozi bumwegereye kandi bwiteguye kumufasha.

Iyo ugeze mu rugo rwe usanga ari ahantu hafite isuku kandi bigaraga ko ari urugo rwifashije. N'ikimenyimenyi bamaze kwiyubakira biyogazi ikora neza. Umufasha w'uyu mugabo, avuga ko kuva bakubaka biyogazi ibicanwa bakoreshaga mbere byagabanutse cyane. Biyogazi inabafasha mu kwita ku bidukikije no kubungabunga ubuzima muri rusange. Akomeza agira ati: «Ibi byose mubona tubikesha gukorera ku mihigo no gukorera ku ntego. icyo twiyemeje kuzakora mu mwaka runaka turacyandika hanyuma tugahora dukurikirana ko tukigeraho. Iyi kayi y'imihigo idufasha gusuzuma aho tugeze cya gikorwa tukandikamo. Gukorera ku mihigo bitanga imbaraga n'ishyamba mu bikorwa uba wateganiye gukora.»

Abayobozi ku rwego rw'Akarere baramugendereye muri gahunda yo kureba iterambere abaturage bamaze kugeraho no kubagira inama kugira ngo barusheho kunoza ibyo bakora. Batangajwe n'ibikorwa bahasanze maze basaba abaturage kumufataho urugero kugira ngo na bo batere intambwe ifatika mu mibereho yabo.

I. Inyunguramagambo



a) Nimushake muri uyu mwandiko amagambo afite igisobanuro gikurikira:

1. Ikintu wiyemeza kuzageraho mu gihe runaka.
2. icyo ugamije kugeraho.
3. Kwiyemeza icyo uzaba ugezeho mu gihe runaka.
4. Gushyira mu bikorwa icyo wari warahize.
5. Kurenga urugero rwari ruteganyijwe.
6. Igenzura rigamije kureba aho ugeze ushyira mu bikorwa ibyo wiyemeje.
7. Kwemeza ibigomba gukorwa kugira ngo ugere ku cyo wiyemeje.
8. Ikintu cyose gituma utagera ku cyo wiyemeje, ibibazo ugira mu gushyira mu bikorwa ibyo wiyemeje.

9. Kurangara ntukore uko bikwiye.
10. Gukorera ibintu icyarimwe.
11. Urugo rukize, rutagize icyo rubuze.
12. Inkwi zo gucana.
13. Ingufu z'umwuka zibyarwa n'udukoko bita bagiteri zicagagura ibikomoka ku bimera, ku mwanda w'amatungo cyangwa ku musarane w'abantu bifungiranye mu cyobo kidashobora kwinjiramo umwuka wo hanze.



b) **Koresha mu nteruro zawe bwite amagambo akurikira:**

- | | |
|---------------|-------------------|
| 1. Imihigo | 5. Gufata ingamba |
| 2. Intego | 6. Kwirara |
| 3. Guhigura | 7. Imbogamizi |
| 4. Kwisumbura | 8. Gukomatanya |

II. **Ibibazo byo kumva umwandiko**



Nimusubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite

1. Gukorera ku mihigo bimaze iki?
2. Gahunda yo gukorera ku mihigo iteye ite?
3. Umuryango wa Munyengabe wahize kuzagera ku bihe bikorwa?
4. Uyu muryango wahiguye ute imihigo wahize?
5. Hakorwa iki kugira ngo iyi gahunda irusheho kugenda neza?
6. Umuryango wa Munyengabe wagize ruhare ki mu kubungabunga ibidukikije?
7. Uwiyemeje gukorera ku mihigo asabwa iki kugira ngo abashe guhigura neza imihigo ye?
8. Akarere kagaragaje gate ko gashyigikiye gahunda y'imihigo y'ingo?

III. Gusesengura umwandiko



Musubize ibi bibazo bikurikira:

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko?
2. Garagaza ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko?

IV. Gutegura imihigo y'ishuri.

Umwitozo:

Nimutegure ingingo mwumva mwahigira kugeraho muri uyu mwaka hano mu ishuri ryanyu.

5.4. Dutange amakuru ku byo dukora



Kera gutanga amakuru ku byo umuntu akora byari ubushake. Abanyamakuru binubiraga kudahabwa amakuru na bamwe mu bari

bashinzwe kuyatanga cyanecyane mu nzego za Leta. Ariko ubu byarahindutse gutanga amakuru byamaze kuba itegeko.

Abayobozi mu nzego zigenga n'iza Leta basabwa gutanga amakuru n'iryo tegeko ryamaze gushyirwaho umukono no gutangazwa mu igazeti ya Leta. Ibi bizafasha abanyamakuru kubonera amakuru bashaka ku gihe ndetse n'Abanyarwanda bayahabwe ku gihe. Uzaramuka yanze gutanga amakuru ku byo akora azabihanirwa n'itegeko, natabikora neza na bwo abibazwe n'amategeko. Abayobozi mu nzego za Leta n'izigenga rero bafite inshingano zo gushyiraho umukozi uhoraho ushinze gutanga amakuru, yaba adahari akagira umusimbura.

Abanyamakuru mu Rwanda bavunikaga bashaka amakuru ndetse hamwe ntibayabone. Hari n'aho umuyobozi ushinze gutanga amakuru yangaga kwitaba terefoni cyangwa se agasubiza umunyamakuru ko afite ibimuhugije ku buryo adafite umwanya wo kuvugana na we. Itegeko rirasobanutse kuko riteganywa uburyo amakuru yakwa. Amakuru asabwa n'umuntu ku giti ke cyangwa itsinda ry'abantu mu rurimi urwo ari rwo rwose mu ndimi zemewe n'itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda. Hakoreshwa imvugo, inyandiko, terefoni, ikoranabuhanga cyangwa ubundi buryo bw'itumanaho bitabangamiye ibiteganywa n'iri tegeko. Usaba amakuru ni we ugaragaza uburyo yifuzako kuyahabwamo. Iyo uburyo usaba amakuru yifuzako kuyahabwamo burenze ubushobozi bw'urwego rusabwa kuyatanga, yishyura ikiguzi kijyanye n'uburyo ayifuzamo.

Ahanini kwimana amakuru byaterwaga n'impungenge abatanga amakuru bagiraga, kubera kutizera abanyamakuru bayahaye, no gutinya ko amakuru batanze ashobora kubagiraho ingaruka. Izi mpungenge itegeko ryarazikemuye kuko rigaragaza amakuru yemewe gutangwa. Akaba ari yo mpamvu abanyamakuru bagomba gukora kinyamwuga bakagarurira ikizere abatanga amakuru, bakunze kuyimana bitwaza ko abanyamakuru babavugira ibyo batavuze. Abayobozi na bo bajya batanga amakuru ku gihe batagoranye kugira ngo imikoranire y'inzego igende neza kandi n'abagenerwabikorwa ari bo baturage babashe kugira uburenganzira kuri ayo makuru.

Iri tegeko ntirifasha abanyamakuru mu kazi kabo gusa, ahubwo rifasha n’Abanyarwanda muri rusange. Uburenganzira bwo kubona amakuru ni inyungu z’Abanyarwanda bose kuko riha n’abatari abanyamakuru kubaza inzego za Leta cyangwa izigenga amakuru bashaka.

Gushyiraho itegeko ni ikintu kimwe, ariko kurishyira mu bikorwa bikaba ikindi. Inzego zose bireba zirasabwa gukora ibishoboka byose rikubahirizwa. Birasaba kandi nanone abanyamakuru n’Abanyarwanda muri rusange gukomeza guharanira uburenganzira bwabo.

I. Inyunguramagambo



a) Huza ijambo n’igisobanuro cyaryo ukoresheje akambi.

a) Kwinubira	1. Gutanga igisubizo, kubonera umuti.
b) Guhatira	2. Kubaza ikintu kuba, kunyuranya n’itegeko.
c) Inshingano	3. Ibibazo ugira bituruka ku cyo wakoze.
d) Kubangamira	4. Kuvuga ikitagushimishije, kutishimira.
e) Ingaruka	5. icyo umuntu agomba gukora.
f) Gukemura	6. Gutegeka umuntu gukora icyo adashaka, gukoresha umuntu ikintu ku ngufu, atabishaka.



b) Koresha mu nteruro yawe bwite amagambo akurikira;

kwinuba, guhatira, kubazwa (ibyo utakoze), inshingano, guhuga, kubangamira, ingaruka, gukemura.



c) Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo ari mu dukubo.

(igaruka, gusimbura, gusimbuza, yinubira, yinukira, kubangamira, kubagarira, ingaruka)

a) Uyu mwana buri gihe ibyo bamutumye.

- b) Umuntu udaheruka gukaraba yumva
- c) Reka bagenzi bawe batazagucikaho.
- d) Dusabwa yose kuko tutazi irizera n'irizarumba.
- e) Uzirengere zizava mu kudatangira amakuru ku gihe!
- f) Uze biriya bita byaboze ibikiri bizima.
- g) uyu mukinnyi biramvuna kuko naniwe cyane.

II. Ibibazo byo kumva umwandiko



Nimusubize ibi bibazo byo kumva umwandiko mu magambo yanyu bwite

1. Ni iki cyatumaga abantu batitabira gutanga amakuru ku byo bakora?
2. Ni iki noneho gishobora kubaha ikizere bagatanga amakuru nta cyo bishisha?
3. Abatanga amakuru n'abanyamakuru barasabwa iki muri iki gihe?
4. Uwakwaka amakuru, ufite ubuhe bushobozi bwo kuyamuha?
5. Umunyamakuru akwatse amakuru mu buryo udafiteye ubushobozi wabyifatamo ute?
6. Ko utari umunyamakuru itegeko rigena uburyo amakuru atangwa rikumariye iki?

III. Gusesengura umwandiko



Musubize ibi bibazo:

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?
2. Vuga ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko?

IV. Gutegura amakuru no kuyatangaza.

Nimutegure amakuru ku byabaye ku ishuri ryanyu muri iki cyumweru, ayo mutazi mubaze abayobozi n'abarimu niba hari inama zabaye, maze muyatagarize abandi banyeshuri.

5.5. Umwirondoro w’umuntu

Urugero rw’ umwirondoro wa Bizimana

1. Ibiranga umuntu:

- **Amazina:** BIZIMANA Kamegeri
- **Amazina ya data:** KAMEGERI Silasi
- **Amazina ya mama:** KANKUNDIYE Ana
- **Itariki y’amavuko:** 12 Mata 1990
- **Aho navukiye:** Umurenge wa Kigarama
: Akarere ka Kicukiro
- **Aho ntuye:** Umurenge wa Kanombe
: Akarere ka Kicukiro
- **Irangamimerere:** Ingaragu
- **Ubwenegihugu:** Umunyarwanda
- **Aho mbarizwa:**
Kanombe
Agasanduku k’iposita: 1209 Kigali
Terefoni: 0784455762

2. Amashuri nize

- **Amashuri yisumbuye:** 2002-2008 ku kigo cy’Urwunge rw’Amashuri yisumbuye rw’i Mukura.
- **Amashuri abanza:** 1996-2002 ku kigo cya Remera.

3. Impamyabumenyi

Impamyabumenyi y’amashuri yisumbuye A2 mu ndimi.

4. Imirimo nakoze n’uburambe mu kazi:

2009-2014: Umukozi wigenga uhindura inyandiko mu ndimi (Igifaransa, Ikinyarwanda n’Icyongereza).

2014- 2016: Umukozi mu icapiro ryigenga rya Kigali ku Kimihurura ushinzwe gukosora imyandikire y’indimi.

5. Indimi nkoresha:

Ikinyarwanda: Nkizi neza cyane

Igifaransa: Nkizi neza

Icyongereza: Nkizi neza cyane

6. Ubundi bumenyi:

Ndi umukinnyi w'umupira, w' amaguru.
Mfite impamyabushobozi mu butabazi bw'ibanze mu gihe k'impanuka.
Ndi umukangurambaga mu butabazi bw'ibanze mu gihe habaye impanuka.

Ndemeza ko ibyo mvuze haruguru ari ukuri.

Kanombe, ku wa 28 Mutarama 2016.

BIZIMANA Kamegeri



I. Inyunguramagambo



a) Sobanura aya magambo yakoreshejwe mu mwirondoro:

1. Ingaragu
2. Impamyabumenyi
3. Impamyabushobozi



b) Umwitozo w'inyunguramagambo:

Koresha aya magambo mu nteruro wihimbiye:

1. Ingaragu
2. Impamyabumenyi
3. Impamyabushobozi

II. Ibibazo ku mwirondoro



Musubize ibibazo bikurikira muhereye ku rugero rw'umwirondoro wa Bizimana:

1. Umwirondoro ni iki? Umaze iki?
2. Umwirondoro ukorwa na nde?
3. Kuki abakoresha bakenera umwirondoro w'ushaka akazi?
4. Umwirondoro ukorwa ute?
5. Ni ibiki uwirondora agomba kwirinda?
6. Ni ibihe bice by'ingenzi bigize umwirondoro?

5.6. Umwirondoro

1. Inshoza y'umwirondoro

Umuntu wese ushaka akazi asabwa kuzuzwa umwirondoro uherekeza ibaruwa isaba akazi cyangwa ugatangwa wonyine, kugira ngo umukoresha amenye ibyerekeranye n'uwo agiye guha akazi. Umwirondoro rero ugaragaza amazina y'umuntu, aho akomoka, ikigero arimo, amashuri yize n'imirimo yakoze ndetse n'ibindi ashoboye mu buzima. Iyo umukoresha asomye umwirondoro w'usaba akazi, ahita abonamo uburyo yagiye yitwara mu mirimo itandukanye, cyangwa aho yize kuko ashobora no kubanza kubaza ababanye na we ku ishuri no mu kazi kugira ngo amenye uko yitwara.

Utegura umwirondoro rero agomba kuvugisha ukuri, ntatange amakuru atari yo kuko byamukururira kwimwa akazi cyangwa akakirukanwaho n'iyi yaba yararangije kukabona.

Umwirondoro ahanini ukoreshwa mu mabaruwa y'ubuyobozi iyo uwandika yawusabwwe cyangwa ashaka kwerekana ko uhuye n'umuntu bifuzwa guha akazi. Ni yo mpamvu umwirondoro urangizwa n'interuro yemeza ko ibikubiyemo ari ukuri.

2. Uko umwirondoro ukorwa

Umwirondoro ukorwa umuntu agaragaza ibice by'ingenzi bitanu ari byo :

a) Ibiranga umuntu

Hagaragariramo amazina y'uwirondora, amazina ya se n'aya nyina, itariki, ukwezi n'umwaka yavutseho, aho atuye n'aho abarizwa igihe hatandukanye, irangamimerere ye (niba yubatswe cyangwa akiri ingaragu), ubwenegihugu bwe n'aho abarizwa.

b) Amashuri yize n'impamyabumenyi afite

Muri iki gice, uwirondora agaragaza amashuri yize, aho yayize n'igihe, imyaka yize, amashuri yakurikiye n'impamyabumenyi yahavanye.

c) Imirimo yakoze n'uburambe mu kazi

Uwirondora agaragaza imirimo yagiye akora, igihe yayikoreye,

aho yakoraga n'ibyo yakoraga. Asoreza ku murimo aba afite igihe yandika umwirondoro we (iyo afite akazi).

d) Indimi akoresha

Uwirondora agaragaza indimi avuga cyangwa akoresha n'igipimo azikoresherezaho. Ni ukuvuga uko azi ururimi uru n'uru niba aruzi neza cyane, neza cyangwa aruzi buhoro.

e) Ubundi bumenyi afite

Muri iki gice cya nyuma, uwirondora agaragaza ubundi bumenyi cyangwa ubushobozi afite butajyanye n'amashuri yize. Ni nk'ibindi ashoboye gukora cyangwa afitemo impano, amahugurwa yakoze n'impamyabushobozi yahawe n'ibindi.

Umwitozo:

Ufatiye urugero ku mwirondoro wa Bizimana Kamegeri, uzuza uru rupapuro nk'aho rwakabaye urw'umwirondoro wawe.

Umwirondoro wange

Amazina:

Amazina ya data:

Amazina ya mama:

Igihe navukiye:

Aho navukiye:

Umudugudu wa.....Akagari ka

Umurenge wa.....Akarere ka.....Intara ya

Aho ntuye:

Umudugudu wa Akagari ka

Umurenge wa.....Akarere ka.....Intara ya

Irangamimerere:

Ubwenegihugu:

Amashuri nize:

Kuva mu Kugeza

Kuva Kugeza

Kuva Kugeza

Imirimo nakoze

Kuva Kugeza

Indimi nkoresha: Ikinyarwanda, icyongereza, Igifaransa, Igiswahili...

Ubundi bumenyi:.....


Ndemeza ko ibyo maze kuvuga ari ukuri.

Bikorewe i ku wa

.....

.....

5.7. Ibaruwa isaba akazi



BIZIMANA Kamegeri
Akagari ka Karugira
Umurenge wa Gikondo
Akarere ka Kicukiro

Gikondo, ku wa 20/6/2016

Bwana Umuyobozi w'Ikigo
cy'Amashuri Abanza cya
Gikondo.

Impamvu: Gusaba akazi k'ubuzamu.

Bwana Muyobozi,

Nshimishijwenokubandikira
iyi baruwa mbasaba akazi k'ubuzamu bw'امanywa.

Maze kumva itangazo
mwacishije kuri radiyo zitandukanye ku wa Mbere tariki ya 18/6/2016
musaba abashaka akazi k'ubuzamu bw'امanywa, niyemeje kubandikira
mbasaba ako kazi kuko ngashoboye.

Mu by'ukuri ndi umusore
wahuguwe mu byo gucunga umutekano w'ibigo mu gihe cy'amezi
atandatu kandi ndi inyangamugayo nk'uko byemezwa n'ikemezo
cy'ubudakemwa mu mico no mu myifatire nahawe n'ubuyobozi
bw'umurenge wa Gikondo ntuyemo. icyo kemezo kiri ku mugereka
w'uru rwandiko kimwe n'umwirondoro wange.

Mu gihe ngitegeje igisubizo
cyanyu kiza, mbashimiye umutima mwiza muzakirana ikifuzo cyange.

BIZIMANA Kamegeri



I. Inyunguramagambo:



a) Sobanura aya magambo:

1. Ubudakemwa
2. Umugereka



b) Koresha aya magambo mu nteruro zigaragaza ko uyumva:

1. Ubudakemwa
2. Umugereka

II. Ibibazo byo kumva ibaruwa



Musubize ibi bibazo byabajijwe ku ibaruwa mu magambo yanyu bwite.

1. Ni nde wanditse iyi baruwa?
2. Yandikiye nde?
3. Ni iyihe mpamvu yanditse?
4. Atangira ate?
5. Arangiza ibaruwa ye ate?

III. Gusesengura ibaruwa



Musubize ibi bibazo bikurikira:

1. Vuga ibice by'ingenzi bigize ibaruwa yanditswe na Bizimana.
2. Ni ibiki Bizimana yitayeho mu ibaruwa ye?
3. Uhereye ku bice bigize ibaruwa iri ahabanza n'ibisobanuro bikurikira, andukura imbata igomba gukurikizwa mu kwandika ibaruwa.
4. Iyi baruwa ni bwoko ki?

5.8. Ibaruwa y'ubuyobozi

a) Inshoza y'ibaruwa y'ubuyobozi

Ibaruwa y'ubuyobozi ni urwandiko wandikira umuyobozi runaka ufite icyo umusaba cyangwa umugezaho. Urwo rwandiko ruba rugufi kuko

ruvuga iby’ingenzi wifuzza nta kurondogora. Urwo rwandiko rugira impamvu, iyo mpamvu ni yo uwandika yibandaho ntage ku ruhande. Niba hari ibisobanuro byiyongera kuri iyo mpamvu cyangwa hari inyandiko zigomba kuyiherekeza, bivugwa mu rwandiko ariko bikayiherekeza nk’umugereka. Mu ibaruwa uvuga ko ubigeretseho.

Ibaruwa y’ubuyobozi igira ibice biyigize n’imiterere yihariye. Aho bitandukanira n’ibaruwa isanzwe, ya gicuti ni uko ibaruwa y’ubuyobozi iba ngufi kandi ikavuga iby’ingenzi ntirondogore cyangwa ngo itange ibisobanuro bidakenewe. Uyandikirwa ntaba afite igihe cyo guta mu bidafite akamaro.

b) Ibice bigize ibaruwa y’ubuyobozi

Ibaruwa y’ubuyobozi ifite ibice bikurikira bigaragaza:

1. **Uwandika n’aho abarizwa:** Iki gice cyandikwa hejuru mu nguni y’ibumoso bw’urupapuro. Muri make ibi umuntu yabyita “Uwandika n’aho abarizwa”. Icyo gice ni iki gikurikira:

BIZIMANA Kamegeri
Akagari ka Karugira
Umurenge wa Gikondo
Akarere ka Kicukiro

2. **Aho ibaruwa yandikiwe n’itariki yandikiweho:** Ibyo bijya hejuru mu nguni, iburyo bw’urupapuro. Icyo gice ni iki:

Gikondo, ku wa 20/6/2016

3. **Uwandikiwe n’aho abarizwa:** Iki gice kijya muni y’umwirondoro w’uwandika kigatangirira mu rupapuro rwagati. Icyo gice ni iki:

Bwana Umuyobozi w’Ikigo cy’Amashuri Abanza cya Gikondo-Kicukiro.

4. **Impamvu yatumye ibaruwa yandikwa:** Ijya muni y’umwirondoro w’uwandikiwe, ikigaragaza igitumye wandika. Kigatangirira ku ntangiriro y’urupapuro. Icyo gice ni iki:

Impamvu: Gusaba akazi k’ubuzamu

5. **Amagambo ahamagara uwandikiwe:** Icyo gice cyandikwa munsu y'umwirondoro w'uwandikiwe, kigaherwa buri gihe n'akitso. Ni iki gikurikira:
Bwana Muyobozi,
6. **Intangiriro:** Ni igika kirimo impamvu yatumye wandika. Icyo gice ni iki:
Nshimishijwe no kubandikira iyi baruwa mbasaba akazi k'ubuzamu bwo ku manywa.
7. **Igihimba:** Ni igika kimwe cyangwa byinshi bisobanura uko uwandika yamenye ko umwanya uhari n'ubushobozi afite bwo gukora ako kazi. Ni ibika bikurikira:
Maze kumva itangazo mwacishije kuri radiyo zitandukanye ku wa Mbere tariki ya 18/6/2016 musaba abashaka akazi k'ubuzamu bw'amanya, niyemeje kubandikira mbasaba ako kazi kuko ngashoboye.
Mu by'ukuri ndi umusore wahuguwe mu byo gucunga umutekano w'ibigo mu gihe cy'amezi atandatu kandi ndi inyangamugayo nk'uko byemezwa n'ikemezo cy'ubudakemwa mu mico no mu myifatire nahawe n'ubuyobozi bw'umurenge wa Gikondo ntuyemo. Icyo kemezo kiri ku mugereka w'uru rwandiko kimwe n'umwirondoro wange.
8. **Umusozo:** Ni igika gisoza giheruka ibindi bika kirimo ikizere cy'uwandika cyo kubona igisubizo gishimishije. Icyo gika ni iki:
Mu gihe ngitegereje igisubizo cyanyu kiza, mbashimiye umutima mwiza muzakirana ikifuzo cyange.
9. **Amazina y'uwandika n'umukono we:** Bijya munsu y'ibaruwa ahahera iburyo bw'urupapuro bigahera rwagati. Icyo gice ni iki gikurikira:

BIZIMANA Kamegeri



c) Ibyo uwandika ibaruwa y'ubuyobozi yitaho

Uwandika ibaruwa y'ubuyobozi, yitwararika gusiga umwanya ibumoso n'iburyo bw'urupapuro kugira ngo uwakira ubutumwa abone aho afata abusoma atabuhishe n'intoki bubera kubufatamo. Ibaruwa yanditse neza ibamo ibika ku buryo buri gitekerezo kiharira igika cyacyo.

Buri gika gitangira umurongo. Hagati y'igika n'ikindi hasigara umwanya munini. Ibaruwa yanditse neza iba ifite utwatuzo kandi tugomba gukoreshwa neza mu nteruro: akitso kagatandukanya ibice bibiri by'interuro, akabago kagatandukanya interuro ebyiri. Utwo ni two twatuzo dukoreshe mu ibaruwa y'ubutegetsu. Byaba byiza hakoreshejwe interuro ngufi kuko zituma igitekerezo cyumvikana neza kurushaho.

d) Imbata y'ibaruwa y'ubuyobozi

Imbata y'ibaruwa y'ubuyobozi iteye ku buryo bukurikira:

Uwandika n'aho abarizwa

Aho yandikira n'itariki

Urwego rw'ubuyobozi
rw'uwandikirwa n'aho
abarizwa

Impamvu:

Amagambo ahamagara
umuyobozi wandikirwa

Igika k'intangiriro

.....
.....

Igika gitangira igihimba

.....
.....
.....

Igika cy'umusoza

.....
.....

Amazina y'uwanditse
ibaruwa

Umukono we

Umwitozo



Andika amabaruwa akurikira:

1. Andikira umuyobozi w'ikigo wizeho umusaba kuguha indangamanota z'imyaka ibiri ibanziriza uwa nyuma wahize, kuko ukeneye kuzigereka ku rwandiko rusaba ishuri ryisumbuye.
2. Andikira umukuru w'ishuri muturanye umusaba akazi ko gukoramo isuku mu biruhuko.

5.9. Amatangazo

Itangazo rya mbere

Umuryango wa Nyakwigendera Makwandi Diyonizi utuye mu Kagari ka Gatwaro, Umurenge wa Gitesi Akarere ka Karongi, ubabajwe no kumenyesha inshuti n'abavandimwe cyanecyane Kamana Siriro uri muri Uganda, umuryango wa Munyemana Silasi uri mu Miyove, Akarere ka Gicumbi, uwa Rusagara Rayimondi uri i Rubavu n'umwana we Rwakayiru Serisi uri mu Bubiligi, ko umusaza Makwandi Diyonizi yitabye Imana kuri uyu wa Mbere tariki ya 30 Gicurasi 2016 isaa mbiri z'igitondo azize impanuka. Ababyeyi, inshuti n'abavandimwe basabwe gutabara. Itariki n'aho umurambo uzashyingurwa barabimenyeshwa mu rindi tangazo. Umuryango ubaye ubashimiye kuwufata mu mugongo kwanyu.

KIGENZA Mamenero Erike.

Itangazo rya kabiri

Repubulika y'u Rwanda



Minisiteri y' Uburezi

Minisiteri y'Uburezi iramenyesha ababyeyi bafite abana biga mu mashuri abanza n'ayisumbuye ko itariki yo gutangira amasomo y'umwaka w'amashuri wa 2016 ari ku wa Mbere tariki ya **02/02/2016**. Abanyeshuri biga mu mashuri yisumbuye barasabwa kubahiriza ibi bikurikira:

Ku biga mu Ntara y'Amajyaruguru, iy'Uburasirazuba n'Umujyi wa Kigali, umunsi wo kugenda ni ku wa Gatandatu tariki ya **31/01/2016**.

Ku biga mu Ntara y'Uburengerazuba n'iy'Amajyepfo ni ku Cyumweru tariki ya **1/02/2016**.

Ikitonderwa:

- Abanyeshuri bose bateganyirijwe imodoka zizajya zibafata aho basanzwe bazitegera.
- Buri munyeshuri asabwe kuza yambaye umwenda we w'ishuri kandi akitwaza n'ikarita y'ishuri kugira ngo abanyeshuri bazabe ari bo babanza kujya mu modoka mbere y'abandi bagenzi.
- Abayobozi b'ibigo barasabwa kwitegura abo banyeshuri ku minsi bateganyirijwe kubagereraho.

Bikorewe i Kigali, tariki ya **25/01/2016**.

Umunyamabanga wa Leta ushinze amashuri abanza n'ayisumbuye

.....

Bimenyeshejwe:

- Abayobozi b'Intara n'Umujyi wa Kigali (bose).
- Abayobozi b'Uturere (bose).

Itangazo rya gatatu

RUCIKIBUNGO Natanayeri utuye mu Mudugudu w'Ibuga, Akagari ka Karugira, mu Murenge wa Kigarama, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali ararangisha ibyangombwa bye byaburiye muri tagisi RAB 041X ikora mu muhanda wa Kimironko-Gikondo-Nyenyeri ku wa Gatatu Kamena 2016 nyuma ya saa sita. Ibyo byangombwa ni irangamuntu, agatabo k'Ubwishingizi bw'indwara n'agatabo ka banki. Byari mu ikotomoni y'umukara. Uwabibona yabishyikiriza Rucikibungo Natanayeri ukorera muri Gare ya Nyabugogo cyangwa agahamagara kuri numero 0783030875 cyangwa 0722667834. Ibihembo bishimishije biramuteganyirijwe.

RUCIKIBUNGO Natanayeri



I. Inyunguramagambo



a) Sobanura aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko:

1. Gufata umuntu mu mugongo
2. Gare



b) Koresha aya magambo mu nteruro zigaragaza ko uyumva:

1. Gufata umuntu mu mugongo
2. Gare

II. Ibibazo ku mwandiko



Musubize ibi bibazo mu magambo yanyu bwite:

1. Itangazo rya mbere ryatanzwe na nde? Aramenyesha ba nde? Arabamenyesha iki?
2. Itangazo rya kabiri ryatanzwe na nde? Rigenewe ba nde?
3. Itangazo rya gatatu ritandukaniye he n'irya kabiri?

III. Gusesengura amatangazo



Musubize ibi bibazo bikurikira:

1. Ni izihe ngingo zivugwa mu itangazo rya mbere, irya kabiri n'irya gatatu?
2. Uhereye ku bivugwa muri ariya matangazo:
 - a) Itangazo ni iki?
 - b) Ni ubuhe bwoko bw'ariya matangazo?

1. Inshoza y'amatangazo

Amatangazo ni inyandiko ngufi ziba zigamije kugira ubutumwa zitanga ku bo zandikiwe cyangwa zitangarizwa. Ubu butumwa butandukana bitewe n'ubwoko bw'itangazo ni ukuvuga impamvu ituma uwandika aryandika. Ni yo mpamvu amoko y'amatangazo ashingira ku mpamvu zayo.

2. Amoko y'amatangazo

Hari:

- Amatangazo abika (ajyana no kubwira abandi iby'urupfu rw'umuntu, kumushyingura n'ibindi bijyana).
- Amatangazo amenyesha
- Amatangazo arangisha
- Amatangazo yamamaza

3. Ibiranga amatangazo

Muri rusange, amatangazo arangwa n'ibintu by'ingenzi bikurikira:

- Uwandika itangazo
- Aho atuye cyangwa akorera
- Impamvu ituma atanga itangazo
- Abo yandikira cyangwa amenyesha
- Ubutumwa ashaka kubwira abo yandikira. Niba ari igikorwa avuga aho kizabera, itariki n'isaha kizaberaho.

- Kurangiza ashimira.
Mu matangazo amwe n'amwe uwandika ashobora kurangiza yizeza igihembo k'uzashyira mu bikorwa ibyo asaba. Mu matangazo y'inzeho z'ubuyobozi, uwandika ashobora gusaba abantu gushyira mu bikorwa ibyo yanditse cyangwa akagira abo asaba kubishyirisha mu bikorwa. Ashobora kandi kugaragaza abo agenera kopi y'iryo tangazo by'umwihariko muri « bimenyeshejwe ».
- Aho itangazo ryandikiwe n'itariki
- Amazina n'umukono by'uwanditse cyangwa utanze itangazo.

Umwitoto

1. Andika itangazo ribika. Umuntu uzi witabye Imana. Uratabaza bene wabo ngo baze gutwara umurambo uri mu buruhukiro bw'ibitaro runaka. Nyakwigendera yazize impanuka y'imodoka ku muhanda runaka.
2. Himba itangazo urangisha ikintu wataye.
3. Andika itangazo ritumira abantu mu nama yo gutegeza isabukuru y'umubyeyi wawe umaze imyaka mirongo inani avutse. Ubwire abantu aho izabera, isaha izaberaho n'ingingo bagomba kuziga by'umwihariko. Ku batahaza wabamenyesha uburyo bazahagera bifashishije tagisi. Urangize ubashimira umutima mwiza bazitabirana iyo nama. Univuge wowe ubatumira.

5.10. Muyobozi ukeneye abandi.



1. Umuyobozi dushima dushimagiza
Ni ukingura amarembo bakamugana
Ni ugira urugwiro ntabe intare
Ni ukorera mu mucyo ntiyimike ubwiru
Ni uwanga amahugu akimika ukuri.
2. Niba uri umukozi w'umwaga
N'abagusuye ukajya ubakanga
Uzasigara umeze nk'inshike
Ubure abakugana ari bo ukorera
Uzatorwa na nde mu bo waheje?
3. Erega muyobozi ukeneye abandi
Uge wirinda kuba ikigwari,
Ukorane umwete ukemure ibibazo
Abaje bakugana ubavune bwangu
Ntihakagire uwo unigana ijambo.

4. Uzajya wihina iyo mu biro
N'abagusuye ubaheze hanze
Utazi uwavamo n'umuranga!
Kwiba uhetsse biragatsindwa
Uzaba ubwiriza uwo mu mugongo.
5. Nimucyo rero dukorere mu mucyo
Imirimo yacu ntituyibwike;
Amakosa abonetse tuyakosore
Abakuru n'abato baturirimbe,
Utugannye wese abone dushaka
Ibyo kumutoza gukora neza.

I. Inyunguramagambo



a) Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

- | | |
|-----------------------------|-------------|
| 1. Umwaga | 5. Ikigwari |
| 2. Kwiba uhetsse | 6. Umuranga |
| 3. Kubwiriza uwo mu mugongo | 7. Kubwika. |
| 4. Inshike | |



b) Umwitozo w'inyunguramagambo

Koresha aya magambo mu nteruro ngufi ziboneye:

1. Umwaga
2. Ikigwari
3. Umuranga.

II. Ibibazo ku mwandiko



Hitamo igisubizo kiri cyo muri bitatu byatanzwe:

1. Ingaruka zo kuba umunyamwaga ni:
 - a) Gukangara abakugana.
 - b) Kugira abakunzi bameze nkawe.
 - c) Gucikwaho n'abantu ukabaho wenyine.

2. **Kugira umwaga ni:**
 - a) Kutishimira iby'abandi bagezeho.
 - b) Kutihanganira abakurogoya.
 - c) Kuka inabi abakugana bose kuko ubabonamo abaje kurya ibyawe batabikoreye.
3. **Ntukabe umunyamwaga kuko:**
 - a) Uwo uri we wese ukeneye abandi.
 - b) Abantu bose bakumenya uko uri.
 - c) Uba ikigwari.
4. **Uyu muvugo uragukangurira:**
 - a) Kwakirana urugwiro abakugana bose ntawuheza.
 - b) Gukomera ku byawe abantu ntibabirire ubusa.
 - c) Kutavogerwa n'ubonetse wese.
5. **Uyu muvugo urarwanya ingeso mbi zikurikira:**
 - a) Ubugugu, ubunebwe, guha abato urugero rubi n'umujinya.
 - b) Kwiba, guhishahisha no gukena.
 - c) Kwihisha abagusuye bagutunguye.
6. **Kuba umunyabugugu:**
 - a) Wabiraga abana bawe.
 - b) Ntiwabiraga abana bawe.
 - c) Ni ngombwa kuko bica agasuzuguro.
7. **Umuti uhabwa umunyamwaga ni:**
 - a) Ukugenderera abandi akareba uburyo yakirwa.
 - b) Ukuririmbwa n'abato n'abakuru.
 - c) Ukwibera wenyine kugira ngo atagira uwo abangamira.
8. **Umunyamwaga akwiye :**
 - a) Kunengwa kugira ngo yikosore.
 - b) Gushyigikirwa kuko yikangarira.
 - c) Kwamaganwa aho ageze hose.
9. **Ugusuye:**
 - a) Mutoze gukora neza.

- b) Mucyahe atazakumenyera.
- c) Muhishe ibyo ukora atazagukirana.

10. Niwihisha abakugana:

- a) Uzabura uwamamaza ibyo ukora cyangwa n'uwakurangira umugeni.
- b) Ntuzasohora byinshi byo kubakiriza.
- c) Ntawuzagutesha umutwe .

11. Abantu bazadushima:

- a) Nituba ibigwari.
- b) Nidutoza abana bacu ubucakura.
- c) Nidukosora amakosa yacu kandi tukanoza ibyo dukora.

12. Uyu mwandiko ni:

- a) Ikivugo.
- b) Igihozo.
- c) Umuvugo.



Umwitozo wo kuvuga:

Soma uyu mwandiko inshuro nyinshi, uwufate mu mutwe, hanyuma uwuvugire imbere y'abandi wubahiriza injyana yawo kandi ushyiramo isesekaza.

III. Gusesengura umwandiko



Musubize ibi bibazo:

1. Iyo usomye uyu mwandiko wumva uryoheye amatwi ku buryo ujya kumera nk'indirimbo. Biterwa n'iki? Ubwo buryohe wumva mu mwandiko babwita iki?
2. Interuro zigize uyu mwandiko ziteye zite ugereranyije n'izo usanzwe ubona mu yindi myandiko? Zitwa ngo iki?
3. Ibitekerezo bikubiye mu mwandiko, ubona bikubiye mu bika, kimwe no mu yindi myandiko? Ibyo bice bikubiyemo ibitekerezo bigize umwandiko byitwa ngo iki?
4. Ukurikije uko uyu mwandiko uteye wawita ngo iki?

5.11. Umuvugo

a) Inshoza y’umuvugo

Umuvugo ni igihangano ku nsanganyamatsiko uhimba yihitiramo cyangwa ahabwa, kigahimberwa gutanga ubutumwa ariko kandi ku buryo kinaryohera amatwi y’abacyumva. Ikibanezeza ni ururirimbo ruterwa n’ibisikana ry’amajwi yo hejuru n’ayo hasi, injyana iterwa n’interuro ngufi zijya kureshya ndetse n’isubirwamo ry’amajwi asa, ibisikana ry’imigemo itinda n’ibanguka. Kubera ko aba ashaka gutaka ikivugwa, uhanga umuvugo yitondera imitoranyirize y’amagambo yabugenewe akoresha bitewe n’iryo asanga ryakumvikanisha neza igitekerezo ke.

b) Ikivugwa

Iyo uhimba umuvugo, uhitamo insanganyamatsiko bitewe n’ubutumwa ukeneye kugeza ku bakumva cyangwa basoma ibyo wahanze. Uyishakira ibitekerezo bifatika bituma abakumva bishimira ibyo ubabwira, ku buryo batabifata nko kubatesha igihe. Ibyo bitekerezo, ubishakira amagambo atuma biryoha, ukabanza kubishakira imbata ituma bikurikirana neza kugira ngo utaza kwisubiramo.

c) Uturango tw’umuvugo

Umuvugo urangwa n’ibi bikurikirana:

- a) **Imikarago:** Interuro z’umuvugo ni zo bita imikarago, ziba ngufi kandi igitekerezo gishobora gufata imirongo myinshi ku buryo ibice by’interuro byakagombye gukurikirana ku murongo umwe bishobora kujya ku mirongo itandukanye.
- b) **Amagambo atoranyijwe neza:** Uhanga umuvugo ahitamo amagambo agusha ku ngingo ku buryo ataza kurambirana. Iyo arambiye abamwumva ntibita ku byo ababwira, akaba nko gucurangira abahetsi.
- c) **Isubirajwi:** Isubirajwi rishingira ku ijwi runaka risubirwamo ikigenderewe ari ukunogera amatwi y’abazumva igihangano ryakoreshejwemo.

d) **Injyana:** Umuvugo ugomba guhimbwa ku buryo worohera abawufata mu mutwe ari byo bita kuwutora. Imitondekere y'imikarago igira uruhare runini mu kunoza injyana y'umuvugo.

Nujya guhanga umuvugo rero uzihatira kubahiriza izi ngingo tumaze kuvuga niba ushaka kubarirwa mu mubare w'abahanga mu guhanga umuvugo kandi urabishoboye.

Umwitozo



Guhanga umuvugo

Hanga umuvugo wumvikanisha urukundo ufiteye umubyeyi wawe n'impamvu zigutera kumukunda ku buryo bwihariye. Ukore ku buryo wumvikanisha imbamutima z'umuntu ukunda undi ku buryo budasanzwe. Nurangiza uwutore maze uwubwire bagenzi bawe ushyiramo isesekaza.

Mfashe ko:

- Gukorera mu mucyo ari ngombwa ku bantu bose. Bituma hamenyekana ibyo bakora.
- Tugomba kurwanya ruswa kuko imunga ubukungu bw'Igihugu.
- Kwiha gahunda mu gihe dukorera ku mihigo bituma tuyesa neza.
- Dukwiye gutanga amakuru ku byo dukora kugira ngo abandi batwigireho cyangwa se batwunganire.
- Umwirondoro w'umuntu utangwa hagaragazwa ukuri kw'ibimuvuzweho.
- Mu kwandika ibaruwa y'ubuyobozi twitondera ibice biyigize ari byo: Uwandika n'aho abarizwa, aho ibaruwa yandikiwe n'itariki yandikiweho, uwandikiwe n'aho abarizwa, impamvu yatumye ibaruwa yandikwa, amagambo ahamagara uwandikiwe, intangiriro, igihimba, umusozo, amazina y'uwandika n'umukono we.
- Umuvugo mwiza urangwa n'ibi bikurikira: imikarago migufi amagambo meza atoranyijwe, amajwi yisubiramo cyangwa amagambo agaruka n'injyana nziza iryoheye amatwi.



5.12. Isuzuma risoza umutwe wa gatanu

Soma witonze uyu mwandiko maze usubize ibibazo byawubajijweho.

Inkuru y’umucuzi n’umurobyi

Nkunze kuganira na sogokuru akambwira udukuru dushimishije agamije kuntoza gutekereza no kwisobanurira ibintu bimwe na bimwe. Nimusoma iyi nkuru mwitonze muratahura icyo yashakaga kunyumvisha.

Agira ati: “Umucuzi w’ibyuma yari afite ibikoresho bitatu by’ingenzi: umuvuba, inyundo n’ibuye yarambikagaho ibyuma bishyushye byatukuye akabikubitisha inyundo nini iremereye agakuramo amashoka, imihoro, ibyuma, ibigembe by’amacumu, impindu, amapiki, amasuka, amayugi, amayombo n’ibindi.

Uyu umucuzi bamuzaniye amasuka abiri y’amafuni bamusaba kubacuriramo amapiki abiri. Bamusigira umwana w’ihene nk’igihembo. Bagitirimuka aho, undi mugabo aramwegera ati: “Uzababwire ko havuyemo ipiki imwe, maze indi uzayimpe nange nguhe umwana w’ihene; uzaba ugize ihene ebyiri dore usanzwe uri inshuti yange.”

Umucuzi aramusubiza ati: “Ngewe Ntamuhanga ku myaka yange sinkunda ibyinshi byotsa amatama, kandi nzi ko inda nini yishe ukuze.” Yasohoje amasezerano yagiranye n’uwamuzaniye amafuni. Nyiri ipiki abonye zicuze neza, dore ko yari atuye ahantu h’uruharabuge, acurisha andi mapiki icumi, amugororera ikimasa k’ibihogo bahinduka inshuti.

Reka rero angerere no ku by’umugabo warobaga amafi yarangiza akayagurisha. Umunsi umwe amaze kuroba ifi yayigurishije Sehirwa, amusaba kuyimubagira, anasiga amwishyuye amafaranga ibihumbi bitatu. Basezerana ko agaruka kuyitwara nyuma y’amasaha abiri akayitekera abashyitsi be. Akiva aho hakuzira umugabo w’umukire na we washakaga ifi. Umurobyi amubwira ko agiye kuyimurobera. Undi ati: “Mpa iriya nguhe ibihumbi bitanu, uraroba indi ube ari yo uha uwo wari uyibikiye”. Reka wa murobyi azabyemere atange ya fi!

Nyamugabo yaribwiraga ati: “Ndaroba indi fi nyimubagire ntarabukwa.” Ubwo hari abagabo batanu babibonye. Yararobye habe ngo abone n’imwe dore ko bwari bumaze no gucya. Nyiri ifi agarutse ati: “Mpa ifi yange nge gutekera abashyitsi, dore burakeye badasanga bitarashya.” Umurobyi habe ngo n’iyo mu nda izajorore! Undi abibonye yiyemeza gushyikiriza ikirego umuyobozi w’uwo musozi. Nyamugabo abimenye aca ruhinga nyuma ajya kureba umuyobozi aramubwira ati: “Rwose muyobozi, reba uko wandengera nzajya nkuzanira ifi ya buri cyumweru. Uvuge ko ndi inyangamugayo, nange ndashaka abagabo b’indarikwa banshinjura.”

Umuyobozi yaramushwishuriye aramubwira ati: “Ahubwo itegure duhurire n’abandi ku karubanda saa kumi zuzuye.” Abaturage bamaze guterana, umuyobozi aha ijambo urega atanga n’abagabo batatu babonye bagura ifi nini. Mu kwiregura, umurobyi icyuya cyaramurenze, atangira kuvuga adidimanga. Abo yari yemereye kugurira inzoga bakamushinjura baramwigurutsa, umugore we azunguza umutwe arimyoza. Yaratsinzwe bamuca indishyi z’akababaro. Abuze ubwishyu, bagurisha ubwato yakoreshaga mu burobyi ndetse bamuha akato. Sogokuru arambaza ati: “Niba wumva, wumvise iki?”

I. Inyunguramagambo

a) **Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu nteruro kandi uyakoreshe mu nteruro zawe bwite.**

1. Ikigembe
2. Uruhindu
3. Amayombo
4. Ibyinshi byotsa amatama
5. Ku karubanda
6. Kudidimanga
7. Guha umuntu akato.

b) **Tahura mu mwandiko amagambo asubiza ibibazo bikurikira. Fora ndi nde cyangwa ndi iki?**

- 1) Ndi umugabo ukuze cyane kandi nkunda kuganira n’abana mbatoza kumenya ubwenge no kwanga umugayo. Ubwo ndi nde kuri bo? Bo ni iki kuri ge?

- 2) Mfite amazuru asohora umwuka utwika ibyuma bikorohera ubicura. Ubwo ndi iki?
- 3) Ibiti mbirya ntabibabarira iyo ngeze mu ishyamba ndaryararika. Ubwo ndi iki?
- 4) Iyo intore zitanyambaye ntizihamiriza kandi iyo zinkandagiye nzitema ibirenge. Ubwo ndi iki?
- 5) Abahigi banyambika imbwa mu ijosi turi mu muhigo zanzunguza inyamaswa zikavumbuka. Ubwo ndi iki?
- 6) Aho mba aha turazirana, nzarya duke ndyame kare. Ubwo nzirana n'iki?
- 7) Ushatse guhinga mu mabuye aranyitabaza kuko aho kungimbisha nyasatura nkaterera hejuru itaka. Ubwo ndi iki?
- 8) Ntunzwe no kujugunya urushundura mu mazi nkazamura ibinyamaga. Ubwo ndi nde?
- 9) Nzabihamya kuko nabihagazeho. Ubwo ndi nde?
- 10) Banyibuka iyo umunyacyaha atsinzwe agomba kwishyura. Ubwo ndi iki?
- 11) Si mu mazi, si imusozi. Mpibera ngenyine kubera amafuti yange. Aho ni he?

II. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Ni ba nde bavugwa muri iyi nkuru?
2. Ubunyangamugayo bw'umucuzi bwamumariye iki?
3. Amaherezo y'umurobyi yaje kuba ayahe?
4. Ruswa ni iki?
5. Ni iyihe ruswa umurobyi yashakaga gutanga?
6. Abatanga ruswa bayiha nde?
7. Igihembo gitaniye he na ruswa?
8. Urakeka ko ari iki cyatumye icyuya kirenga umurobyi wireguraga?

9. Muri uyu mwandiko, urugero duhabwa ni uruhe mu rwego rwo kurwanya ruswa?
10. Ni akahe kamaro k'umuvuba mu buzima bw'umucuzi?
11. Ese igihano umurobyi yahawe urabona kimukwiye? Sobanura igisubizo cyawe mu mirongo itarenze itanu.

III. Gusesengura umwandiko

1. Ni izihe ngingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko?
2. Kuki buri muturarwanda akangurirwa kurwanya ruswa?
3. Ni izihe ngamba zishoboka zafatwa mu kurwanya ruswa?
4. Ni izihe mpamvu zitera abantu gutanga cyangwa kwakira ruswa?

IV. Ibaruwa n'umwirondoro

1. Ibaruwa y'ubuyobozi itaniye he n'ibaruwa ya gicuti?
2. Vuga ibice by'ingenzi bigaragara mu mwirondoro.


V. Guhanga

1. Himba umuvugo wo kurwanya ruswa.
2. Andika itangazo ryo kurangisha igikapu cyawe cyatakaye.

6

Ubukerarugendo

6.1. Dusure Pariki y'Igihugu ya Nyungwe



Mu buzima bw'umuntu ibimera bifite akamaro kanini cyane. Kubjitegereza biraturuhura, bikongerera amaso yacu ubushobozi bwo kubona neza kandi bikatwibagiza ya mirimo yacu ya buri muni akenshi turangiza twaguye agacuho. Ariko uzi guhora wicaye hamwe kandi utarwaye, ugahora utaka umunaniro udashira kandi aho kuruhukira hatabuze? Waje nkagutembereza tukerekeza mu Ntara y'Amajyepfo tugambiriye kwisurira ishyamba rya Nyungwe na Pariki y'Igihugu ricumbikiye? Wari uzi ko icyo cyanya gihereye mu magepfo y'uburengerazuba bw'u Rwanda, muri Afurika yose ngo cyaba ari cyo gifite ishyamba ry'inzitane rimaze igihe kirekire?




Pariki ngiye kugutemberezamo ifite ishyamba kimeza ujya wumva rikaba ririmo amoko menshi y'ibiti, ibyatsi n'ibihuru, n'amoko menshi y'indabo. Ifite ibiti binini by'inganzamarumbo ndetse n'ibivamo imiti ya Kinyarwanda. Ni yo irimo amasoko amwe abyara imigezi myinshi yo mu Rwanda. Isoko y'uruzi rwa Nili na yo ikomoka muri iri shyamba.

Umwihariko w'iyi pariki tugezeho rero ni amoko agera kuri cumi n'atatu y'inguge utasanga ahandi ku mugabane w'Afurika, ari na cyo cyanecyane gikurura ba mukerarugendo bakaba benshi muri iyi pariki.

Ngibyho ibyondi n'amabara yabyo y'umukara n'umweru, ngibyho ibihinyage, ngizo inkomo, inkima, impundu, imikunga, inkende, ngibyho ibishabaga, ngizo galago ntoya n'inini ndetse n'ibitera.

Igitego nguteze rero urakibona niwihera ijisho ikiraro cyo mu kirere, muri metero mirongo itanu uvuye ku butaka. Kiri butume dusura iyi pariki tuyihereye hejuru, tubona amaso ku maso utunyoni ndetse n'utunyamaswa byituriye muri iri shyamba.



Icyo kiraro gifite uburebure bwa metero ijana na mirongo itanu cyubatswe mu gihe cy'amezi umunani.

Ngaho rero nkurikira, nizere ko umunaniro uwushira wose ugacyura amakuru meza ugeza ku bandi, bamwe batinya ubukerarugendo ngo ni ubw'abanyamahanga bo ntububabereye; ubabwire ko n'ibiciro bidakanganye. Nk'Abenegihugu twishyura amafaranga ibihumbi bitanu

by'amanyarwanda. Wongere uvuge uti: "Muge namwe musura Igihugu cyanyu, mwireka ibyiza byacyo byiharirwa n'abanyamahanga."

I. Inyunguramagambo



a) Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.

- | | |
|------------------|---------------------------|
| 1. Kugwa agacuho | 5. Ishyamba ry'inzitane |
| 2. Ubuso | 6. Ishyamba rya kimeza |
| 3. Kugambirira | 7. Igiti k'inganzamarumbo |
| 4. Ubutita | 8. Ikiraro |



b) Koresha aya magambo mu nteruro yawe bwite ukurikije ibisobanuro byayo mu mwandiko:

- | | |
|-------------|------------------|
| 1. Ubuso | 5. Inzamarumbo |
| 2. Ubutita | 6. Ikiraro |
| 3. Inzitane | 7. Kugambirira |
| 4. Kimeza | 8. Kugwa agacuho |

II. Ibibazo byo kumva umwandiko



Nimusubize ibi bibazo byo kumva umwandiko mu magambo yanyu bwite

1. Pariki y'Igihugu ya Nyungwe iherereye he?
2. Muri Pariki ya Nyungwe hagaragaramo ibihe bimera?
3. Muri Pariki ya Nyungwe hagaragaramo izihe nyamaswa?
4. Pariki ya Nyungwe ifite uwuhe mwihariko andi mapariki adafite muri Afurika?
5. Ni akahe kamaro iyi pariki ifitiye Afurika muri rusange n'Igihugu cya Misiri by'umwihariko?
6. Iyi pariki ifitiye Abanyarwanda akahe kamaro?
7. Agashya kari muri iyi pariki ni akahe gatuma isurwa bidasanze?

III. Gusesengura umwandiko



Musubize ibi bibazo bikurikira:

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?
2. Ni izihe ngingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko?
3. Hina uyu mwandiko mu mirongo icumi.

IV. Kungurana ibitekerezo ku byavuzwe mu mwandiko.



Mwungurane ibitekerezo kuri iki kibazo:

Ko ubutaka bwo guhinga bugenda bugabanuka mubona byaba bikwiye ko ubuso bwa za pariki bugabanywa abantu bakabona ubutaka buhagije?

6.2. Ikeshamvugo

Ikeshamvugo ku mwami no ku ngoma



Musome agace k'umwandiko gakurikira maze mutahure amagambo yabugenewe munayashakire ibisobanuro mu mvugo isanzwe.



Mu Rwanda rwa kera, imihango y’abiru yateganyaga ko umwami atagomba kwima ingoma, uwo asimbuye akiriho. Umwami rero yagombaga kubanza gutanga kugira ngo undi yime ingoma. Abami b’u Rwanda babaga bamaze gutanga, batabarizwaga ahantu hatandukanye bitewe n’amazina yabo ya cyami, ndetse n’uburyo batanzemo.

Ikimenyetso k’ibwami cyari ingoma. Ni zo zamubamburaga, yaba atetse ijabiro zikamuvugirizwa, yajya kwibikira zigahumuza. Iyo ingoma zatangiraga gusuka, abantu bamenyaga icyo zimenyeshya bitewe n’umurishyo. Abavuzaga ingoma babitaga abakaraza.

Musubize ibibazo bikurikira:

1. **Aya magambo asobanura iki mu mvugo isanzwe**
 - a) Kwima ingoma
 - b) Gutanga
 - c) Batabarizwaga
 - d) Zamubamburaga
 - e) Kwibikira
 - f) Zigahumuza
 - g) Gusuka
 - h) Umurishyo
 - i) Abakaraza
2. **Aya magambo bayita iki muri rusange?**
3. **Mutahure andi magambo yabugenewe akoreshwa ku mwami no ku ngoma.**

1. Ikeshamvugo ku mwami

Ntibavuga:	Bavuga:
Umurambo w’umwami	Umugogo
Kumubyutsa	Kumubambura
Kumusinziriza	Kumubikira
Kugenda	Kurambagira
Kurya	Kurora
Gupfa	Gutanga

Uburiri bw'umwami	Igisasiro
Inzu y'umwami	Ingoro
Abana b'umwami	Ibikomangoma
Kujya ku ngoma	Kwima ingoma
Kubyuka	Kwibambura
Kuryama	Kwibikira
Kurwara	Kuberama
Kwicara	Guteka
Intebe ye	Inteko
Ingobyi ye	Ikitabashwa
Aho aramirizwa	Ijabiro
Kumuha ikuzo	Kumuramywa
Kujya ku musarane	Gutwikira ibirenge
Kujya kwaka akazi ku mwami	Gushaka ubuhake

2. Ikeshamvugo ku ngoma



Kurangiza kuvuga	Gutunga
Kugurwa	Gukoshwa
Kumanikwa	Kujishwa
Gushyushywa	Koswa
Gufashwa hasi	Kururutsa
Kubazwa	Kuramvurwa
Gushyirwaho impu	Kuremwa
Kwikorerwa	Kuremererwa
Gusoza	Gutaha
Gutoboka	Kubyara
Gufatwa	Gusegurwa
Gusaduka	Kurara
Kumeneka	Kuribora
Abavuzwa ingoma	Abakaraza

Ikeshamvugo rijyanye no kuvuga kw'abantu, urusaku rw'inyamaswa n'ibintu

Umuntu

Umuntu aravuga

Inyamaswa

Inyoni zirajwigira

Inka zirabira

Ihene irahabeba

Intama ziratama

Impongo zirakorora

Igikeri kiragonga

Ingurube irajwigira/irahuma

Impyisi irahuma

Inuma iraguguza

Umusambi urahiga

Imbwa iramoka

Injangwe irahirita

Isake irabika

Imbeba irajwigira

Imfizi irivuga

Intare iratontoma

Ingwe irahara

Inkokokazi irateteza

Inkotsa zirakotsora

Icyanira kiranira

Ibintu

Ingoma zirasuka/ziravuga

Imvura irahinda

Imodoka irahinda

Umuriro urahinda

Umugezi urasuma
Isuka irarangira

Indege irahinda

Ikeshamvugo rijyanye n’ubwinshi bw’inyamaswa n’ibintu

Ikeshamvugo rijyanye n’ubwinshi bw’inyamaswa

Inka nyinshi ziba zigize **ishyo**. (Zigeze ku munani)
Intama, ihene nyinshi ziba **umukumbi**. (Zigeze ku munani)
Ingurube nyinshi ziba zigize **umugana**. (zirenze imwe)
Inzuki nyinshi zikora **irumbo**.
Imbwa nyinshi ziba zigize **umukeno**. (zirenze imwe)

Ikeshamvugo rijyanye n’ubwinshi bw’ibintu

Amashyi menshi aba **urufaya**.
Indirimbo nyinshi ziba **urwunge**.
Amajwi menshi avuga **urwunge**.
Impundu nyinshi zikaba **urwanaga**.

Ikeshamvugo rijyanye n’intaho y’abantu, n’inyamaswa

Ikeshamvugo rijyanye n’intaho y’abantu

Umuntu ataha mu **nzu**.
Umwami ataha mu **ngoro**.

Ikeshamvugo rijyanye n’intaho y’inyamaswa

Inzoka itaha mu **mwobo**.
Impyisi zitaha mu **isenga**.
Imbeba itaha mu **muheno**.
Inyoni itaha mu **cyari**.
Amatungo ataha mu **kiraro**.
Inzuki zitaha mu **muzinga**.
Inkwavu ziba mu **kibuti**.
Inyana zitaha mu **ruhongore**.



Umwitozo



Uhereye ku bumenyi bwawe n'ibyo wize mu ikeshamvugo, huza amagambo ari mu ruhushya rw'ibumoso n'igisobanuro kiri mu ruhushya rw'iburyo ukoresheje akambi.

Umurambo w'umwami	Abakaraza
Abavuzza ingoma	Umugogo
Aho umwami aramirizwa	Kosa ingoma
Kubyuka k'umwami	Kwibambura
Gushyushya ingoma	Ijabiro
Impyisi ntivuga	Irahara
Ingwe ntivuga	Irahuma
Gushyira impu ku ngoma	Kuyisegura
Gufata ingoma	Kuyijisha
Intama ntivuga	Kuyirema
Kumanika ingoma	iratama

6.3. Twigire muri Pariki y'Igihugu y'Akagera



Niba ushaka kwishimisha ukaruhuka imirimo umazemo iminsi, ngwino nkwijyanire gusura Pariki y'Akagera. Turafata umuhanda ugana i Kayonza, nituhagera dukate tugana Nyagatare na Kagitumba ku mupaka. Nitugera ku cyapa k'imbogo i Gabiro turakata iburyo, mu minota mike turaba dutangiye pariki nyirizina.

Nk'uko aya mazina abitubwira, pariki yacu iherereye mu burasirazuba bw'u Rwanda bushyira amajyaruguru. Izina Akagera irikomora ku ruzi rw'Akagera ruhuza igihugu cyacu na Tanzaniya. Iyi pariki yashinzwe mu 1934 hagamijwe guha inyamaswa icyanya cyo kubamo zituje zidatinye kwicwa na ba rushimusi cyangwa abandi.

Ni yo pariki yonyine ushobora kubonamo icyarimwe imirambi n'utununga byamezeho ubwatsi n'ibiti bigufi, ibishanga, ibiyaga n'igice k'ishyamba ritoshye. Ibiyaga birimo Ihema n'ibindi biyaga bito byinshi bikikijwe n'urufunzo rurerure byorohereza inyamaswa kubona amazi yo kunywa.

Yewe, inyamaswa zo zirahari ngo ngwino urebe! Maze agatsinda zose zirashishe kandi zifite umubiri ukeye wagira ngo hari uzuhagira akazisiga! Si gusa ndumva ari Imana izisiga ikazinogereza! Ubwiza bwazo bwararahiriwe, burenga imisozi busingira ibihugu, bureshya ba mukerarugendo bayoboka iy'Akagera.

Mu z'amajanja higanje intare rwabwiga ari yo mwami nyiri ishyamba, ingwe ari yo rwara idatana n'urusamagwe rwagowe ngo rwaba ruhora ruyihetse irushinga inzara ngo rwihute, imbwebwe, imondo, isega, impyisi mahuma, umukara, inkobe, urutoni n'izindi.

Izuba zo ntiwazibara. Si ngaya amashyo y'imbogo rwarikamavubi zihora zizunguza umutwe zijunditse umujinya? Aya si amasasu, izi si inyemera, inimba n'itamu, inkoronko, isatura zahiriwe no kuryiruka nk'izarigabanye ari na ho zakuye akabyiniriro ka burugumesitiri? Izi ni impara n'imparage. Itegereze n'izi twiga ari zo bise musumbashyamba kuko zikurunguruka zigusuhuriza mu bushorishori bw'ibiti. Izindi nyamaswa zikunda kuziba hafi kuko ngo zishobora kubona mbere icyago kije, zaba zihunze n'izindi nyamaswa zikamenya ko zatewe zigashyira bugeri. Ngizi imvubu zirirwa zireremba mu biyaga bihorana ituze, inzovu rwabunga zahawe intebe ku nkombe y'ikiyaga k'Ihema. Na cyo tugisure maze zidusanganize ubwuzu n'urugwiro nk'aho zisanzwe zitubona muri iri shyamba ry'iminyinya n'iminyonza.

Mu biguruka, reba imisambi ihora yasokoje isunzu, kagoma, inkona n'inkongoro bihora birwanira intumbi z'inyamaswa, mukoma, inkware n'inkurakura, inyange n'ibigagari, iswikiri n'ishwima n'izindi nyinshi cyane.

Kuba wahisuriye ukahashima, uzareshye n'abandi bazahasanga byinshi bishimishije: imirambi myiza udaheza ijisho n'utununga twamezeho umukenke inyamaswa zirisha n'amataba ateze adatamba kandi atagira uko asa atakurambira kuyagenda. Iyi migenge n'iminyinya bifatanye urunana, birasa n'ibitwereka ko gucudika atari ibya muntu gusa, ahubwo ko n'ibimera bishobora kutubera urugero mu mibanire yacu. Imikoma, imyiha n'imikenke n'ibindi biti by'inganzamarumbo bidutegereje biteze yombi bisa n'ibitubwira ngo "turakaza neza turisanga." Wanganya iki iri zuba rimurika ibigarama, imisozi n'ibibaya twitegeye aho duhagaze

kuri Hoteri Akagera, wanganya iki aya mahumbezi azanwa n'akayaga kaduhuha kadusuhuza katureshya ngo tutagenda tutahicaye ngo turuhuke?

Pariki y'Akagera ifite umwanya ukomeye cyane mu byiza bitatse igihugu cyacu ikaba n'umutungo kamere w'agaciro kanini cyane. Nimuharanire kuyisura, muzavayo mwishimye.

I. Inyunguramagambo



a) Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.

- | | |
|--------------|-------------------|
| 1. Icyanya | 6. Gusatira |
| 2. Rushimusi | 7. Rwabunga |
| 3. Akanunga | 8. Musumbashyamba |
| 4. Umurambi | 9. Rwarikamavubi |
| 5. Gutoha | |



b) Koresha aya magambo akurikira mu nteruro yawe bwite ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:

- | | |
|-------------|-------------------|
| 1. Icyanya | 5. Rwabunga |
| 2. Gutoha | 6. Rwabwiga |
| 3. Utununga | 7. Rwarikamavubi, |
| 4. Gusatira | 8. Musumbashyamba |



c) Garagaza itandukaniro riri hagati y'amagambo aciyeho akarongo nurangiza uyatondeke ukurikije uko ibyo asobanura bigenda bisumbana mu bunini.

1. Ibiyaga byo mu Kagera bituma inyamaswa zibona amazi yo kunywa.
2. Uruzi rw'Akagera rukomoka mu ishyamba rya Nyungwe.
3. Umugezi wa Nyabarongo uhura n'Akanyaru bigahinduka Akagera.
4. Inyanja ya Mediterane imaze guhitana abimukira barenga ibihumbi icumi.

5. Imodoka zagabanyije umuvuduko ngo zidatera abagenzi ibiziba.
6. Bino bitonyanga birakonje cyane.



d) Mushake mu mwandiko amagambo asobanura kimwe n'aya akurikira:

- | | |
|-------------------|-------------------|
| 1. Icyanya | 7. Kwiruka uhunga |
| 2. Rwabwiga | 8. Mahuma |
| 3. Udusozi tugufi | 9. Rwabunga |
| 4. Rwara | 10. Amadovize |
| 5. Rwarikamavubi | 11. Kurakara |
| 6. Musumbashyamba | 12. Amafu. |

II. Ibibazo byo kumva umwandiko



Nimusubize ibi bibazo byo kumva umwandiko mu magambo yanyu bwite

1. Pariki y'Akagera iherereye he?
2. Yashinzwe ryari?
3. Yashinzwe na nde kandi kubera iki?
4. Pariki bisobanura iki?
5. Ni uwuhe mwihariko w'iyi pariki?
6. Ibimera biboneka muri iyi pariki ni ibihe?
7. Ni izihe nyamaswa ziboneka muri iyi pariki?
8. Iyi pariki ifitiye igihugu cy'u Rwanda akahe kamaro?

III. Gusesengura umwandiko



Musubize ibi bibazo bikurikira:

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?
2. Ni izihe ngingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko?

IV. Kungurana ibitekerezo ku bivugwa mu mwandiko




Mwungurane ibitekerezo ku bibazo bikurikira:

1. Pariki y'Igihugu ya Nyungwe iri ahantu hashobora kwera icyayi.

Mukurikije ibiyivugwaho mu mwandiko, mubona yaba ifite akamaro kurusha uko yahingwa, ubuso iriho bugaterwamo icyayi?

2. Ni izihe ngaruka nziza cyangwa mbi gihinga Pariki byagira?

6.4. Dusobanukirwe n'ingagi muri Pariki y'Ibirunga



Ibirunga bigaragara mu Rwanda birimo Karisimbi, Gahinga, Sabinyo, Muhabura na Bisoke bikaba muri Pariki y'Ibirunga iherereye mu majyaruguru y'uburengerazuba bw'u Rwanda. Ni yo ibonekamo ingagi zo mu misozi cyangwa zo mu birunga. Pariki y'ibirunga irimo urusobe rw'ibinyabuzima nk'ibimera ndetse n'inyamaswa. Ibimera bigenda bitandukana bitewe n'ubutumburuke. Igice cyayo kinini cyateweho ishyamba ry'iriterano, warirenga ukagera ku ishyamba ry'urugano.

Muri rusange iyi pariki irimo amoko menshi y'ibimera harimo n'amoko arinzwe mu rwego mpuzamahanga kuko asigaye hake ku isi. Mu nyamaswa zitari ingagi hari iz'inyamabere nk'inguge zo mu bwoko bw'inkima, inzovu nke, impyisi z'amabara, inyoni, ibikururanda n'imitubu, n'amoko menshi y'udukoko.



Mu mwaka wa 1967, Umunyamerikakazi Dayana Fose (Diana Fossey) uzwi ku izina rya Nyiramacibiri yatangiye gukorera ubushakashatsi ku ngagi muri iyi pariki. Ashinga ikigo cy'ubushakashatsi cya Karisoke cyakoreraga hagati ya Karisimbi na Bisoke. Guhera ubwo, igihe ke kinini akakimara muri pariki yita ku ngagi. U Rwanda rumukeshya kuba yarahesheje agaciro ingagi zo mu Rwanda, asaba ko zitabwaho ku rwego mpuzamahanga.

Yarakoze we watumye tumenya ingagi uko iri, iki kirori gikurura ba mukerarugendo bakava ikantarange baje kukireba no kugisura, amadovize akisuka yisukiranya. Nawe nuyisura muzahura kandi ni byiza ko ujoye uyizi neza. Ingagi n'ubwo zitazi kuvuga no kwandika ngo zisobanure amategeko azigenga mu mvugo cyangwa mu nyandiko, uwitegereje imibereho yazo akabana na zo igihe kirekire yasanze zitabaho mu buryo bubonetse bwose.

Zaba mu gatsiko cyangwa mu muryango, ingagi zimenyamo inkuru n'intoya kandi intoya zikubaha inkuru. Ingagi y'ingabo iruta izindi mu myaka, ubwo iba irengeje imyaka mirongo ine, ni yo iba umukuru w'umuryango. Iyo ishaje cyane itagishobora kuyobora izindi, ingabo yindi isheshe akanguhe iyakira uwo murimo. Ikaba yazitegeka kwimuka nk'iyo aho zabaga hatakiboneka ibyo zirya cyangwa se hatangiye kuboneka abahigi benshi. Ingore na zo zirubahana ku buryo ingore imwe ishobora kuyobokwa n'izindi.

Nanone nk'uko tuvuga ngo umuntu ni we wihesha agaciro n'icyubahiro, ingagi na zo ni ko zibibona. Umutware wazo kugira ngo yubahwe, ni uko aba ayobora neza. Akamenya gutabara ingagi zaguye mu mutego.

Akongera umubare w'ingagi zigize agatsiko, cyanecyane areshya ingore mu tundi dutsiko, zikaba zakwiyizira mu ke. Akagira igitsure gituma yakiza nk'izirwanye cyangwa izenderanyije. Ngo hari igihe iz'ibyana zenderanya zigashaka kurwana kandi wenda zatangiye zikina dore ko ngo zibikunda cyane, nyamara zabona inkuru muri zo cyangwa umutware wazo azirebye ikijisho zikamwara zikabireka.

Ibindi ingagi zifite bitangaje, ni nko kubabazwa n'urupfu rwa mugenzi wazo, kurwaza umurwayi zirinda kumusiga wenyine, kwisokoza ubwoya, cyanecyane ingore, guheka abana bazo mu mugongo, guseka iyo zishimye n'ibindi.

Ingagi zashoboraga kuba zaratsembwe n'abahigi iyo Nyiramacibiri atigomwa byinshi ngo yemere guhara ubuzima bwe azitangire. Nashimirwe kuba yaremeye kuza kwibanira na zo mu ishyamba ryuzuyemo ibisura byinshi, mu mbeho kandi ikabije yo mu birunga, asize ababyeyi n'inshuti muri Amerika.

Ni urugero rwiza kuri mwebwe abakibwiruka, kuko mugomba guhaguruka mugashakashaka namwe mukavumbura.

I. Inyunguramagambo



a) Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.

1. Ikantarange
2. Kuyobokwa
3. Kureshya
4. Igitsure
5. Kwenderanya
6. Kureba ikijisho
7. Kwicuza



b) Imyitozo y'inyunguramagambo

1. **Aya magambo uko ari abirabiri ataniye he?**
 - a) Ikirunga/umusozo
 - b) Ubutaka/ibitaka
 - c) Agaciro/igicro
 - g) Ibirori/ikirori
 - h) Amadovize/amafaranga
 - i) Ingabo/umugabo

- d) Ikigo/urugo
- e) Umuhigi/umushimusi
- f) Ubwoko/amoko
- j) Ingore/umugore
- k) Uburebure/ubutumburuke.

2. Iyo bavuze aya magambo vumva iki?

- a) Urusobe rw'ibinyabuzima
- b) Inyamabere
- c) Ibikururanda
- d) Udukoko
- e) Imitubu
- f) Ibimera
- g) Ibiguruka
- h) Ingugunnyi.

3. Muri aya magambo toranyamo ayo ugenza wuzurisha imbonerahamwe ikurikiraho:

Ingagi, isandi, umusambi, inzovu, umukenke, umunyinya, impongo, twiga, imbeba, urumende, urukwavu, umuntu, inturusu, umwumbati, ishaka, uruyuki, inda, igiheri, impyisi, inkima, ikirunga umusozi, ikigagari, umuko, uruziramire, umubu, urutozi, urucaca, pasipalumu, inshira, ibiyaga.

Ibinyabuzima	Ibimera	Ibikururanda	Udukoko	Ibiguruka	Ingugunnyi	imitubu

II. Ibibazo byo kumva umwandiko



Nimusubize ibi bibazo mu magambo yanyu bwite

1. Pariki y'ibirunga iherereye he?
2. Ifite uwuhe mwihariko ku isi no muri Afurika?
3. Vuga amateka yayo mu mirongo itarenze itanu.
4. Nyiramacibiri ni muntu ki?
5. Ni ibihe binyabuzima biba muri iyi pariki?

6. Ni iki kitwerekako ingagi zifite gahunda mu mibereho yazo?
7. Ni iyihe ngagi itegeka izindi?
8. Zisimburana ryari kuri uwo murimo wo gutegeka?
9. Umutware w'ingagi azenze ate kugira ngo yubahwe?
10. Erekana ukuntu ingagi zijya kugira imico nk'iy'abantu.

III. Gusesengura umwandiko



Musubize ibi bibazo bikurikira:

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?
2. Ni izihe ngingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko?
3. Kora inshamake y'uyu mwandiko mu mirongo icumi


6.5. Menya ubwiza bw'u Rwanda usura ahantu nyaburanga



Ahantu haba nyaburanga kubera ibyiza bibereye ijisho bihagaragara. U Rwanda ni igihugu gitatse ibyiza byinshi kamere byahogoye isi yose. Gitatswe n'imisozi miremire, ibibaya, inzuzi, imigezi n'ibiyaga, inyamaswa z'ingeri zose n'urusobe rw'ibinyabuzima binyuranye. Abagenda u Rwanda bakunda gutungurwa kandi bagatangazwa no kuba rutuwe n'abaturage bafite umuco umwe, ururimi rumwe n'imigenzo imwe. Ibi ni ibintu bidasanzwe mu bihugu byinshi byo ku isi. Ariko kandi uwasuye u Rwanda, kugira ngo arushaho kurumenya kuko ari igihugu kihariye, hari ahantu henshi atakwibuzaga kuba kuko haba hamukurura. Aho ni ho twita ahantu nyaburanga kandi ni henshi.

Aho uzi ibiyaga by'ibivandimwe bya Burera na Ruhondo munsu y'ikirunga cya Muhabura? Uzi ishusho ya Yezu Nyirimpuhwe i Nyarushishi n'ingoro ya Bikiramariya Umunyamibabaro i Kibeho? Nonese niba utaragera mu Rukari ngo urebe inyubako gakondo z'Abanyarwanda uracyakora iki? Wari wabona Muhazi ku mugoroba izuba rirenga? Naho se imirima y'icyayi, ureba ukabona ibereye ijisho! Naho se ibere rya Bigogwe?

Ahantu nyaburanga watemberera mu rwa Gasabo ntiwahavuga ngo uhamareyo. Gusa, aho ni hamwe mu ho twarambagije wasura uramutse ubonye akanya. Nawe kandi habaye hari aho uzi ntubuzwa kuharatira bagenzi bawe ubagezaho uko wahasanze. Mu hantu nyaburanga wavuga ntiwakwibagirwa Pariki y'Igihugu y'Ibirunga na Pariki y'Igihugu y'Akagera. Niba utararabukwa ibirunga ngo ube warabonye ingagi waratanzwe. Kugukumbura ni ukukwereka amashusho nawe ukaribagira. Iyi ni ingagi ibangikanye n'ikirunga cya Karisimbi, kimwe gisumba ibindi biri kumwe nka Gahinga, Sabyinyo, Muhabura na Bisoke kuko kiri ku butumburuke bwa metero 4.507. Iri sunzu ryererana si imvi cyangwa ifu y'imyumbati, ahubwo ni yo masimbi ujya wumva atamirije impinga ya Karisimbi ari na ho iryo zina rituruka.



Ukiri aha mu majyaruguru, ntiwabura no gusura amashyamba mu Karere ka Rubavu. Gusa si ho abarizwa honyine kuko uyasanga no mu Karere ka Karongi n'aka Rusizi. Amashyamba ni amazi ashushye aturuka hasi mu butaka akagera hejuru arimo kubira. Ugize amahirwe wese yo kuyasura asanga ari ibintu bitangaje. Abaturije amashyamba mu myemerere yabo, bavugaga ko afite izindi ngufu zihariye, ngo abavura indwara zinyuranye zirimo inzoka zo mu nda, amavunane, rubagimpande, indwara z'imitsi, n'izindi ndwara, akaba ari yo mpamvu usanga abantu

b'ingeri zose bayidumbaguzamo, bayagaramamo abandi na bo bayavoma bakayajyana mu ngo zabo. Bamwe mu babasha kuyasura usanga bayotsamo ibiribwa nk'ibijumba, imyumbati, ibitoki byashya bakabisomeza ayo mazi ashyushye.




Wari wabara iki se ntarakugeza ku Karwa k'Amahoro. Wageze mu Karere ka Karongi, ukaza utagasuye nta mahoro wagira bitewe n'uko usanga abantu babyiganira mu bwato butwara abakajyaho. Ngaho irebere nawe uvuge ahandi wabonye heza nk'aha hantu.

Wageze ku Karwa k'Amahoro unyurwa n'akayaga gahuhera gaturuka mu kiyaga cya Kivu. Ni wo mutima w'uburanga n'ubwiza bw'iki kiyaga. Aka karwa kari mu Kivu hagati, mu rugendo rw'iminota nka 20 mu bwato uvuye ku nkombe. Ni kamwe mu turwa 16 turi mu Karere ka Karongi. Iyo wagasuye ureba zimwe mu nyamanswa zirimo inkende ukanabasha kwitegera ikiyaga neza ureba n'amashyamba meza yakimezeho. Wahageze ntiwabura kuhifotoreza ngo ubike urwibutso rw'ibihe bidasanzwe wahagiriye.

Nanone ubwo wageze ku Kivu menya ko kiza ku mwanya wa gatandatu mu bunini muri Afurika. Ntuhave utageze ku mucanga ngo wumve akayaga gahuha gahuhera kagaba ituze ritaha ku mutima nk'uko umuririmbyi yabicuranze. Ntuziteshe kugarama mu ntebe zihateguye zigutegereje ngo witegereze amazi y'urubogobogo afata ibara rihindagurika bitewe n'ikirere. Uzambwire ko hari ahandi nka ho wabonye.

Inyubako ndende cyane wabonye kugeza ubu ni iyihe niba utaragera muri Kigali?



Uwo munara w’Umujyi wa Kigali wawucaho utararamye ngo urebe ukuntu ibicu byiruka ku ijuru ukitaza uwuhunga ugira ngo ukuguye hejuru? Ngaho ihere ijisho umbwire ko atari ikirori? Benshi mu basura Kigali batayiheretse bavuga ko uyu mugu ugenda utera imbere cyane. Hari abavuga ko batungurwa cyane n’inyubako nyinshi nziza zigenda zirushaho kwiyongera. Umunara w’Umujyi wa Kigali (Kigali City Tower) ni wo muturirwa usumba iyindi muri Kigali. Ufite inyubako 18 zigerekeranye ukaba mu nyubako nziza ziheruka kubakwa vuba aha.

Reka tunyanyarukire mu Rugando ku Kimihurura turahasanga Kigali Komveshoni (Kigali Convention Center) n’icyumba cyayo k’inama ifite ishusho imeze nk’iy’inzu nyarwanda ya gakondo, yihinduranya amabara iyo bumaze kwira! Aha gakondo yahujwe na kiyambere maze amata abyara amavuta! Erega iyo nzu ni yo yakiriye inama ya 27 y’Abakuru b’ibihugu bigize Umuryango w’Ubumwe bw’Afurika kuva ku itariki ya 10 kugeza ku ya 18 Nyakanga 2016.

Nakubwiye ko uwarata ahantu nyaburanga mu Rwanda ataharangiza. Gusa reka tunyanyarukire no ku ngoro y’ Ubugeni n’Ubuhanzi iri i Nyanza mu Rukari. Nitugerayo turahasanga byinshi kandi bishya birimo inka z’inyarwanda zizwi ku izina ry’“Inyambo”. Hari n’abatahira benshi bazitaho bavuga amazina y’inka bakanaririmbira abashyitsi amahamba

mu ngoro y’umwami. Ayo mahamba n’amazina y’inka hamwe n’imurikwa ry’inyambo ni ibyongera kwerekana ko uhasanga umuco nyarwanda ukawibonera n’amaso imbona nkubone. Turanasobanurirwa neza iby’umunsi w’umuganura wizihizwa muri Kanama buri mwaka. Uwo munsi ugaragaza imigenzo n’imihango yakorwaga ibwami no mu mpande zitandukanye z’igihugu. Turanasura icyumba cy’abana kiswe “Reka gikure”, cyakira cyanecyane abana bari hagati y’imyaka ine na cumi n’itanu, hagamijwe gutuma bagira ubumenyi mu bijyanye n’imibanire, umuco n’ubuhanzi bizanwa n’amatsiko, guhimba, kwibaza n’ubumenyi rusange bw’abana. Turasura n’ibihangano bishushanyije by’abana b’Abanyarwanda byuzuye mu bice bimwe by’iki cyumba kugira ngo tuzabone uko tubishishikariza abana b’Abanyarwanda.

Ducumbikiye aha atari uko aho dusura hashize. Turashaka kuguha umwanya ngo nawe utubwire aho watugereye ari ho huzuzwa uru rugendo rwo kurambagira igihugu cyose. Ngaho haguruka ukigende, ukizenguruke ukimenye neza uzabone icyo ubwira abandi, ejo ba mukerarugendo batakikurusha kandi warakivukiyemo. Ugire urugendo ruhire!

I. Inyunguramagambo



a) Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.

- | | |
|----------------|--------------------|
| 1. Guhogoza | 14. Rubagimpande |
| 2. Gukurura | 15. Kwidumbaguza |
| 3. Kumarayo | 16. Gusomeza |
| 4. Kurambagiza | 17. Kubara |
| 5. Kurabukwa | 18. Akarwa |
| 6. Gukumbuza | 19. Kwitegera |
| 7. Kuribagira | 20. Akabyiniriro |
| 8. Kubangikana | 21. Kurambagira |
| 9. Gutamiriza | 22. Amahamba |
| 10. Amasimbi | 23. Amazina y’inka |
| 11. Amashyuzwa | 24. Umutahira |
| 12. Ingeri | 25. Umuganura. |
| 13. Amavunane | |



b) **Koresha aya magambo akurikira mu nteruro wihimbiye ukurikije icyo asobanura mu mwandiko:**




- | | |
|----------------|-----------------|
| 1. Guhogoza | 6. Kwidumbaguza |
| 2. Kurambagira | 7. Gusomeza |
| 3. Kuribagira | 8. Kwitegera |
| 4. Gutamiriza | 9. Kurambagiza |
| 5. Amashyuza | 10. Umuganura. |

II. Ibibazo byo kumva umwandiko



Nimusubize ibi bibazo byo kumva umwandiko mu magambo yanyu bwite

1. Ahantu nyaburanga twabonye hagaragara iki kihariye?
2. Pariki n'ahantu nyaburanga bitaniye he?
3. Pariki n'ahantu nyaburanga bimariye iki igihugu cyacu?
4. Toranya muri aya mashusho akurikira afite aho akwibutsa wasomye mu mwandiko.



III. Gusesengura umwandiko



Musubize ibi bibazo bikurikira:

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?
2. Ni izihe ngingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko?


IV. Kungurana ibitekerezo



Mwungurane ibitekerezo kuri iyi nsanganyamatsiko:

Utekereza iki kuri iyi nteruro: “Ubwiza bw’ahantu cyangwa bw’ikintu buba mu ijisho ry’uhareba cyangwa ukireba.” Tanga ingero zumvikanisha neza igitekerezo cyawe.

6.6. Kwita ingagi izina bisiga akayabo k’amafaranga



Umunsi wo kwita abana b’ingagi izina wizihirizwa mu Kinigi mu birometero cumi na bitanu uturutse mu mugi wa Musanze. Iki gikorwa abaturage baturije Pariki y’Ibirunga bakigiramo uruhare bafatanyije n’abashyitsi

baba bitabiriye uwo muni. Ubuheruka uyu muni wabanjirijwe no gutaha isomero ry'Umurenge wa Kinigi nk'igikorwa kegerejwe abaturage kivuye mu gusaranganya inyungu z'ibiva muri pariki.

Mu gihe k'icyumweru hatanzwe ibiganiro ku kurinda urusobe rw'ibinyabuzima, hatahwa ibikorwa remezo byubatswe n'lkigo k'Igihugu Gishinzwe Iterambere (RDB) ku mafaranga kigenera abaturage baturaye pariki, n'amasosiyete agera kuri mirongo itandatu y'abikorera akorana na ba mukerarugendo abajyana gusura mu Rukari, Kibeho, Nyungwe na Pariki y'Akagera.

Usibye abaturage, kwita izina byitabirwa kandi n'abashyitsi bavuye imihanda yose. Haba hari ba mukerarugendo n'abandi b'ubusa binjiza amadovize mu Gihugu n'imifuka y'abakozi babitaho ikarushaho kubyibuha. Mbese kwita izina abana b'ingagi ni umuni ukomeye by'umwihariko ku Banyamusanze. Ari abanyabugeni, ari abahoze ari ba rushimusi muri Pariki y'Ibirunga bagera kuri magana inani bibumbiye mu makoperative y'ubukorikori n'ubugeni, ari abanyamahoteri n'abatwara ba mukerarugendo, bakorera amafaranga atandukanye n'ayo bakorera mu bindi bihe. Abo ba rushimusi bigishijwe ubukorikori n'ubugeni none burabatunze n'imiryango yabo.

Kuri uwo muni, abanyabugeni n'abanyabukorikori bacururiza ku muhanda uva Musanze ugana mu Kinigi bunguka amafaranga menshi, ku buryo buri wese ashobora kwinjiza ibihumbi ijana na mirongo itanu.

Mu mahoteri usanga ibyumba byashize, ibiryo bikaribwa, inzoga zikanyobwa. Mbese ibintu byose biba bigenda neza cyane, n'abahinzi bakabona isoko ry'umusaruro wabo kuko amahoteri aba akeneye ibyo kugaburira abo bashyitsi. Ikindi, amasosiyete atwara ba mukerarugendo na yo abona akazi kenshi bitandukanye n'indi minsi. Mu Mugi wa Musanze ndetse no mu Murenge wa Kinigi ufatwa nk'igicumbi cy'ubukerarugendo habarurwa amahoteri agera kuri makumyabiri acumbikira cyanecyane ba mukerarugendo.

Ubukerarugendo bukorerwa muri Pariki y'Ibirunga bwahinduye ubuzima bw'abantu bagera ku gihumbi na magana atanu, bubaha akazi hafi ya bose bakesha amaramuko yabo ya buri muni. Muri bo hari abatwaza ibikapu ba mukerarugendo n'abakora ibikorwa by'ubukorikori n'ubugeni.

Inyungu zikomoka kuri pariki zigera ku baturage bose bayituriye. Miriyoni zisaga ijana na cumi zashowe mu bikorwa remezo nk'amashuri, imiyoboro y'amazi ndetse n'amashyirahamwe y'abaturage yongererwa ubushobozi. Imirimo yose ijyanye n'ubukerarugendo yaba iyo mu mahoteri cyangwa iyo kubaka urukuta rubuza inyamaswa konera abaturage ikorwa n'abatuye mu murenge wa Kinigi. Uyu murenge wahawe imiyoboro y'amazi kandi wubakirwa amashuri meza ubikesha iryo saranganya ry'inyungu z'ibiva muri pariki. Kubera iyi poritiki yo gusaranganya inyungu z'ibiva muri pariki yatangiye muri 2005, abayituriye barushijeho kubona ko ari iyabo bagira uruhare mu kuyibungabunga, bishimira ibyo yabagejejeho.

Akamaro k'ubukerarugendo mu Rwanda rero ni ntagereranywa kuko igihugu kihungukira byinshi birimo kugaragaza isura nziza mu iterambere, ubukungu n'umutekano. Gusa hari ibintu by'ingenzi bigomba kwitabwaho kugira ngo ubukerarugendo butadindirira n'ibyo bwari butegerejweho bikagenda nka Nyomberi.

Gukurura ba mukerarugendo bisaba kubizeza umutekano no kubakira neza. Umuntu ukeneye kureba ingagi zo mu Birunga nta handi yazibona ataje mu Rwanda. Ahaza kuko ashobora kuhabona umutekano usesuye. Nta mukerarugendo waba afite amakuru y'uko ahantu runaka hatari umutekano usesuye ngo abe yafata umwanzuro wo kuhatemberera azi neza ko ashobora kuha girira amakuba.

Abaturage ndetse n'abanyeshuri bakeneye kumenya akamaro k'ubukerarugendo n'uruhare rwabwo mu guhindura ubuzima bwabo n'ubw'igihugu. Ubukangurambaga bugomba gukorwa ubutitsa ngo bamenye uko bitwara imbere y'ababasura n'imbere y'imico mishya bababonaho.

Guteza imbere ubukerarugendo ni no gukangurira abanyagihugu gukunda gusura ibyiza bigititse. Ntibikwiye kumva ko umukerarugendo ari umuntu uturutse mu bihugu bya kure gusa. Ibyiza nyaburanga bitatse igihugu ntibikwiye kuba umwihariko w'abanyamahanga cyanecyane abazungu. N'abenegihugu bakeneye gutembera no kwinezeza. Ni yo mpamvu abanyagihugu akenshi bagabanyirizwa igiciro cyo gutemberera ahari ibyiza nyaburanga ugereranyije n'abanyamahanga.

I. Inyunguramagambo



Koresha mu nteruro zawe bwite amagambo akurikira:

1. Gukeshya amaramuko
2. Kudindira
3. Ubukangurambaga
4. Ubutitsa
5. Inzitizi
6. Kugenda nka nyomberi

II. Ibibazo byo kumva umwandiko



Hitamo igisubizo kiri cyo muri bitatu byatanzwe kuri buri numero.

1. **Umunsi wo kwita izina abana b'ingagi uba ugamije:**
 - a) Guhuza abatariye Pariki y'Ibirunga mu birori bakishima bakarya bakanywa.
 - b) Guteza imbere ubukerarugendo no kwinjiriza igihungu amadovize atuma giteza imbere ibikorwa remezo bitandukanye.
 - c) Kurwanya ba rushimusi bangiza Pariki y'Ibirunga.
2. **Ubukerarugendo bufitiye inyungu:**
 - a) Leta yonyine yo yakira amadovize.
 - b) Abatariye pariki bo binjiza amafaranga bakura ku banyamahanga.
 - c) Abanyarwanda bose kuko amadovize yinjijwe akoreshwa mu gutunganya ibikorwa remezo bidufitiye akamaro twese.
3. **Igituma ba mukerarugendo bakunda u Rwanda ni uko:**
 - a) Rwateye imbere mu bukungu
 - b) Abaturage bavuga ururimi rumwe
 - c) Hari umutekano usesuye kandi bakaba banakirwa neza
4. **Ubukerarugendo bufitiye akamaro kanini ubukungu bw'u Rwanda kuko:**
 - a) Bugaragaza isura nziza yarwo.
 - b) Burata ubukungu bwarwo.
 - c) Bwinjiza amadovize menshi.

5. **Kugira ngo ubukerarugendo burusheho guteza imbere ubukungu bw'u Rwanda:**
 - a) Abanyarwanda bose bogomba kububonamo akazi.
 - b) Hagomba gukoramo abantu babihugukiwe kandi babyigiye.
 - c) Hagomba kongerwa ibiciro ku basura pariki.
6. **Umukerarugendo ni:**
 - a) Umunyamahanga gusa uvuye kure uzerera areba imisozi n'amashyamba.
 - b) Umuntu wese wirirwa azerera bwakwira akarara ku gasozi cyangwa mu ihoteri.
 - c) Umunyamahanga cyangwa umwenegihugu utanga amafaranga kugira ngo asure ibyiza nyaburanga biri mu gihugu mu rwego rwo gutembera no kwinezeza.
7. **Abaturage bahugurirwa ubukerarugendo kugira ngo:**
 - a) Bage bitondera abazungu batembera igihugu batabaha amafaranga ava mu iterabwoba.
 - b) Basabe amadovize abanyamahanga barebye ibintu byabo.
 - c) Bamenye uko bakira neza ba mukerarugendo n'uko bacagura mu mico babazanira bagafata itabatesha agaciro.
8. **Ibiciro by'ubukerarugendo biba bito ku benegihugu:**
 - a) kuko nta mafaranga bagira.
 - b) kuko baba bareba ibintu by'iwabo.
 - c) kugira ngo barusheho kubwitabira.
9. **Mu birori byo kwita izina abana b'ingagi:**
 - a) Nta ba mukerarugendo baba barimo.
 - b) Nta mafaranga baca kuko aba ari umunsi mukuru.
 - c) Hinjizwa amafaranga n'andi y'ubusa.
10. **U Rwanda, Uganda na Kenya byashyizeho urwandiko rw'inzira rumwe:**
 - a) Kuko biri mu Muryango w'Ubukungu w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba.
 - b) Kugira ngo byongere ibyinjizwa n'ubukerarugendo bityo n'ababonamo akazi biyongere ku buryo bugaragara.
 - c) Kuko bifite umugambi wo guhinduka igihugu kimwe.

11. Kwita izina byitabirwa:

- a) N’abanyamusanze gusa.
- b) Na ba mukerarugendo bonyine kuko ari bo biba byateguriwe.
- c) N’abantu bavuye hirya no hino.

III. Gusesengura umwandiko



Musubize ikibazo gikurikira:

Ni izihe ngingo z’ingenzi ziri muri uyu mwandiko?

IV. Kungurana ibitekerezo



Mwungurane ibitekerezo ku kibazo gikurikira:

Musanga hakorwa iki kugira ngo Abanyarwanda barushaho kwakira neza ba mukerarugendo kandi banasobanukirwe n’akamaro k’ubukerarugendo ku Gihugu cyacu?

V. Umwitozo w’ubumenyi ngiro



Shushanya ikarita y’u Rwanda ushyiremo ahantu nyaburanga hatanu mu ho wavumbuye mu myandiko wize.

6.7. Ubwoko bw’amagambo adahinduka: icyungo



Soma aka gace k’umwandiko maze uvuge imiterere n’umumaro by’amagambo yanditse atsindagiye.

Nubwo amagambo yavugwaga bwose, **nubwo** amatorero anyuranye yakomeje kwiyereka **ndetse** n’intore zigahamiriza, nakomeje gutekereza no kwibaza kuri izo ngagi n’ibyo zakoraga nsanga bitangaje. **Niko** kwibwiriza negera umwarimu wigisha ku kigo cyacu **ngo** ansobanurire ibyo nakomezaga kubona. Namubajije ukuntu utwo twana tw’ingagi turi bumenye kwisubiza mu rugo

kandi tutazanye **na** za nyina. Na we ntiyantengushye yampaye igisubizo gisobanutse **ko** izo nitaga ingagi zitari zo **ahubwo** bari abana b'abantu bambaye **nk'**ingagi. Bakaba bari bahagarariye ingagi nyirizina **kuko** zo zitashoboye kuza mu birori.

Ibibazo byo gusubiza:

1. Ubona amagambo yanditse atsindagiye afite uwuhe mumaro mu nteruro? Wajita iki?
2. Shaka andi magambo akoreshwa kimwe n'aya ku buryo yajya mu bwoko bumwe.

Inshoza y'icyungo

Icyungo ni ijambo ritagoragozwa rihuza amagambo abiri afitanye isano: izina n'irindi zina, ntera n'indi, inshinga n'indi nshinga, ikinyazina n'ikindi kinyazina cyangwa rigahuzwa ibice by'interuro.

Amagambo aba adahinduka iyo yandikwa kimwe buri gihe. Ni ukuvuga ko adashobora kugoragozwa. Ijambo ritagoragozwa ni iridashobora kugira inteko, rigahora ari rimwe ryaba riherekeje ijambo riri mu bwinshi cyangwa riri mu bumwe. Rero ibyungo biri mu magambo adahinduka.

Ibyungo birimo amoko abiri:

1. Ubwoko bwa mbere ni ubw'ibyungo biva mu nteruro igahindura igitekerezo cyangwa ikagitakaza.

Gereranya izi nteruro ebyirebyiri:

- a) – Aririmba nk'ufite agahinda. (Ufite agahinda na we baririmba kimwe.)
 - Aririmba ufite agahinda. (Ufite agahinda ni we aririmba.)
- b) – Yandakariye boshye mbifitemo uruhare. (Nta ruhare mbifitemo ariko ntibyamubujije kundakarira.)
 - Yandakariye mbifitemo uruhare. (Afite impamvu zo kundakarira kuko mbifitemo uruhare.)

Mu nteruro za kabiri muri aya matsinda yombi y’interuro, nta gereranya ririmo kuko icyungo “nka” cyavuyemo. N’ibisobanuro byazo bitandukanye n’ibisobanuro by’interuro za mbere kuko bivuga ibindi.

2. Ubwoko bwa kabiri ni ubw’ibyungo biva mu nteruro ntihindure igitekerezo.

Gereranya izi nteruro zikurikira ebyirebyiri zikurikirana.

- a) – Urahinga kandi ushonje?
 - Urahinga ushonje?
- b) – Yandebye maze araseka.
 - Yandebye araseka.
- c) – Arabwirwa ariko ntiyumva.
 - Arabwirwa ntiyumva.

Izi nteruro uko zikurikirana, ebyirebyiri zisobanura kimwe zaba zirimo ibyungo: “kandi”, “maze” na “ariko” cyangwa bitarimo.

Amatsinda y’ibyungo akurikije igisobanuro cyabyo

1. Icyungo **na** kifashishwa mu kunga cyangwa guhekeranya no kwifashisha.

Ingero:

- a) Kalisa **na** Mulisa ni impanga.
- b) Intare **n’ingwe** ni inyamaswa z’inkazi.
- c) Agenda **n’igare** iyo agiye ku kazi.

Ikitonderwa:

Icyungo **na** kigira impindurante **no** ikoreshwa imbere y’imbundo, y’indangahantu n’imbere y’umugereka w’ahantu:

- a) Kuzamuka **no** kumanuka birabusanye.
- b) Yambujije ibwami **no ku** karubanda.
- c) Aracisha hepfo **no** haruguru!

2. **Ibyungo byifashishwa mu kugereranya: nka, boshye:**

- a) Agenda **nk’uwenda** kugwa.
- b) Yikorera **nka** ruvakwaya.
- c) Arakorora **boshye** impongo!

3. **Ibyungo byuzuzza: ko, ngo**
 - a) Ndashaka **ko** muva hano.
 - b) Aravuze **ngo** mukore mutikoresheje.
4. **Ibyungo byifashishwa mu guhitamo: cyangwa, keretse**
 - a) Birye **cyangwa** ubireke nta byo wahinze.
 - b) Sinumva **keretse** uvuze cyane.
5. **Ibyungo byifashishwa mu kubangikanya cyangwa mu kubusanya: uretse ko, nyamara, nkanswe**
 - a) Ndamukunda **uretse ko** atabizi.
 - b) Urangaya **nyamara** ntundusha guhinga neza.
 - c) Nange byansinze maze iminsi niga **nkanswe** uriya udaheruka kureba mu ikaye!
6. **Ibyungo byifashishwa mu kongeraho: kandi, ndetse**
 - a) Ariga **kandi** agakora muri hoteri.
 - b) Ndamwirukana **ndetse** noye kumuhemba.
7. **Icyungo kiziganya: iyo**
 - **Iyo** mbimenya simba naje.
8. **Ibyungo byifashishwa mu kuvuga impamvu cyangwa inkurikizi: kuko, kugira ngo, none**
 - a) Yibye **none** baramufunze.
 - b) Ruhuka **kuko** wakoze.
 - c) Ndaje **kugira ngo** dufatanye.
9. **Icyungo kifashishwa mu kwivuguruza: nako**
 - Mpereza, **nako** mperekeza ndagiye.

Umwitoto

Simbuza utudomo dutatu icyungo gikwiye ukuye muri ibi bikurikira: na, no, nko, nka, nkanswe, keretse, cyangwa, kuko, nako, none, kugira ngo, ndetse, kandi

1. Kamana ... Safari baravukana.
2. ... inyange zirapfa ... ibyiyone!
3. Ntira ... ntiza igare nyarukire ku maduka.
4. Yanze kuza ... namutumiye.

5. Aragenda ... ku rukuta akubitaho agahanga!
6. Namuzanye ... umubaze icyamuteye kwivumbura.
7. Nta kica ... irungu.
8. Yasize akinze ... urufunguzo ararubuze.
9. Nta cyo nakora ... ubanje kunsobanurira.
10. Ntiwandenganya ... waje utanteguje.
11. Genda ... urorere.
12. Erega hano mwahahinduye ... mu kabari!
13. Nibishoboka ndaza kugusura ... nkuzanire n'umwuzukuru wawe.

6.8. Nagiye mu muhango wo kwita izina abana b'ingagi



Ku wa kabiri tariki ya 1 Nyakanga 2014, mu Kinigi mu Karere ka Musanze, habereye ku nshuro ya cumi umuhango wo kwita izina abana b'ingagi cumi n'umunani.

Najyanyeyo n'abandi banyeshuri twigana mu mwaka wa gatandatu. Uwo muni wahuriranye n'ikiruhuko kuko twizihizaga umuni mukuru w'ubwigenge bw'Igihugu cyacu. Ari abanyeshuri ari n'abaturage twese twari twabukereye. Gusa icyanashimishije cyane ni uko umuntu wese wabaga yahageze yahabwaga icyo kurya n'icyo kunywa nta vangura, kandi buri wese akanywa icyo ashaka. Uyu mwaka, insanganyamatsiko yagenewe umuhango wo Kwita Izina ni "Kubungabunga ibidukikije haterwa inkunga abafatanyabikorwa mu kurinda umutungo kamere wacu." Ni mu gihe ingagi zo mu birunga zizwiho gukurura ba mukerarugendo benshi bava mu bice bitandukanye by'isi. Igituma duhamagarirwa kubungabunga ubuzima bwazo ni uko zisigaye hake ku isi, harimo aha muri Pariki y'Ibirunga, ihuriweho n'ibihugu by'u Rwanda, Repubulika Iharanira Demukarasi ya Kongo na Uganda.

Kuva mu gitondo kugeza hafi saa tanu z'anywa, mu muhanda uva mu mugwi wa Musanze werekeza mu Kinigi abantu bari uruvunganzoka, bagenda umwe ku wundi, kandi bose bishimye. Mu gihe twari tugitegereje abayobozi, abitabiriye ibirori bagendaga bahabwa icyayi, ababishoboye bagafata agakawa, kuko mu Kinigi haba imbeho nyinshi cyane. Hari amatorero n'andi y'ubusa yakomezaga gusimburana asusurutsa abantu bari bateraniye aho.



Hari intore, abahanzi batandukanye baririmba ku giti cyabo ndetse habaye n'irushanwa ryo kubyina. Byatumye mbona abahanzi batandukanye imbonankubone, kuko ubundi najyaga numva kenshi indirimbo zabo kuri radiyo. Nahise numva nange ngomba kuzaba umuhanzi.

Abayobozi bamaze kuhagera, buri wese mu bafashe ijambo yashimiye abitabiriye uwo muhango anasaba imbaga yari iteraniye aho guharanira ubusugire bw'ingagi cyanecyane ko zinasigaye hake cyane ku isi. Nyuma yaho hakurikiyeho kwita amazina abana b'ingagi. Nge njyayo sinumvaga ukuntu ingagi ziza kuza zikajya mu birori maze bakazita amazina zarangiza zigataha mu ishyamba. Ihurizo rikomeye ryari ukuntu abana b'ingagi bari buze cyangwa niba turi bubasange mu ishyamba. Namwe se si ko mwabikekaga? Mbandikiye iyi nkuru ngo abatarahageze mwumve uko byagenze.

Abana b'ingagi ntaramenya ko bari abana b'abantu bihinduye ingagi nagiye kubona mbona barahasesekaye, bajya mu myanya. Nahise ntangara cyane ndiyamira. Uwo bajyaga kwita izina yaratambukaga akigira imbere abantu bakamubona bakamufotora. Natangajwe cyane n'uburyo ingagi zizi ubwenge nk'ubw'abantu neza neza. Zimwe bamaraga kuzita zigaseka, zikigaragura aho mu kibuga ndetse zikadukorera n'amasiporo, tukazikomera mu mashyi twishimye. Na zo zikishima, zarangiza zikamenya gusubira mu mwanya wazo!

Nakomeje gutangara ntangarira utwo tugagi duto, uko twumvira n'uko twubahiriza ibijyanye n'umuhango nk'aho ari abantu! Iyo bahamagaraga yigiraga imbere bakavuga se na nyina, barangiza kuyita izina igasubira mu mwanya wayo, hakaza indi. Natangajwe no kumva abanyamahanga bita ingagi amazina y'Ikinyarwanda. Ayo nibuka ni "Birashoboka, Masunzu, Ndengera, Imikino, Inkindi, Nkurunziza, Nakure na Nkundurwanda, Twiyubake na Kwigira, Isange, Tebuka, Ubukombe na Mboza."

Mu magambo yahavugiye igikorwa kigana ku musozo, hibanzwe cyanecyane ku kamaro Pariki y'Ibirunga ifitiye abayituriye n'ubufatanye bugomba kuba hagati y'abaturage n'ubuyobozi kugira ngo umusaruro itanga urusheho kubageraho no kubagirira akamaro. Mu bikorwa

bakesha uwo musaruro harimo kubaka amashuri, kugeza amazi meza ku baturije ibirunga n'ibindi. Abanyarwanda bakanguriwe kurushaho gusura ingagi cyanecyane ko bafite amahirwe yo kuba muri bake bazisigaranye ku isi. Umunyanijeriya yavuze ko ingagi z'iwabo baziriye bakazitsemba twese tugwa mu kantu! Rubanda rurarya da! N'ukuntu ingagi iteye neza neza nk'umuntu bagatinyuka bakayirya? Yewe, agahugu umuco n'akandi umuco koko!

Mbere y'uko intore zihamiriza ngo zisoze ibirori byacu nk'uko bisanzwe mu Kinyarwanda, umushyitsi mukuru, umugabo munini w'amasoso wambaye n'amataratara, yahawe ijambo yongera gushimangira ko ingufu zizakomeza gushyirwa buri muni mu kurushaho kubungabunga ubusugire bw'ingagi zo mu birunga. Ni n'icyo cyansigayemo cyonyine!

Nubwo amagambo yavugwaga bwose, nubwo amatorero anyuranye yakomeje kwiyereka ndetse n'intore zigahamiriza, nakomeje gutekereza no kwibaza kuri izo ngagi n'ibyo zakoraga nsanga bitangaje. Niko kwibwiriza negera umwarimu wigisha ku kigo cyacu ngo ansobanurire ibyo nakomezaga kubona. Namubajije ukuntu utwo twana tw'ingagi turi bumenye kwisubiza mu rugo kandi tutazanye na za nyina. Na we ntiyantengushye yampaye igisubizo gisobanutse ko izo nitaga ingagi zitari zo ahubwo bari abana b'abantu bambaye nk'ingagi. Bakaba bari bahagarariye ingagi nyirizina kuko zo zitashoboye kuza mu birori.

Nange ngatangare ukuntu inyamaswa yitwara nk'umuntu kuva ibirori bitangira kugera birangira! Ubwo ni bwo nasobanukiwe, naho ubundi nari ngiye gutaha numva ko ingagi ari abantu neza neza.

Uko bimeze kose byari bishimishije, nawe nubona akanya ibirori by'ubutaha ntibizagucike.

I. Inyunguramagambo



a) Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:

1. Twari twabukereye
2. Insanganyamatsiko
3. Uruvunganzoka
4. Gususurutsa
5. Gusesekara
6. Kwiyamirira
7. Agahugu umuco akandi umuco
8. Kwiyereka
9. Gutenguha.



b) Koresha, mu nteruro, aya magambo akurikira:

1. Twabukereye
2. Kwiyereka.

II. Ibibazo byo kumva umwandiko



Musubize ibi bibazo byo kumva umwandiko mu magambo yanyu bwite:

1. Ibirori bivugwa mu mwandiko bishingiye ku ki?
2. Ibyo birori byabereye he kandi byitabirwa na ba nde?
3. Uyu muhango ko ukorwa buri mwaka uba ugamiye iki?
4. Sobanura muri make uko umuhango wo kwita izina abana b'ingagi ugenda.
5. Mu mazina yahawe ingagi haragaragaramo ibihe byifuzo?
6. Ni iki gishobora kuba cyaratumye ingagi z'ahandi zicika?
7. Kuki utubwira iyi nkuru yavuze aya magambo ngo “agahugu umuco akandi umuco”?
8. Ubara iyi nkuru ni muntu ki?
9. Ikibazo yakomeje kwibaza ni ikihe? Yaje kugisubizwa ate?
10. Ubutumire aduha asoza inkuru ye ni ubuhe?

III. Gusesengura umwandiko



Musubize ibi bibazo bikurikira:

1. Erekana ibice by'ingenzi bigize uyu mwandiko, uvuge aho buri gice gitangirira n'aho kirangirira.
2. Uyu mwandiko wawita iki ukurikije uko utangira, ibivugwamo n'uko urangira?

6.9. Inkuru

a) Ibiranga inkuru

Inkuru irangwa n'ibi bikurikira:

1. Ubara inkuru/umubarankuru.
2. Igihe n'aho ibintu byabereye.
3. Uko ibyabaye byatangiye.
4. Uko ibyabaye byagenze.
5. Abagize uruhare mu byabaye.
6. Uko byarangiye.

b) Kubara inkuru ni iki?

- Kubara inkuru ni ukugeza ku bandi ibyo umuntu yabonye cyangwa yumvise abyanditse cyangwa abivuze. Kuvuga ibyo wabonye ni ko kubara inkuru.
- Iyo ubara inkuru uba uri umubarankuru ukavuga ibyo wabonye uko byagenze.
- Kugira ngo inkuru ibe yuzuye igomba kugaragaza uruhererekane rw'ibikorwa, uwabikoze cyangwa ababikoze, aho byabereye, igihe byabereye, uko byagenze, impamvu yabiteye n'uko byarangiye.
- Burya aba afite ibibazo agenda asubiza atabizi: Habaye iki? Ni nde wabigizemo uruhare? Ni iki cyabigizemo uruhare? Byabereye he? Hari ryari? Byagenze bite? Kubera iki?
- Igihe ubara inkuru, ushobora kubikora muri ngenga ya mbere niba ibyo uvuga cyangwa wandika byabaye warabigizemo uruhare.

Urugero: Abana b'ingagi koko nagiyeye kubona mbona barahasesekaye, bajya mu myanya.

- Mu gihe utabizemo uruhare, witabaza ngenga ya kabiri cyangwa iya gatatu.

Urugero: Abana b'ingagi koko ukabona barahasesekaye, bakajya mu myanya.

Urugero: Abana b'ingagi koko abona barahasesekaye, bajya mu myanya.

- By'umwihariko iyo wandika inkuru, ubanza kuyikorera imbata.

Intangiriro: Kuvuga muri make icyo ugiye kuvugaho

Igihimba: Kuvuga uko ibikorwa byagiye bikurikirana kuva ku cya mbere kugera ku cya nyuma, buri gikorwa kikiharira igika

Umusozo: Inshamake y'ibyabaye n'isomo bitanga.

Umwitoto



Guhanga bandika

Umaze gusoma imyandiko no kureba amashusho kuri pariki z'Igihugu n'ahantu nyaburanga. Ni nk'aho wasuye aho hantu naho waba wari utarahagera. Andika inkuru kuri uru rugendo ugaragaza ibyiza wabonye hamwe muri aha hantu ugereranyije n'ibyo wari warumvise bahakubwiraho.

6.10. Ubwoko amagambo adahinduka: imigereka/ ingera



Musome aka gace k'umwandiko maze mugerageze gutahura imiterere n'umumaro by'amagambo yanditse atsindagiye:

Kuva mu gitondo kugeza hafi saa tanu z'amanywa, mu muhanda uva mu mugu wa Musanze werekeza mu Kinigi abantu bari uruvunganzoka, bagenda umwe ku wundi, bishimye, kandi bambaye neza. Twahageze kare maze mu gihe twari tugitegereje abayobozi, abitabiriye ibirori bagendaga bahabwa icyayi, ababishoboye bagafata agakawa, kuko mu Kinigi haba imbeho nyinshi cyane. Hari amatorero n'andi y'ubusa yakomezaga gusimburana asusurutsa abantu bari bateraniye aho.

Ibibazo byo gusubiza:

1. Amagambo yanditse atsindagiye urumva avuga iki?
2. Yongera iki mu nteruro?
3. Wayita iki uhereye ku miterere n'umumaro wayo?
4. Ukurikije icyo asobanura ubona aya magambo wayashyira mu moko angahe?

a) Inshoza y'umugereka/ingera

Umugereka ni ijambo ritagoragozwa, risobanura izina, ntera, inshinga, cyangwa undi mugereka. Ni ijambo ryumvikanisha uburyo, igihe, inshuro ikintu gikorwa cyangwa ahantu gikorwa.

b) Amoko y'imigereka/ingera

1. **Umugereka w'uburyo**
 - a) Uyu mwana aririmba neza.
 - b) Noneho ko Kibwa asa nabi?
 - c) Humura ndavuga buhoro.
 - d) Gira vuba tugende tudakererwa.
2. **Umugereka w'igihe**
 - a) Nageze hano kare.

- b) Mbe Bihehe ko ugenda **nijoro**?
 - c) Uyu mugabo muzi kuva **kera**.
3. **Umugereka w'inshuro**
- a) Vuga **rimwe** gusa mbasohore.
 - b) Ubunyereri bunyigeze **kabiri**.
 - c) Nturenze **inshuro eshanu** z'ako kebo.
4. **Umugereka w'ahantu**
- a) Aryamyeye **hejuru** y'ameza.
 - b) Agiye **hakurya** y'uruzi.
 - c) Ipusi ikunda **munsi** y'ameza.

Imyitozo:



Subiza ibi bibazo bikurikira:

1. Shaka iyindi migereka y'uburyo uyikoreshe mu nteruro zawe bwite.
2. Shaka iyindi migereka y'igihe uyikoreshe mu nteruro zawe bwite.
3. Shaka iyindi migereka y'inshuro uyikoreshe mu nteruro zawe bwite.
4. Shaka iyindi migereka y'ahantu uyikoreshe mu nteruro zawe bwite.

Mfashe ko:

- Ubukerarugendo bufitiye Igihugu cyacu akamaro kanini. Bwinjiriza Igihugu amadovize, butuma ibidukikije bibungabungwa ndetse abatariye ibyiza nyaburanga n'Abanyarwanda muri rusange bakegerezwa ibikorwa remezo. Biryo tugomba kubungabunga ibidukikije.
- Hari amagambo yabugenewe ku mwami no ku ngoma. Kubera ko umwami yari yubashywe cyane ndetse n'ingoma na yo yari yubashywe cyane.
- Pariki y'Akagera irimo ibyiza byinshi bitatse u Rwanda. Twavugamo indyanyama n'indyabyatsi, inyoni, umwuka mwiza, ibiti by'amoko menshi, ibiyaga n'ibindi.

- Pariki y’Ibirunga ituwe n’ingagi zikurura ba mukerarugendo benshi.
- Hari ahantu henshi nyaburanga mu Rwanda. Twavuga nk’i Kibeho, kuri Muhazi n’ahandi henshi.
- Hari amagambo y’ibyungo n’imigereka adahinduka ngo yisanishe mu nteruro.

Urugero: – **Nubwo** utambonye, ni ubwo bunyobwa nashakaga.
 – **Nubwo** ugiye ni utwo tunyobwa nashakaga.



6.11. Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu

Akamaro k’ubukerarugendo

Ubwiza bw’u Rwanda buhera mu murwa mukuru warwo wa Kigali. Isuku yawo ni cyo gitego yatsinze indi migi yo muri aka karere ndetse no mu mahanga. Imiturirwa igenda yiyongera ubutitsa, imihanda mishya ishyingirwamo kaburimbo, kandi hagateganywa umwanya w’ubusitani n’uwo guteramo ibiti kugira ngo Kigali ikomeze kugira akuka keza. Iri terambere rijyana n’isuku, ni ryo rituma n’umubare w’abashyitsi bagenderera u Rwanda ukomeje kwiyongera ubutitsa. Abenshi kandi baza mu rwego rw’ubukerarugendo, baje kwirebera ibyiza bitatse u Rwanda.

Ubukerarugendo ni kimwe mu bintu byinjiza amafaranga menshi mu gihugu. Bushobora gufasha mu kurwanya ubukene, kandi bugafasha igihugu gutera imbere iyo bwitaweho.

Mu bihugu byinshi, ubukerarugendo bufite uruhare rukomeye mu iterambere kubera ko bufasha igihugu kubona amafaranga y’amadovize, kandi bugatuma abenegihugu babona imirimo. Mu bihugu bikiri mu nzira y’amajyambere n’icyacu kirimo, ubukerarugendo bufite akamaro cyane.

Mu bintu bikurura ba mukerarugendo mu bihugu byacu harimo: ikirere kiza kidashyuha cyane kandi ntigikonje bikabije, imisozi iteye amabengeza, n’ibinyabuzima bitandukanye. Ibyo usanga biboneka

cyane mu byaro byacu. Ibintu ba mukerarugendo bakenera usanga bidahenze. Akenshi bakenera ibintu bikorwa n’abanyabukorikori bacu, abanyabugeni, ababoshyi n’abakora imitako itandukanye. Impamvu ni uko ibyo baba bakeneye ari ibyo batabona iwabo. Kubera izo mpamvu, ubukerarugendo bwadufasha kwihangira imirimo kandi itagombera igishoro kiremereye.

Ubukerarugendo bufasha kandi izindi nzego z’ubukungu gutera imbere, harimo amahoteri, amaresitora n’utubari.

Ubukerarugendo budufasha no kumenya agaciro k’umuco wacu. Imbyino zacu n’ibihangano gakondo, iyo tubona bikunzwe n’abanyamahanga, bidutera natwe ishema kumva ko bidufitiye akamaro, maze bikadutera umwete wo kubisigasira.

Ba mukerarugendo rero baje gusura ibyiza biri muri pariki zacu, zirimo iy’Akagera na Nyungwe, ariko cyanecyane ingagi zo mu birunga. Hari kandi n’abazanwa no kwirebera ahari amahirwe mu ishoramari kubera uburyo u Rwanda ruborohera. Kuri abo yiyongeraho abaza baje kwitabira inama mpuzamahanga zibera mu Rwanda. Aba bose ni ko baba bakeneye aho kwidagadurira, kugura ibicuruzwa bitandukanye, ariko kandi iyo izuba rirenze, aba bashyitsi bakenera aho barambika umusaya muri hoteri zitandukanye.

Abo bashyitsi rero bafite akamaro gakomeye ku Rwanda rwacu. Bakwiye kwakirwa neza kuko ari abashyitsi b’imena iwacu. Kubakira neza ni ukumenya kubavugisha mu kinyabupfura kandi tukababanira kivandimwe. Iyo basuye igihugu cyacu ni twe bigirira akamaro.

Namwe rero banyeshuri nimucike ku ngeso zo kubona abazungu mukabashungera nk’aho ari ibikoko. Kubakomera ngo “muzungu, muzungu”, ni ukugaragaza ubujiji n’uburere buke. Ingeso yo kubasabirizaho na yo muyicikeho, ahubwo mutekereze icyo mwakora cyatuma namwe bababona nk’abana b’abanyabukorikori.

Ibyo mwakora birahari. Hari nko kubaka inzu no gukora imodoka mu bikenyeri, gushushanya ibintu bitandukanye ndetse no kubayobora mu gihe babikeneye. Muge kandi mukoresha indimi mwiga mu mashuri

muganire na bo, kuko muziga kugira ngo muzikoreshe. Nimubigenza mutyo, muzaba mwigaragaje nk'abana barezwe kandi bashyira mu bikowa ibyo bize.

I. Inyunguramagambo

1. Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:
 - a) Abanyabukorikori
 - b) Abanyabugeni
 - c) Igishoro
 - d) Gusigasira
 - e) Gushungera
 - f) Kubakomera.

II. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Ni iki gituma abanyamahanga basura u Rwanda bagenda biyongera?
2. Abasura u Rwanda bazanwa n'iki?
3. Ubukerarugendo bufitiye Igihugu cyacu akamaro kanini? Sobanura.
4. Ni ubuhe bufasha abanyamahanga basura u Rwanda baba bakeneye?
5. Ni gute dukwiye kwakira ba mukerarugendo?
6. Uramutse utuye aho ba mukerarugendo bakunze gutemberera wakora iki kugira ngo nawe ugire icyo wabagurisha aho kubasabiriza?

III. Ikibonezamvugo

1. **Soma neza aka gace k'umwandiko utahuremo ibyungo n'imigereka ubigaragaze.**

Mu bintu bikurura ba mukerarugendo mu bihugu byacu harimo: ikirere kiza kidashyuha cyane kandi ntigikonje bikabije, imisozi iteye amabengeza, n'ibinyabuzima bitandukanye. Ibyo usanga biboneka cyane mu byaro byacu. Ibintu ba mukerarugendo bakenera usanga bidahenze. Akenshi bakenera ibintu bikorwa n'abanyabukorikori bacu, abanyabugeni, ababoshyi n'abakora imitako itandukanye. Impamvu ni uko ibyo baba bakeneye ari ibyo batabona iwabo. Kubera izo mpamvu, ubukerarugendo bwadufasha kwihangira imirimo kandi itagombera igishoro kiremereye.

IV. Ikeshamvugo

1. **Huza imvugo ziri mu ruhushya A n'ibisobanuro byazo biri mu ruhushya B:**

A	B
1. Kwibikira	a) Abavuzi b'ingoma
2. Umurishyo	b) Umurambo w'umwami
3. Umugogo	c) Gushyingura umwami
4. Abakaraza	d) Agati bakoresha bavuzza ingoma
5. Guteka	e) Gutoboka kw'ingoma
6. Gutabariza	f) Gusinzira k'umwami
7. Kubyara	g) Kwicara k'umwami

2. **Uzuzura izi nteruro ukurikije uko bita imvugo cyangwa urusaku rw'ibintu bikurikira:**

1. Intare	
2. Umugezi	
3. Inuma	
4. Indege	
5. Inkokokazi ishaka gutera	
6. Imfizi	
7. Impyisi	
8. Imbwa	

IV. Kubara inkuru:

Tekereza ku hantu waba warigeze kujya mu rugendo: ku isoko, mu muni mukuru, gusura abantu, cyangwa urundi rugendo urwo ari rwo rwose maze uhaye ku biranga inkuru twize, utubwire inkuru y'uko byagenze utarengeje ipaji ebyiri.

Imyandiko y'inyongera

Umuwugo: Dore inama banyeshuri

Niba wiga uri mu ishuri
Uramenye imirimo wasize iwanyu
Uramenye impamba baguhaye
Umenye gukurikirana ibyo wiga
Ubwo wirinde kubura byose.

Umenye amategeko agenwa n'ishuri
Ko bayakurikiza uko yatanzwe
N'amafaranga agurwa ibyo ukeneye
Yari akwiye gukora ibindi
Wite ku masomo yakujyanye.

Niba uvuye kwiga kandi
Ntugatinzwe no gusamara
Jya ukina wiruka ugana iwanyu
Ubafashe imirimo y'umugoroba
Uzi ko itavunanye ariko ni myinshi.

Usenge Imana iteka ryose
Ni yo mubyeyi usumba byose
Ni umukungu utunze byose
Ihorana ubuntu igabira bose
Irinda iwanyu mu bihe byose.

Mwana kunda umurezi wawe
Ari na we mwarimu ukwigisha
Uzajye umwumvira muri byose
Ashinzwe ubwenge n'umuco byawe
Ni umubyeyi ungana so na nyoko.

Arakwitangira buri muni
Amasomo atanga akayategura
Akanayagera imfashanyigisho
Wamara kwicarana n'abandi

Akayaguhana umutima mwiza.

Uhorane umwete uge umwigana.

Ijambo ryose avuze uritore

Riba ribumbiyemo ubuhamya

Cyangwa inama z'ingirakamaro

Zizakugenga ubuzima bwawe bwose.

MINISITERI Y'UBUREZI 2000, Gusoma 6, Igitabo Cy'umunyeshuri Imprimerie Scolaire, urup. 6-7.

Insigamigani: Byahumiye ku mirari!

Iyi mvugo bayikoresha iyo babonye umuntu wongereye andi matwara na yo adahwitse ku mico bari basanzwe bakemanga; ni bwo bagira bati: “Noneho yahumiye ku mirari.” Wakomotse kuri Rwamanzi w’Umunyagisaka, ari kwa Cyirima Rujugira i Ntora mu Bwanacyambwe (Kigali); ahayinga umwaka wa 1700.

Kuri iyo ngoma, i Gisaka hateye inzara ndende ihaba icyorezo. Abanyagisaka bagumya guhaha mu bihugu byegeranye. Ubwo bahahishaga impu z’ingwe kuko ari cyo gihahishwa bari bagishobora kubona ku bw’umuhigo n’umutego w’inyamaswa. Inzara irakomeza ica ibintu biratinda. Bigeze aho umugabo witwa Muhoza wari se wabo wa Kimenyi Rwahashya umwami w’i Gisaka, abura icyo ahahisha, ahaguruka iwe ajya gusaba umuhungu wabo impuzo guhahisha. Agezeyo aramubwira ati: “Inzara yandembeje, none nje kugusaba impu z’ingwe zo guhahisha!” Kimenyi aramwumvira, aramwitegereza mu bumenyi bwe, dore ko yitwaga Kimenyi; ati: “Kandi gahu k’ingwe nkwabara nkutinya.” Ubwo yamuhanuriraga ko mu nda ye hazakomoka umwami uzatsinda i Gisaka.

Muhoza yumvise amubwiye atyo ararakara. Aramubaza ati: “Mwana wange ni uko umbwiye?” Yungamo iti: “Iyi nzara irantsinda ahandi itantsinze mu gihugu cya data na sogokuru”. Arikubita arataha, ariko ataha adatashye. Bigeze nijoro aracika, acikana n’abana be barimo umukobwa we Rwesero na mwishywa we Rwamanzi; bacikira mu Rwanda. Baraza basanga Cyirima i Ntora mu Bwanacyambwe; aho niho ubu bita ku Gisozi, bahatunguka ku gasusuruko.

Muhoza atuma umugabo Mutamura kumuvunyishiriza ibwami; ati: “Genda umbwirire Cyirima, uti Muhoza aragushaka ngo mubonane”.

Mutemura ajya kuvuga ubutumwa. Cyirima yumvise ko ari Muhoza aratangara, ati: “Ubwo se Muhoza azanwe n’iki? Yatangazwaga n’uko yari asanzwe azi ko ari se wabo wa Kimenyi, ntiyumve ikimugenza mu Rwanda. Abwira Mutemura ati: “Hogi umubwire muzane”. Aragenda amuzana mu rugo, bamwiteguranye icyubahiro kinini. Bararamukanya, bamuha intebe aricara, bazana inzoga baramuha, ayisangira na Mutemura kuko nta mwami wasangiraga.

Hacyeho iminsi, Cyirima ajya kumusura. Ageze abona umukobwa we Rwesero aramubenguka, aramushima aramurongora, babyarana Ndabarasa, wamuzunguye ku ngoma akitwa Kigeli. Ubwo bwa bumenyi bwa Kimenyi rero buba buruzuye, bwa bundi yabwiraga Muhoza ati: “Kandi gahu k’ingwe nkwabara nkutinya”.

Dore rero ko Muhoza yari yaracikanye n’uwo mukobwa we Rwesero na mwishywa we Rwamanzi, bombi barebaga imirari, ni cyo gituma Abanyarwanda bakuru, bavuga ko imirari yaturutse i Gisaka.

Rwamanzi uwo yari umukogoto wo kuboneza imyambi, akamenya no kwizibukira akaburarugero. Aho amariye kumenyana n’Intarindwa (umutwe w’ingabo za Cyirima), bajya kumasha hamwe agumya guhamya, arusha benshi mu Ntarindwa. Bamaze kumasha bajya kurasa impiru, ngo barebe urusha abandi kwizibukira, na bwo Rwamanzi arabarusha. Havamo umugabo wo mu Ntarindwa witwaga Sebuharara, ati: “Nimureke murase, niyizibukira araba aturusha twese”. Bose barabyemera. Bajyana mu ruhandu, Rwamanzi aritanganika, Sebuharara aramuforera, arinjiza, ararekera. Rwamanzi agize ngo arizibukira, undi aba yamugemye impiru mu jisho rwagati. Ripfa ubwo, arahumiriza. Abahungu bariyamirira bati: “Rwamanzi ahumiye ku mirari!” Barabikuririza, bijya mu bitaramo, babiharara mu mvugo birarimbanya, bigeza ubwo bihindutse umugani. Nuko babona umuntu usanzwe atari yibereyeho agwiriwe n’indi nsongerezi, bati: “Naka yahumiye ku mirari”! Naho byaba ari ibintu bizambijwe n’indi nkomyi y’inkonkobotsi, bati: “Byahumiye ku mirari”.

Guhumira ku mirari = kongera ibibi mu bindi.

Minisiteri y’Amashuri Makuru n’Ubushakashatsi mu by’Ubuhanga, *Ibirari by’insigamigani, igitabo cya kabiri, urup. 101-102*

Insigamigani: Arata inyuma ya Huye

“Arata inyuma ya Huye!”, ni imvugo bavuga iyo babonye umuntu uhondogera abatamwitayeho. Wakomotse ku ngaruzwamuheto y’Umurundi, ivugana na Nyarwaya rwa Mazimpaka; ahagana mu mwaka wa 1700.

Igihe kimwe Yuhi Mazimpaka yashatse gutera Umurundi witwaga Rusengo rwa Kanagu. Bageze kwa Rusengo arabaneshya, ingabo ziratabaruka. Noneho ibwami babibonye batyo baragisha (baraguriza icyatsinda Rusengo); bereza umusozi witwa Huye. Ubwo Nyarwaya asubira kwa Rusengo na none ari we mugaba; ariko agenda yitwa Huye.

Mu ngabo batabaranye hakabamo Umurundi bari baranyaze kwa Rusengo amambere. Bageze mu nzira ahamagara Nyarwaya, ati: “Nyarwaya!” Nyarwaya aramwiyama. Umurundi ati: “Umva mwana w’umwami”, Nyarwaya, ati: “Unyita umwana w’umwami umbonye mu ngoma?” Ati: “Mbe mugirwa w’umwami ko nguhamagara ntunyitabe!” Nyarwaya, ati: “Unyita umugirwa umbonye mu bigega?”

Umurundi ararakara; ati: “Nyihorera nitugera mu ngoro ngari mu ngombe kwa Rusengo uzanyitaba ntaguhamagaye!” Nyarwaya, ati: “Nyabusa si ukwanga kukwitaba, ahubwo ni uko natabaye nitwa Huye”. Umurundi ati: “Ubwo bwose kubwira intumva byabaye guta amagambo inyuma ya Huye?” Barakomeza baratabara. Bageze kwa Rusengo basanga yagiye kurarira i Kuzi kwa Mutaga. Umurundi atangira gutata kuko ari we wari uzi iby’iwabo.

Rusengo arashyira araza. Umurundi abwira Nyarwaya, ati: “Rusengo yaje”. Ubwo Nyarwaya yambara imyambaro y’ubugaba, ajya imbere y’ingabo yitwaje intorezo; batera Rusengo. Batungutseyo, Rusengo akubise Nyarwaya amaso agira ubwoba; aramubaza ati: “Mbe mwana w’umwami!” Nyarwaya, ati: “Winyita umwana w’umwami ntumbonye mu ngoma!”

Rusengo, ati: “Mbe mugirwa w’umwami!” Nyarwaya, ati: “Unyita umugirwa w’ibwami umbonye mu bigega?” Rusengo, ati: “Izina nguhamagaye ko uryanga ubundi witwa nde?” Nyarwaya, ati: “Nabishe nahindutse, nitwa Huye!” Rusengo, ati: “Uhinduka ngo ubigenze ute?”

Nyarwaya, ati: “Uko mbigenza urabyibonera!” Ati: “Naje ndi Huye Karuretwa Imanzi y’Uburunga, nyamunyaga amagana amapfizi agapfana umurindo; naje ndi umugabo Rwakigenda, mugabo ugenda ishyamba; mugabo uvoma urugina mu magara y’undi mugabo.

Naje wanjwe ay’ubusa nta bwo ngusiga naje!” Rusengo yumvise amagambo ya Nyarwaya biramurakaza. Arihandagaza, ati: “Ndi Kibibi kibunga, ndi Kigera cya Bizoza, ndi Kirashi nyamukanura, naragerereje mva i Burundi ngeze i Bunyabungo ngira Umukara w’iya Ntegeyimana utihonda ubusenzi nk’inyarwanda; ngira Sine riba mu misange y’epfo, iyo inka zipfa ntizipfe ubusa zikagurwa ibisanga byuje inda z’abarenzi, ibirapfarapfa bikagurwa imisagavu n’imigombora; akabyosa Ntoki zitoba inkwanzi, (umugore we) umukobwa wa Ntawumwanga; ati: “Ngira na Nyiri imiringa, irindwi, umukobwa wa Nyamurinda, waje ku mpeshyi no ku ruhira, ukabanza ari urutembabarenzi; ati: “Ngira n’Urusaro rwa Nzikwesa ruresaresa umusore mu museke rwamugeza mu isezeraniro rukamusoka isonga y’ururimi, Nyiri u Burundi ati: “Sabwa”.

Ubwo bahera ko barasakirana bararwana. Rusengo akubita Nyarwaya inshuro amusumiye; agiye kumusubirana i Kuzi kwa Mutaga, wa murundi agoboka Nyarwaya afata Rusengo amaguru; Nyarwaya aramubyukana amukubita intorezo ye amuca igihanga. Wa murundi abwira Nyarwaya ati: “Sinakubwiye ko nitugera mu ngoro ngari mu ngombe kwa Rusengo uzanyitaba ntaguhamagaye!”.

Nuko amaze kumwica, banyaga Umukara w’iya Ntegeyimana, anyaga Sine riba mu misange y’epfo iyo inka zipfa ntizipfe ubusa zikagurwa ibisanga byuje inda z’abarenzi, ibirapfarapfa bikagurwa imisagavu n’imigombora, akabyosa Ntoki zitoba inkwanzi, umukobwa wa Ntawumwanga; anyaga Urusaro rwa Nzikwesa ruresaresa umusore mu museke rwamugeza mu isezerano rukamusoka isonga y’ururimi nyir’u Burundi, ati: “Sabwa”; anyaga Nyiri imiringa irindwi umukobwa wa Nyamurinda waje ku mpeshyi no ku ruhira akabanza ari urutembabarenzi; anyaga n’ibindi baratabaruka.

Bagezeka Mazimpakabamurika iminyagon’igihanga cya Rusengo; ariko Nyarwaya ntiyamurikira se za nka n’abagore yanyaze. Aragororerwa kuko yagize ubugabo akica Rusengo. Amaze kugororerwa abarezi baca hirya bamurega ko yasigaranye ibyiza yakuye kwa Rusengo.

Mazimpaka atumiza Nyarwaya, ahageze baramufata baramuboha. Wa murundi wamutabaruye amusanga ku ngoyi; yambara ubusa aza asaba Mazimpaka amata.

Undi arayamuhagariza. Umugabo amaze kuyanywa, ati: “Reka ninywere amata, umwana w’umwami anera ingoyi ngo arazira imbwakazi z’abapfakazi bo kwa Rusengo”. Mazimpaka abyumvise arababara, ati: “ubonye ngo nihorere umwana ubusa kandi yarangiriye akamaro!” Amuca ku ngoyi ayisubizaho abamuregaga.

Nyarwaya amaze kuva ku ngoyi yibuka akamaro wa murundi ahora amugirira: yibuka ko yamukuye mu iriba abashi bagiye kumwica, yibuka ko yamutangiriye i Kuzi, Rusengo agiye kumujiyana kwa Mutaga kurarira, yibuka n’iyo ngoyi amuciyeho, ahera ko aramugororera amuha inka n’ingabo.

Amaze kumugororera ba barezi basubira kwa Mazimpaka barega wa murundi ngo ni umurozi wa Nyarwaya. Umurundi arafatwa arabohwa. Bamaze kumuboha Nyarwaya arashengera, asanga aboheye mu nkike. Amurebye, ati: “Wa murundi ko arareba nk’umurozi!”

Umurundi aramusubiza, ati: “Koko Abanyarwanda muri ba “mutisasirwa”: nakurengeye bakuroshye mu iriba mbonye ureba nk’umwana w’umwami nkuvanamo ndakuzana, nkurengeza Rusengo agiye kukujiyana kwa Mutaga kurarira ubutagaruka, nkurengeza so amaze kukubohera amahamihami, umaze kunshima urangororera, none igihugu kibonye unkijije kimpindura umurozi nawe wibagirwa akamaro kange umpinduye umurozi?” Nyarwaya abyumvise yihutira gukoma yombi; abwira se ati: “Ndagusaba ko umurundi wange ashoka; yirabura agatangwa ariko adapfuye azize ubusa!” Mazimpaka abyumva vuba; ati: “Koko nibamushore wenda yaba arengana!”

Bamushora inkoko barayitega basanga yeze. Imaze kwera bamuca ku mugozi. Umurundi ahakwa na Nyarwaya arakira asazira mu Rwanda, arusigamo umugani wa “ntibisasirwa” n’uwo guta inyuma ya Huye; igihe yahamagaraga Nyarwaya atazi ko bamuhimbye irya Huye, undi akamwihorera. Ngiyo inkomoko yo kuvuga ngo: “Naka arata (amagambo) inyuma ya Huye”. Guta inyuma ya Huye = Kubwira intumva.

Twiyungure amagambo

Agahugu umuco akandi umuco: Abantu bagenda bagira umwihariko wabo kandi bakumva ubabereye.

Akabyiniriro: Agahimbano.

Akanunga: Agasozi gato, gatumburutse.

Akarengane: uguhohotera umuntu hatubahirizwa uburenganzira bwe.

Amacakubiri: Gusubiranamo kw'abantu bakicamo ibice.

Amagorofa: Amazu agerekeranye bita umuturirwa.

Amahamba: Indirimbo abashumba baririmba bacyuye inka.

Amahoteri: Amazu yo mu rwego rwo hejuru acumbikira abashyitsi, akanafatirwamo amafunguro.

Amahugu: Uburiganya, ubwambuzi.

Amajyambere: Ibikorwa biteza abantu imbere bakava mu bukene.

Amarwa: Ikigage gisembuye/Inzoga isembuye ikozwe mu masaka y'amamera, bakayita ikigage cyangwa amarwa.

Amashyuzi: Amazi aturuka mu butaka abira kubera gushyuha cyane.

Amasimbi: Urubura rwererana, ibintu byererana kandi bikonje cyane bihanuka mu kirere bimeze nk'amahindu bikirunda mu mpinga z'imisozi miremire bikahaguma kubera ubukonje bwinshi.

Amavunane: Umunaniro ukabije utuma umuntu yumva yacitse intege.

Amayombo: Inzogera bambika imbwa y'impigi.

Amazi meza y'urubogobogo: Amazi asa neza, atarimo imyanda kandi atagira ibara.

Amazina y'inka: Ibisingizo by'inka y'inyambo iruta izindi mu bwiza imaze kubyara.

Aramusenda: Aramwirukana, amwohereza iwabo, baratandukana, aramwanga..

Araterura: Atangira kuvuga.

Azahutse mu magorwa: Avuye mu ngorane.

Bamuhinyura: Bamugaya.

Baracyavunishwa: Baracyakoreshwa imirimo ivunanye.

Baramushikiraga: Bazaga kumureba ari benshi kandi bafite amatsiko.

Gucika intege: kunanirwa kwihangana.

Gufata ingamba: Gufata ibyemezo.

Gufungura: Kurya, gufata ibyo kurya(ifunguro).

Guha icyuho: Guha inzira, gutuma ikintu kitagombaga kwinjira ahantu kihanyura, uba ufunguye ahantu kandi hari hafunze.

Guha umuntu akato: Kumwigizayo, kumunena, kudatuma ahegera.

Guhakana ugatsemba: Kwanga kwemera ibyo bakuvugaho ukanangira.

Guhigura: Kugera ku ntego wihaye, kurangiza gukora ibyo wagambiriye, wahigiye.

Guhogoza: Kuvugisha menshi.

Guhuza umugambi: Kujya inama, gufatira hamwe gahunda.

Gukomatanya: Gukorera icyarimwe ibintu byinshi. Guhuriza hamwe ibintu.

Gukumbuza: Gutuma umuntu yibuka, akifuza kongera kubona ibyo yakundaga.

Gukuramo inda: Gusohoka mu nda ibyara k'umwana utaragera igihe, utarakura, akiri urusoro.

Gukurura: Kugira ubushobozi bwo gutuma abantu baza kukureba, gutera amatsiko.

Gukwena: Guseka umuntu umumwaza cyane.

Gusakuma: Guhuza ibintu binyuranye, akenshi bitakagombye guhuzwa, gufata ibintu byose nta kurobanura.

Gusama inda: Gutwara inda.

Gusatira: Kwegera cyane umuntu cyangwa ikintu mu buryo bwo kukibangamira.

Gusesekara: Kugera ahantu n'imbaraga.

Gusesa akanguhe: Gusaza, kuba uri mukuru warabonye byinshi ku buryo wagira abandi inama.

Gusigana: Kujya impaka zo gukora umurimo buri wese yanga kuwukora.

Gusomeza: Kurya ikintu ukajya urenzaho amazi, amata cyangwa ikindi kinyobwa ubisikanya icyo kurya n'icyo kunywa.

Gususurutsa: Gushyushya, kubuza abantu kwigunga.

Gutamiriza: Kwambara nk'umutako.

Gutarama: Gusabana abantu baganira cyanecyane baririmba, babyina bifashishije ibihangano by'ubuvanganzo. Ibi byakundaga gukorwa nimugoroba abagize umuryango bateranye, bicaye ku ziko. Muri iki gihe ibitaramo biba bigizwe n'indirimo z'amatorero.

Gutenguha: Kutitabira gukora icyo wari wiyemeje gukora.

Gutirimuka: Kuba umaze akanya gato uvuye ahantu.

Gutoha: Gushisha.

Ibirwa: Ubutaka buri hagati mu mazi. Urugero nk'ikirwa cya Nkombo mu kiyaga cya Kivu.

Ibitekerezo: Ibyo umuntu atekereza.

Ibyinshi byotsa amatama: Iyo ugize inda nini ushaka kubona byinshi mu nzira mbi birakugaruka.

Ibyiyumvo: Ugushimishwa cyangwa ukubabazwa n'ibyo ubona, ibigukozeho, ibyo utamiye; ibiguhumuriye cyangwa se ibigukozeho.

Icyanya: Ahagenewe kuba inyamaswa z'ishyamba, pariki.

Icyuho: Umwanya urimo ubusa akenshi ujya hagati mu kintu, kubura igihuza cyangwa icyunga ibintu, igihombo.

Icyumba cy'umukobwa: Icyumba kigenewe abakobwa ku ishuri, bakifashisha mu gihe bari mu mihango; aho biyitaho mu isuku.

Igihango: Amasezerano akomeye wagiranye n'umuntu mwanwanye ku buryo kuyarengaho byakugiraho ingaruka mbi. Uwo mwanwanye (guca kunda) wirindaga kumuhemukira kugira ngo igihango kitazagukurikirana.

Igiti k'inganzamarumbu: Igiti kinini cyane mu mubyimba kimaze imyaka myinshi cyane.

Igitsure: Indoro ituma uwo uyirebye yikosora.

Ikantarange: Kure, mu mahanga ya kure.

Ikenewabo: Ikimenyane gishingiye ku masano abantu bafitanye cyangwa ku kindi kintu bahuriyeho.

Ikigembe: Igice k'icumu cyo hejuru kibwataraye gikozwe mu cyuma kibanza imbere iyo bariteye inyamaswa cyangwa ababisha ku rugamba.

Ikiwari: Umunyamwete muke, umunebwe.

Ikintu giteye amabengeza: Ikintu gisa neza.

Ikirangirire: Umuntu uzwi cyane.

Ikiraro: Iteme, inzira ihuza ahantu habiri hatandukanyijwe n'umwanya ushyirwaho ibiti cyangwa ibyuma na sima kugira ngo bashobore kuhambuka.

Imbogamizi: Ikintu kibangamira umuntu, kimubuza kugera ku cyo yifuza.

Imburagihe: Igihe kitaragera.

Imibonano mpuzabitsina idakingiye: Uguhuza ibitsina hagati y'umukobwa n'umuhungu cyangwa umugabo n'umugore nta gakingirizo bakoresheje.

Imihigo: Intego umuntu arahirira kuzageraho akora ibi n'ibi mu gihe iki n'iki.

Imisango: Amagambo bavuga mu mihango y'ubukwe.

Imizinga: Imitiba y'inzuki.

Impano: Ibyo umuntu aha undi nta kiguzi.

Impingane: Ibintu bigoye gukora.

Impundu: Amajwi y'urwunge arimo amarangamutima avuzwa n'abategarugori bagaragaza ibyishimo, akenshi na kenshi habaye nk'ibirori.

Inararibonye: Umuntu ukuze, wabonye byinshi bikamwigisha, bigatuma amenya gushishoza.

Inda zitateguwe: Gutwara inda utarabiteganyije, utiteguye kwakira umwana uzavuka.

Indangagaciro: Imico myiza ikwiye kuranga umuntu warezwe neza nk'ubunyangamugayo, ikinyabupfura n'ibindi.

Indonke: Ubukire cyangwa ubundi butunzi umuntu ashaka kugeraho aciye mu nzira zitari nziza nko kwaka ruswa n'ibindi.

Inganji: Imiyoborere idatsindwa.

Ingara z'iminyinya: Ni amashami y'iminyinya yakuze cyane agatwikira ahantu hanini. Ubusanzwe urugara ni umwanya urenga ku munwa w'ikintu nk'ingofero y'urugara, isafuriya y'urugara.

Ingeri: Ibyiciro, amatsinda.

Ingumba y'inka: Inka itakibyara kandi itaraba ibuguma.

Inkengero: Inkuka z'umugezi cyangwa ikiyaga. Banakoresha iri jambo bashaka kuvuga ahegereye umuhanda cyangwa ikindi kintu.

Inkombe: Inkengero y'uruzi cyangwa ikiyaga.

Inkwano: Inka cyangwa amafaranga batanga kwa se w'umukobwa kugira ngo bahabwe uburenganzira bwo gushyingiranwa.

Insanganyamatsiko: Igitekerezo k'ingenzi abantu baganiraho.

Inshike: Umuntu wapfushije abana bose bakamushiraho.

Intabire: Ahantu hahinze neza ariko batarateramo imyaka.

Intego: icyo umuntu agambirira kugeraho, ikemezo umuntu afata kugira ngo kimufashe kugera ku cyo ashaka kugeraho.

Inteko: Aho abatware bicaye. Biva ku nshinga guteka bivuga kwicara k'umwami (aho umwami atetse ijabiro).

Intyoza: Umuntu uzi kuvuga neza, agatatura amagambo n'ingingo.

Ipfunwe: Ikimwano gitewe n'uko utatunganyije ibyo wari ushinze cyangwa n'uko utameze nk'abandi.

Kugira irari: Kwifuza ikintu iki n'iki wifuza kurya, kwishimishamo, n'ibindi.

Ishimishamubiri: Irari ryo gushimisha umubiri umuntu yishora mu mibonano mpuzabitsina, aya cyangwa anywa ibimunezeza akarenza urugero.

Ishyamba ry'inzitane: Ahantu hameze ibiti byegeranye kandi bisobekeranye ku buryo kuhinjira biba bitoroshye.

Ishyamba rya kimeza: Ishyamba rigizwe n'ibiti bitigeze biterwa, byimejeje.

Ishyo: Inka cyangwa se imbogo nyinshi ziteraniye hamwe.

Isuka rugori: Isuka bitwaza bagiye gufata irembo iwabo w'umukobwa.

Itaba: Ku musozi ahantu hasa n'ahitse ariko na none hateganye.

Itsinda: Abantu bari hamwe, mu gikorwa kimwe cyangwa intego imwe.

Izenezene: Ubwirasi, agasuzuguro.

Katabirora: Izina rihabwa umuntu utagira isoni zo guhemuka, zo kutubahiriza amasezerano, akenshi akaba yakwambura ntijishyure nk'amafaranga yagurijwe.

Kirazira: Ni ibintu bibujijwe gukora mu muco.

Ku karubanda: Ku muharuro hirengeye aho abantu bose bemerewe kugera, akenshi ni ho umwami yabonaniraga n'abaturage akahakemurira ibibazo byabo.

Kubangikana: Kuba iruhande rw'ikintu, gutegana.

Kubara: Kuvuga ibyo wabonye cyangwa wumvise.

Kubera umuntu ibamba: Kumwangira ibyo agusaba, ugatsemba.

Kubwika: Guhisha, guceceka.

Kubwiriza uwo mu mugongo: Guha uwo urera cyangwa umwana wawe urugero rwiza cyangwa rubi.

Kudidimanga: Kuvuga udasohora neza amagambo, usubira mu migemo cyangwa amagambo nk'umwana wiga kuvuga.

Kugambirira: Gushaka, kugira igitekerezo.

Kugamburuza: Kuvana ku izima, gutuma umuntu agaragaza icyo yashakaga guhisha cyangwa avuga icyo yahishaga.

Kugandisha: Guca intege, kunebwesha umukozi ntarangize neza umurimo yahawe.

Kuganza: Kurusha abandi cyane.

Kugwa agacuho: Kunanirwa cyane.

Kujarajara: Kutaguma hamwe ukagenda mu nzira nyinshi; aha ni ugukorana imibonano mpuzabitsina n’abantu benshi.

Kujya mu mihango: Ni igihe cya buri kwezi kimara hafi iminsi ine; abakobwa batakaza amaraso, kujya imugongo.

Kumarayo: Kurangiza.

Kumucaho inshuro: Kumukorera akabahemba ibyo bajya guteka.

Kunoza umugambi: Kwemeranya uko ikintu kizakorwa.

Kurabukwa: Kubona umuntu cyangwa ikintu mu kanya gato.

Kurambagira: Kuzenguruka, gutembera, k’umwami.

Kureba ikijisho: Kureba nabi umuntu, ugamiye kumubuza gukora nabi, cyangwa kumubuza gukora ikibi.

Kwicuza: Kubabazwa n’ibibi wakoze.

Kureshya: Gukurura umuntu cyangwa ikintu kubera ko wakunzwe, gushukashuka umuntu ngo umwigarurire.

Kuribagira (ijisho): Kwitegereza cyane, ibintu cyangwa abantu bari mu gikorwa.

Kuriganya: Kwambura umuntu ukoresheje amayeri.

Kurwicira: Kwiyemeza icyaha, kwihamya icyaha.

Kuvunyisha: Gusaba uburenganzira bwo kwinjira ahantu, kujya kubaza kwa se bukwere umunsi bazaguhokera umugeni bakamugushyikiriza (kujya kumvikana ku munsi w’ubukwe).

Kuvutsa: Kwambura, kubuza umuntu uburenganzira.

Kuyobokwa: Gukurikirwa kubera icyubahiro, kubahwa.

Kuziba icyuho: kujya mu mwanya w’umuntu cyangwa se ikintu kidahari.

Kwagika: Gushyira imitiba y’inzuki/imizinga mu giti cyangwa ahandi hantu utegereje ko yinjiramo inzuki.

Kwenderanya: Kwiyenza bikurura amahane.

Kwiba uhese: Gukora amakosa abo uruta bakureba, gutanga urugero rubi.

Kwidumbaguzwa: Koga umubiri wose wivuruguta mu mugezi cyangwa mu kidendezi, cy’amazi.

Kwirara: Kudashyira imbaraga mu byo ukora, kudohoka.

- Kwisumbura:** Kuzamuka mu ntera, kujya ku rwego rwo hejuru y'urwo wari ufite.
- Kwitarura:** Kwigira hirya gato y'umuntu cyangwa ikintu.
- Kwitegera:** Kuba imbere y'ikintu ukireba uko cyakabaye.
- Kwivamo:** Kwimenera ibanga, kuvugisha ukuri utabizi kubera ko baguteze umutego ntubimenye.
- Kwiyamirira:** Gutangarira ikintu.
- Kwiyandarika:** Gukora ibikorwa bibi akenshi biganisha ku buraya, ubusinzi, ku burara n'ibindi.
- Kwiyereka:** Kubyina, kwerekana ibirori uko wabiteguye, guseruka mu mikino imbere y'abandi.
- Kwiyumvira:** Gutekereza ariko ujijinganya, ugisha imitima inama, wibaza niba ukora ibyo bakubwiye cyangwa niba utabikora.
- Mu gikari:** Inyuma y'inzu mu rugo hatemerewe kugerwa n'ubonetse wese
- Mu museke:** Mu museso wa kare, hatangiye gucya ariko izuba ritararasa.
- Musumbashyamba:** Izina rihabwa twiga kubera ijosi ryayo muremure cyane, utuma isumba ibiti byo mu ishyamba irimo.
- Ntakatubemo:** Age kure yacu.
- Ntawukandamije undi:** Ntawuhohoteye undi, ntawuvunishije undi.
- Rubagimpande:** Indwara itera kubabara mu ngingo nko mu nkokora, amavi n'intoki, hakiyongeraho no kugagara ijosi cyanecyane mu gitondo cyangwa igihe umuntu amaze umwanya aruhuka.
- Rushimusi:** Umuntu uhiga atabyemerewe, akiba inyamaswa zibujijwe guhigwa.
- Ruswa:** Impongano waka abantu ngo ubakorere iki n'iki kandi kiri mu nshingano zawe, wagombye kugikora nta cyo watse.
- Rwabunga:** Ikintu kinini cyane, izina rihabwa inzovu kubera ubunini bwayo bukabije.
- Rwarikamavubi:** Izina rihabwa imbogo bitewe n'uko amavubi ayarika mu matwi. Iyo izuba rivuye akayidwanga izunguza

umutwe, abantu bakayivugiraho ngo ihora ijunditse umujinya (irakaye) kubera ko izunguza umutwe yiyama ayo mavubi.

Si ugusinda arasayisha: Akabya kunywa inzoga akarenza urugero. Gusaya ni ukugwa ahantu hari ubutaka bujandamyeye ugateberamo, bikaba ngombwa ko bagusayura.

Twari twabukereye: Twari twambaye neza ngo tubyizihize, twabyiteguye.

Ubugumba: Kutabyara bitewe n'uburwayi bwamunze imyanya myibarukiro cyagwa imyubakire y'umubiri uteye nabi.

Uburyaryate: Ububabare butuma umuntu ashaka kwishimagura.

Ubuso: Umwanya wose ikintu kiriho.

Ubutindi: Imyitwarire igayitse ituma umuntu adatinga guhemuka, ubuhemu

Ubutita: Ubukonje bukabije.

Ubuvanganzo: Uruhurirane rw'ibihangano nyabugenzi burimo indirimbo, imigani, ibyivugo, amahamba... Ibi bihangano bishobora kuba nyandiko cyangwa nyemvugo. Kubera ko abakurambere bacu batari bazi gusoma no kwandika, ibihangano gakondo byari nyemvugo gusa.

Urakomeje?: Uravugisha ukuri? Ntunkinisha?

Ubwonko: Igice cy'umubiri kidufasha gutekereza, kigakoresha n'izindi ngingo z'umubiri.

Umubiri: Ibice by'umuntu birimo imikaya, amagufwa...

Umugabo: Gihamya, umuntu cyangwa ikintu kemeza ibyabaye

Umuganura: Wari umuhango wo gusangira no kwishimira umusaruro mu gitaramo kiswe icy'umuganura. Wagiraga n'undi mumaro wo kuzirikana umwami nka Nyiruburumbuke bakamuturura urutete rw'imyaka yeze. Usigaye ukorwa mu rwego rwo kwishimira umusaruro, Abanyarwanda bagahurira mu ngo z'abakungu bagasangira ibyo kurya bakanywa n'amayoga.

Umukerarugendo: Umuntu wiyemeje gukora urugendo agiye gusura ibyiza bitatse aho agiye.

Umunyamahugu: Umuntu wamenyereye kwambura, udashobora

kwishyura amafaranga yagurijwe, umuntu ushaka gutwara iby'abandi abeshya ko ari ibye.

Umunyana: Igisimba kimeze nk'inyana bivugwa ko cyazaga nijoro, wakibona kirakinagira ukazabaho igihe kirekire, ukarama.

Umurambi: Ahantu harehare harambitse, hatarimo imisozi.

Umuranga: Uwamamaza ibikorwa by'umuntu cyangwa by'ikigo runaka; na none ni umuntu ushakira undi umugeni.

Umusemburo: Imvange y'ifu (amamera cyangwa amakoma) basembuza umutobe/umusururu kugira ngo bishye bibe inzoga.

Umushizi w'isoni: Umuntu ufite ingeso yo kuvuga nabi/gutukana.

Umutahira: Umutahira wari umunyacyubahiro baremeraga ubushyo bw'inyambo akaburagira, akabukenura bukazarinda busaza. Umutahira yishyiriragaho abakozi bo kumufasha muri uwo murimo bitwaga abarenzamase bakaragira (kwirirwa inyuma y'inka), bagakuka, bagaca ibyarire, n'ibindi.

Umutimanama: Ibyiyumviro, amarangamutima, ubwitonzi.

Umwaga: Umunabi, umushiha.

Urugendo shuri: Uruzinduko abantu bakorera ahandi hantu bagamije kwiga.

Uruhindu: Igikoresho kimeze nk'agacumu gato kiboha ibyibo.

Urutoto: Amagambo menshi ahatira umuntu gukora ikintu runaka.

Uruvunganzoka: Abantu benshi cyane bagana mu kerekezo kimwe cyangwa banyuranamo.

Ushamaje: Ushimishije abawurora.

Wiraburirwaga: Bawukorerega imigenzo yo kwirabura bakagira ibyo bigomwa bakundaga. **Kwirabura:** Kwari ukumara igihe runaka abantu bazirikana uwabo wabaga yitabye Imana.

Zishagawe: Zikikijwe, zishimiwe.

Ibitabo byifashishijwe

- IKIGO GISHINZWE GUTEZA IMBERE UBUREZI MU RWANDA, 2015, *Integanyanyigisho z'Ikinyarwanda mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza*, REB, Kigali.
- MINISITERI Y'AMASHURI ABANZA N'AYISUMBUYE, 1990, *Ikinyarwanda, Ikibonezamvugo: Iyigantego, Inshoza y'inshinga nyarwanda, Isomo ryateguwe na Igiraneza Tewodomiri*, BPES, Kigali.
- MINISITERI Y'UBUREZI BW'IGIHUGU, 1976, *Gusoma, umwaka wa gatandatu*, Hatier, Paris.
- MINISITERI Y'UBUREZI, 2008, *Ikinyarwanda: Imyandiko mfashanyigisho, Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa mbere*, NCDC, Kigali.
- MINISITERI Y'UBUREZI, 2008, *Ikinyarwanda: Imyandiko mfashanyigisho. Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa kabiri*, NCDC, Kigali.
- IRST, 2000, *Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda, Igatabo I-IV*, IRST, Kigali.
- MINISITERI Y'URUBYIRUKO, UMUCO NA SIPORO, 2005, *Ibirari by'Insigamigani, Icapiro ry'Ingoro y'Umurage w'u Rwanda, Igitabo cya kabiri*, Icapiro rya 3, Printer set, Kigali.
- MINISITERI Y'AMASHURI ABANZA N'AYISUMBUYE, 1988, *Ikinyarwanda, Umwaka wa munani*, Imprisco, Kigali.
- MURIHANO, B., 1988, *Ibirari by'Insigamigani*, Kigali.
- **USAID**, REB, EDC, DRAKKAR, Muze bana twandike dusome.

Imbuga nkoranyambaga

[http://reb.rw/fileadmin/competence_based_curriculum/syllabi/Upper Secondary/ikinyarwanda_mu_mashami_y'indimi.pdf](http://reb.rw/fileadmin/competence_based_curriculum/syllabi/Upper_Secondary/ikinyarwanda_mu_mashami_y'indimi.pdf): ku wa 20/7-30/8/2016.

<http://umuco-nyarwanda.blogspot.com/>: ku wa 2/7-3/8/2016.

<https://www.google.rw>